# Ikinyarwanda – Amashuri yisumbuye

## Umwaka wa 1

Igitabo cy'umunyeshuri

DRAKKAR

**Inzu y'ubwanditsi**
Drakkar Ltd
Po Box 4435, Kigali, Rwanda
Website: www.drakkarworld.com

©Drakkar Ltd

**Abanditse iki gitabo**

MURERA Jean Marie Vianney
HAGUMUBURAME Joseph
NTIZIHABOSE Jean Napoléon
MIHANGA Alphonse
VUGUZIGIRE Patrice
UMUKUNZI Eric
UBAYIMFURA Providence

**Cyatangajwe ubwa mbere mu mwaka wa 2017**

Uburenganzira bw'umwanditsi bugomba kubahirizwa. Birabujijwe gufotora iki gitabo, cyangwa gukoresha ibihangano birimo mu gihe icyo ari cyo cyose utabifitiye uburenganzira bw'Inzu y'Ubwanditsi Drakkar Ltd. Umuntu wese uzarenga kuri aya mabwiriza azahanwa n'itegeko (Itegeko Nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 kuva ku ngingo ya 195 kugera ku ya 197).

ISBN 978-99977-49-14-7

**Abatunganyije igitabo**

OKOTH Joakim, WATHUM Latim

**Icapiro**
English Press Ltd

# Ishakiro


**Iriburiro** ........................................ i

**Umutwe wa 1: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango** .................... **1**

Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango ........................ 1

Izina ........................ 5

Izina mbonera ........................ 5

Izina bwite n'izina rusange ........................ 6

Umwandiko: Imibanire y'abagize umuryango ........................ 8

Inteko z'amazina ........................ 10

Ubumwe n'ubwinshi by'amazina ........................ 13

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa mbere ........................ 15

Isuzuma risoza umutwe wa mbere ........................ 16

**Umutwe wa 2: Ibiyobyabwenge mu rubyiruko** ........................ **19**

Umwandiko: Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko ........................ 19

Uturemajambo tw'izina ........................ 22

Umuvugo: Mucyo turwanye ibiyobyabwenge ........................ 26

Umuvugo ........................ 29

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kabiri ........................ 29

Isuzuma risoza umutwe wa kabiri ........................ 30

**Umutwe wa 3: Ibidukikije** ........................ **33**

Umwandiko: Amazi n'akamaro kayo ........................ 33

Amabwiriza y'imyandikire: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru ........................ 36

Umwandiko: Inyamaswa zo mu mazi ........................ 39

Imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze ........................ 42

Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatatu ........................ 44

Isuzuma risoza umutwe wa gatatu ........................ 44

**Umutwe wa 4: Umuco w'amahoro ........ 47**
Umwandiko: Imibanire y'abantu ........ 47
Amoko y'amagambo ........ 50
Umwandiko: Umurage w'umubyeyi ........ 52
Isanisha ry'amagambo mu nteruro ........ 56
Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo ........ 57
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kane ........ 59
Isuzuma risoza umutwe wa kane ........ 59

**Umutwe wa 5: Ubuzima ........ 62**
Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo ........ 62
Amoko y'imyandiko ........ 66
Umwandiko mvugo shusho: Ishuri ryacu ........ 69
Umuvugo: Muze twambarire urugamba ........ 70
Itandukaniro hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo ........ 72
Ibiganiro mpaka ........ 73
Inkuru ngufi: Munezero na mugenzi we ........ 76
Inkuru ngufi ........ 80
Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatanu ........ 81
Isuzuma risoza umutwe wa gatanu ........ 82

**Umutwe wa 6: Umuco nyarwanda ........ 84**
Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda ........ 84
Kwakirana urugwiro abakugana ........ 87
Ntera ........ 90
Izina ntera ........ 94
Intego y'izina ntera ........ 94
Ibisantera ........ 95
Umwandiko: Umugani w'umukobwa wo mu gisabo ........ 97
Umugani muremure ........ 100
Umwandiko: Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda ........ 101
Ihinamwandiko ........ 104
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu ........ 106
Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu ........ 106

**Umutwe wa 7: Itumanaho....... 109**
Umwandiko:Itumanaho ....... 109
Ibaruwa isanzwe....... 113
Ubutumwa bugufi....... 116
Inshamake y’ibyizwe mu mutwe wa karindwi ....... 116
Isuzuma risoza umutwe wa karindwi ....... 117

**Umutwe wa 8: Imyidagaduro ....... 119**
Umwandiko: Imikino n' akamaro kayo....... 119
Ibisakuzo....... 122
Urwenya ....... 123
Umwandiko: Igitaramo nyarwanda....... 124
Ibinyazina nyereka....... 127
Ibyivugo....... 131
Uturingushyo....... 133
Amagorane ....... 135
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani ....... 136
Isuzuma risoza umutwe wa munani ....... 136

**Umutwe wa 9: Iterambere ry’urugo ....... 139**
Umwandiko: Uruhare rw’ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa ....... 139
Ubutinde bw’imigemo....... 142
Umwandiko: Akamaro k’imboga ....... 144
Ikinyazina ngenera....... 147
Umwandiko: Akarima k’igikoni....... 149
Ikinyazina ngenga....... 151
Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda ....... 155
Isuzuma risoza umutwe wa kenda ....... 155
Imyandiko y’inyongera....... 158
Iyungure amagambo....... 163

**Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe....... 168**

## Iriburiro

Mu rwego rwo gushimangira imyigire n'imyigishirize ishingiye ku bushobozi, twaguteguriye iki gitabo cyanditswe kigendeye ku nteganyanyigisho nshya y'Ikinyarwanda. Iyi nteganyanyigisho yateguwe n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) muri 2015 ishyira mu bikorwa intego ndetse n'ibyifuzo by'Igihugu cyanecyane mu byerekeranye no gushimangira ubunyarwanda. Twakiguteguriye kugira ngo kigufashe mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye. Ni ngombwa ko tugusobanurira ibyo kizagufashamo, ibirimo n'imikoreshereze yacyo.

Iki gitabo kizagufasha muri byinshi. Twavuga: Gushungura ibitekerezo wumvise cyangwa wasomye uko bikwiye ugaragaza ko wasobanukiwe n'ubutumwa. Kuvuga udategwa utanga ibitekerezo bigaragaza uko wumva ibintu kandi utanga ingingo zishyigikira cyangwa zivuguruza ibitekerezo by'abandi ku nsanganyamatsiko zinyuranye. Gusoma udategwa inyandiko zinyuranye, inkuru zishingiye ku biriho cyangwa ibihimbano. Kumva insanganyamatsiko z'ingenzi, ibitekerezo, ibyabaye, abavugwa mu nkuru n'uturango tw'ururimi rwakoreshejwe unitoza gutekereza mu buryo bwimbitse.

Kizagufasha kandi gusesengura no gutandukanya ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda. Guhanga imyandiko irambuye ku nsanganyamatsiko zatoranyijwe ukurikiranya neza ibitekerezo; gukoresha amagambo n'imvugo biboneye wubahiriza amategeko y'imyandikire, imyubakire y'interuro, imiterere n'isura by'umwandiko. Kwandika ibitekerezo byawe ku buryo bufututse no guhitamo ibyo uvuga n'uburyo ubivugamo bitewe n'icyo ugamije n'abo ubwira. Gusesengura imiterere y'ururimi no gukoresha uko bikwiye ubwoko bunyuranye bw'amagambo mu nteruro. Gusoma no kwandika uko bikwiye amagambo n'interuro by'Ikinyarwanda yubahiriza imyandikire n'imivugire yemewe. Gusobanura no gukoresha amategeko y'ikibonezamvugo wize mu kubaka interuro n'imyandiko.

Iki gitabo k'Ikinyarwanda kigabanyijemo imitwe ikenda ikubiyemo insanganyamatsiko zivuga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango, ibiyobyabwenge mu rubyiruko, ibidukikije, umuco w'amahoro, ubuzima, umuco nyarwanda, itumanaho, imyidagaduro n'iterambere ry'urugo. Izo nsanganyamatsiko zizagufasha kugira ubukesha ku ngingo zinyuranye nk'uburinganire n'ubwuzuzanye mu kuzuza inshingano z'abagize umuryango no kunoza imibanire y'abagize umuryango. Uzashishikarira kandi guhashya ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko, kwimakaza indangagaciro z'umuco nyarwanda no kwakira neza abakugana, kubungabunga amazi n'inyamaswa ziyabamo, kwimakaza imibanire myiza n'ubworoherane, kubahana no gufatanya. Uzungukiramo uburyo bwo kwirinda SIDA n'ikwirakwira ryayo, guteza imbere umuryango wihaza mu biribwa ngandurarugo, imboga ndetse n'imbuto. Uzamenya gukoresha neza itumanaho rinyuze muri terefoni, amabaruwa asanzwe no mu butumwa bugufi. Insanganyamatsiko y'imyidagaduro yo izagufasha gusesengura

ingeri zinyuranye z'ubuvanganzo bwo muri rubanda nk' igitaramo nyarwanda, ibisakuzo, ibyivugo, urwenya, uturingushyo n'amagorane ndetse no kwisanzura mu mikino ugendeye ku kamaro kayo.

Usibye ubukesha uzakomora muri ziriya nsanganyamatsiko uzasesengura, imyandiko zikubiyemo izagufasha no kwiga ikibonezamvugo k'Ikinyarwanda, umenyeremo uburyo bwo gusesengura uturemajambo no gukoresha izina mbonera , ntera, izina ntera, n'ibinyazina ndetse unungukiremo ibijyanye n'igisantera. Uzanamenyeramo imiterere y'ubutinde bw'imigemo bukuganisha ku gutandukanya amagambo yandikwa kimwe ntasomwe kimwe n'imiterere y'interuro mbonezamvugo cyangwa nyobyamvugo. Izanagufasha kuba intyoza  mu kuvuga ushize amanga witoreje mu biganiro mpaka cyangwa mu gutora imivugo no guhina cyangwa guhanga imyandiko inyuranye. Uzanagezwaho imbata y'umwandiko ntekerezo, imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda, amoko y'imyandiko: umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho, inkuru, n'imivugo.

Muri iki gitabo hakubiyemo imyitozo izagufasha gusesengura iyo myandiko no kwiyungura andi magambo, guhanga imyandiko inyuranye, kuvugira mu ruhame. Iyo myitozo ikubiyemo, iteguye ku buryo iguha uruhare runini mu myigire yawe igutoza kongera ubushobozi mu gusabana mu Kinyarwanda, no kugirana n'abandi ubufatanye n',imibanire ikwiye. Harimo kandi imyitozo y'ubumenyi ngiro izagufasha gutekereza ku byo uhura na byo mu buzima bwa buri munsi, izagufasha guhora wiyungura ubumenyi no kugira ubushobozi bwo kujora no gushakashaka ibisubizo by'ikibazo ndetse no mu guhanga udushya. Iyi myitozo ikuganisha mu gukora ubushakashatsi buhoraho usoma ibitabo bitandukanye byagufasha, usura imbuga nkoranyambaga,  ubaza inararibonye  muturanye kugira ngo ziguhe ibitekerezo ku nsanganyamatsiko zikubiyemo ari na ko wisunga bagenzi bawe mukajya impaka mu rwego rwo kungurana ibitekerezo.


Mu mpera z'igitabo hari ibisobanuro by'amwe mu magambo akubiye mu myandiko. Ayo magambo atondetse yubahirije itonde ry'Ikinyarwanda. Uhuye n'ijambo rikugoye mu kuribonera igisobanuro, wareba niba utarisangamo, waribura ukifashisha inkoranyamagambo. Hari kandi n'imyandiko y'inyongera izagutoza kwisomera ndetse n'ibitabo n'imyandiko byifashishijwe byagufasha kurushaho kwiyungura ubumenyi.

Muri make, iki gitabo kizagufasha gukura ukuza ubunyarwanda nyabwo kuko kigukungahaza ku muco n'ururimi by'abakurambere kikakwinjiza mu bumenyi, ubumenyi ngiro n'ubukesha Umunyarwanda akeneye mu Gihugu imbere no mu rwego rwo gusabana no gutara ubundi bugeni mu bihugu by'ibituranyi. Kizaguha kandi kumenya ubukungu bw'umuco nyarwanda binyuze mu buvanganzo ndetse no gusesengura imiterere y'ururimi rwawe kavukire rw'Ikinyarwanda, bityo urusheho kurukunda no kurukundisha abandi.

| Ikimenyetso | Ibisobanuro |
|---|---|
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe na bagenzi bawe muri mu matsinda mu gihe mwungurana ibitekerezo. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe na mugenzi wawe babiribabiri. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukora wowe ubwawe ku giti cyawe. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gukorera hamwe mu ishuri ryose mujya impaka. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo gutekereza ku buryo bwimbitse. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo wo kwandika. |
|  | Iki kimenyetso kikwereka umwitozo w'isuzuma risoza umutwe. |
|  | Iki kimenyetso kirakwereka umwitozo w'ubushakashatsi mu nzu y'isomero ku bijyanye n'ikibonezamvugo cyangwa ubuvanganzo. |

# 1 Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango

## Umwandiko: Inshingano z'abagize umuryango



Kuva kera umuryango wari ugizwe n'umugabo, umugore we n'abana babyaranye, iyo babashije kubagira. Ijambo inshingano ryo rivuga imirimo umuntu agomba gukora. Tugiye kurebera hamwe uko umuco w'Abanyarwanda wateganyaga inshingano z'umugabo, iz'umugore n'iz'abana.

Mu muco nyarwanda, umugabo yari nyiri urugo. Yafatwaga nk'umuyobozi w'umuryango akawuhagararira, akawuhahira, akawitangira muri byose. Ni we wari ushinzwe ibyo kubaka, iby'ubuhinzi, iby'amatungo. Iyo umuryango wabaga ukize, byaramwitirirwaga. Iyo wibasirwaga n'ubukene, na bwo ni we wasabwaga kugira icyo akora kugira ngo umuryango ubusohokemo. Umugabo yagombaga gukora ku buryo abana n'umugore baticwa n'inzara, batambara ubusa. Iyo umugore yambaraga nabi, hagawaga umugabo kuko bavugaga ko atita ku mugore we. N'abana ni uko. Icyo ni cyo cyatumaga umugabo abona umuryango we wugarijwe n'ubukene, agafata ikemezo cyo guhaguruka akajya kuwuhahira, akazagaruka azanye ihaho.

Umugore na we yari afite inshingano yagenerwaga n'umuco. Icya mbere umugore yashingwaga n'umuco ni ukurera abana. Nyuma yo kubyara umugore yitaga ku mwana, akamwonsa, akamuheka, akamenya isuku ye. Ni we wamenyaga ko umwana ashonje, akamugaburira. Ni we wamenyaga imyitwarire y'umwana mu mikurire ye, akagenda amutoza imico myiza kugira ngo azavemo umugabo cyangwa umugore ushimwa n'abantu. Usibye kurera abana, umugore yari afite inshingano yo gutegura amafunguro. Umugore rero yaratekaga akagaburira umugabo n'abana. Ikindi umugore yari ashinzwe ni isuku mu rugo. Umugore ni we wakuburaga, ni we wamesaga imyenda y'umugabo n'iy'abana, ni we wabasasiraga.

Abana na bo bari bafite inshingano zo kumvira ababyeyi mu byo babatoza. Umwana w'umuhungu yakuraga atozwa imirimo ya kigabo, uw'umukobwa na we agatozwa iya kigore. Umuhungu yaragiraga inka, akazikama, agafasha se mu by'ubwubatsi n'iby'ubuhinzi. Umukobwa yafashaga nyina kurera abana bato kuri we, akamufasha kubuganiza no gucunda amata no gusobanura amavuta, akamufasha guteka ndetse no gusukura urugo.

Muri iki gihe Abanyarwanda bagenda batera intambwe yo gusohoka muri iyo mitekerereze ari na ko bimakaza imyumvire mishya igenda ikosora ibitari binoze mu muco wa kera. Ikerekezo k'iterambere kirasaba umugabo n'umugore kuba ari bo bigabanira imirimo bitewe n'ubushobozi n'umwanya buri wese afite. Niba umugore azinduka ajya ku murimo wa kure, haba mu biro cyangwa ajya gushakisha ibicuruzwa, ubwo umugabo azasigara mu rugo, yite ku bana, yite ku isuku y'urugo, amenye amatungo yose, amagufi n'amaremare. Niba umugabo ari we ukora akazi ka kure, umugore ni we uzasigara mu rugo yita ku mirimo yose. Umugore aramutse ari we winjiza amafaranga menshi kurusha umugabo, ni we wakwita ku by'ubuhinzi n'ubwubatsi, kuko ari we waba afite icyo ashoramo. Igihe bombi bafite icyo binjiza, bazicara hasi bavugane imikoreshereze y'umutungo wabo, buri wese agaragaze uruhare rwe mu bikorwa by'iterambere ry'umuryango.

Ku byerekeranye n'uburere bw'abana, ivangura ry'ibitsina mu gutozwa imirimo ntirigifite agaciro. Ababyeyi bagomba gutoza abana imirimo yose. Umuhungu azigana n'umukobwa gusukura urugo, gufuma, kubuganiza amata mu cyansi no kuyatereka ku ruhimbi; umukobwa na we yigane na musaza we kubaza, gucura, kubaka ndetse no gutwara ibinyabiziga. Ibyo byose ariko bagomba kubikora ari na ko bigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bakiri bato, bakamenya imihindagurikire y'imibiri yabo uko bagenda bakura n'uko bagomba kubyitwaramo. Bazahurira mu mashuri y'ubumenyi n'ay'ikoranabuhanga, bahurire mu mashuri y'imyuga n'ay'ubukorikori. Muri aya mashuri yose kandi ihame ry'uburezi budaheza rigomba kubahirizwa, buri munyeshuri agahabwa amahirwe yo kwiga hitabwa ku bibazo by'umwihariko uwo ari we wese yaba afite. Kandi ayo mashuri nibayarangiza, bazahurira ku isoko ry'umurimo bapiganwe, urushije undi amanota abe ari we wegukana akazi,yaba umukobwa cyangwa umuhungu.

Nk'uko tumaze kubibona umuco wa kera waranzwe no kugaragaza ko hari ibyo umugabo yari ashinzwe umugore atakwigerereza, n'umugore akagira ibyo yabazwaga bitari mu nshingano z'umugabo. Uyu munsi, Abanyarwanda baratozwa kuzuzanya, kunganirana. Nta mirimo igenewe umugabo, nta n'igenewe umugore. Bitewe n'uko byumvikanyweho mu rugo hashingiwe ku bushobozi buri wese afite, umugabo yiyemeza gukora ibi, umugore na we akiyemeza gukora biriya, umusaruro ukaba uw'urugo rwose. Ntabwo urugo rukiri urw'umugabo; ni urwa bombi. Bagomba bombi guharanira iterambere ry'umuryango ntawusiganya undi. Bafatanya bose, haba mu gushakisha ibibatunga, haba no mu guha uburere bwiza abo bibarutse nta vangura rishingiye ku gitsina.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni izihe nshingano umugabo yahabwaga n'umuco wa kera?
2. Naho umugore we umuco wamugeneraga izihe?
3. Imirimo yari igenewe abana yo yari iyihe?
4. Wagereranya ute inshingano umuco wa kera wageneraga abagize umuryango n'uko bimeze muri iki gihe?
5. Ku bwawe wumva ute ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi?
6. Wavuga iki ku kemezo cyo gusiga urugo k'umwe mu bashakanye akajya kurushakira imibereho?
7. Ukurikije ubuzima bwacu bwa buri munsi twabuhuza dute n'ibivugwa mu mwandiko?

## II. Inyunguramagambo

1. **Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

   a) Kwibasira
   b) Kugariza
   c) Ihaho
   d) Gusobanura amavuta
   e) Ku ruhimbi
   f) Kwibaruka

2. **Shaka imbusane z'amagambo akurikira**

   a) Abanyarwanda
   b) Kera
   c) Ribura
   d) Kure
   e) Isuku
   f) Winjiza

**3. Garagaza impuzanyito z'amagambo akurikira:**

a) Igateganywa
b) Ik'ibanze
c) Uretse
d) Ibiribwa n'ibinyobwa
e) Bitunganye
f) Barushanwe

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe: gushoramo, gusigana, ku isoko ry'umurimo, bibarutse**

   a) Umuntu ugiye gutangira umushinga w'ubucuruzi agomba kureba niba afite amafaranga ahagije yo ……………… .

   b) Umukobwa n'umuhungu bakuze bahabwa uburenganzira bumwe bakagira n'amahirwe angana ……………… .

   c) Umuntu wese akwiriye kurangiza inshingano ze akareka ……………… .

   d) Ni byiza ko abantu bose bageregeza kwita ku bo ……………… babateganyiriza ibizabatunga.

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

**1.** Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.

**2.** Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

**3.** Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi.

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:**

a) Ku bwawe wumva ute ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagati y'ibitsina byombi?

b) Ni izihe mbogamizi ubona cyangwa wumvana abandi zaba zibangamira iri hame, ndetse n'ingaruka zo kutubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango?

c) Mubona kwita ku bibazo by'umwihariko bya buri munyeshuri byateza imbere bite imyigire n'imyigishirize mu mashuri?

## Izina

### Izina mbonera

Itegereze interuro zikurikira hanyuma uvuge niba amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri ari amazina mbonera.

a) Nahuye n'umukobwa w'**umushoferi** wambaye **ishati** y'umweru afite na **terefoni.**

b) **Abakozi** b'abahungu na bo bakeneweho kunoza **imikorere** n'**imyitwarire**.

c) **Umunyeshuri** w'**umurwanashyaka** mu byo yiga bimugira **umunyamahirwe** mu buzima, yaba ari umukobwa akubahwa nk'**umwamikazi**.

d) **Umuryango** ugizwe n'umugabo**, umugore** we **n'abana.**

e) **Umugore** na we afite inshingano agenerwa n'**umuco**.

### Inshoza y'izina mbonera:

Mu Kinyarwanda izina ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga ndetse rikabitandukanya n'ibindi. Iyo dushingiye ku ntego y'amazina, dusanga Ikinyarwanda gifite amazina mbonera (afite uturemajambo dutatu ari two indomo, indanganteko n'igicumbi) ndetse n'amazina y'urusobe (afite uturemajambo turenze utw'izina mbonera). Naho twashingira ku nkomoko y'amazina, tugasanga ururimi rw'Ikinyarwanda rugira amazina amwe akomoka mu ndimi z'amahanga n'andi y'umwimwerere asanzwe mu Kinyarwanda. Ayo mazina y'umwimerere ni yo twita "amazina gakondo." **Izina mbonera** ni izina ry'umwimerere risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda, rikagira uturemajambo tw'izina mbonera (indomo, indanganteko n'igicumbi).

### Uturango tw'izina mbonera

Izina mbonera rirangwa n'uko muri rusange riba ari rimwe, ritari inyunge y'amazina menshi, kandi muri rusange ridakomoka ku nshinga. Kuba ari gakondo rero byo ni

ukuvuga ko riba ari umwimerere, ritaratiwe mu rundi rurimi.

**Ingero**: ikibabi, umuhini, umuvure, imiseke, amazi, umutsima...

## Imyitozo ku izina mbonera

Umunyeshuri akore neza umwitozo, atahura amazina mbonera yakoreshejwe mu nteruro anayakoresha neza mu nteruro ngufi kandi zumvikana neza.

**1. Erekana amazina mbonera yakoreshejwe mu nteruro zikurikira:**

a) Muri iki gihe Abanyarwanda bagenda batera intambwe yo gusohoka mu icuraburindi ry'ubujiji.

b) Umusaruro uvuyemo ukaba uw'urugo n'abantu barurimo bose.

c) Ibijumba, ibishyimbo, ibitoki n'ibindi ni ibihingwa ngandurarugo.

**2. Koresha aya mazina mu nteruro ngufi kandi zumvikana.**

a) Umuhungu b) Abageni c) Ibirayi

## Izina bwite n'izina rusange

Itegereze interuro zikurikira hanyuma amagambo yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri uyashyire mu matsinda abiri ukurikije ibyo ahuriyeho, unatahure itandukaniro hagati y'ayo matsinda yombi.

**a)** Ku byerekeranye n'**uburere** bw'**abana**, ivangura ry'**ibitsina** mu gutozwa **imirimo** ntirigifite **agaciro.** Ababyeyi bagomba gutoza abana imirimo yose.

**b)** Nahuye na **Kagabo** agiye kwa **Karenzi** aho batuye i **Tumba** ya **Huye**.

**c)** Kwa **Kamana** ni hafi y'**umurima** wa **Mugeni**.

## Inshoza y'amazina rusange

Amazina y'Ikinyarwanda arimo ingeri ebyiri z'ifatizo tugendeye ku nyito zayo. Amazina rusange n'amazina bwite. Amazina rusange ni amagambo yitirirwa ibintu muri rusange nta mwihariko uriho akagaragaza aho ikintu runaka gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko.

**Ingero:** uburezi, abana, ibitsina , imirimo, agaciro, umugozi.

## Inshoza y'amazina bwite

Amazina bwite yitirirwa umuntu cyangwa ikintu izina gihorana, rikakiranga,

rikagitandukanya n'ibindi bintu bihuje ubwoko. Amazina bwite ni amagambo avuga ikintu kimwe kihariye, kitari rusange.

**Ingero:** Kanani, Karenzi, Taba, Kayonza.

## Uturango tw'amazina rusange n'amazina bwite

Amazina rusange n'amazina bwite yose ni amazina, ariko atandukanira ku nyito yayo. Amazina rusange mu nyandiko atangirwa n'inyuguti nto, ashobora no kujya mu bwinshi, mu gihe amazina bwite avuga umuntu, ahantu cyangwa ikindi kiswe by'umwihariko, mu nyandiko agatangizwa inyuguti nkuru, kandi muri rusange ntagire ubwinshi.


## Umwitozo ku mazina bwite n'amazina rusange

Umunyeshuri akore neza umwitozo wo gutahura mu nteruro amazina rusange n'amazina bwite.

**Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro.**

a) Umuryango ugizwe n'umugabo, umugore we n'abana babyaranye.
b) Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu.
c) Abakobwa bajyanye na Kagoyire ku isoko bahura na Kagenzi ari kumwe na Rukundo.
d) Gasore akina umupira bigashimisha.

## Umwandiko: Imibanire y'abagize umuryango



Hari mu gitondo cyo ku wa Mbere, aho buri wese mu muryango wacu yabadutse yitegura kujya ku murimo, nyuma y'iminsi ibiri y'ikiruhuko gisoza icyumweru. Musaza wange yarabyutse abanza gushigisha igikoma, akubura mu rugo hanyuma ajya kwiyuhagira kugira ngo age ku ishuri asa neza. Imyenda y'ishuri ye nari naraye nyimutunganyirije mu gihe yari mu gikoni, afasha mama gutegura amafunguro y'umugoroba. Mama we yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka ubwatsi inka yacu Musengo yirirwa irya.

Nge nari nazindutse njya kugemura amagi kwa Karisa, umucuruzi wakoreraga nko muri kirometero imwe uvuye iwacu, mvuyeyo njya kwisukura kugira ngo nge ku ishuri. Mu gihe ntararangiza kwambara, numva data aravugana n'umuntu hafi y'urugo. Maze gushyiramo umwenda w'ishuri ndasohoka mbasanga hanze. Nabanje gusuhuza umushyitsi, hanyuma mbaza data uwo ari we. Yambwiye ko ari umufundi maze nkoma agatima ku mushinga ababyeyi bacu bari baratubwiyeho.

Hari hashize iminsi ibiri data aduteranyirije hamwe, hanyuma atubwira umushinga yari yatekereje wo kwagura inzu twabagamo. Twese twemeraga ko inzu twarimo yari nto, ariko tukibaza aho tuzaba igihe irimo kuvugururwa. Data yavugaga ko twasemberera ku baturanyi, natwe abana tukumva nta cyo bitwaye cyanecyane ko abaturanyi bacu twari tubanye neza, dusangira akabisi n'agahiye. Mama we yumvaga gusembera bitaba byiza, byabangamira abaturanyi kandi natwe bikadutera ipfunwe. Mama yatanze igitekerezo cyo kubanza kubaka akazu ko mu rugo, kakuzura tukakajyamo maze tukabona kuvugurura inini. Igitekerezo ke cyaremejwe. Uwo mufundi rero yari aje gupima aho akazu ko mu rugo kazubakwa.

Narasezeye njya kwiga, ngenda nibuka ko ngomba gutaha kare, ngahura na musaza wange na we avuye kwiga, tugafatanya imirimo yo mu rugo. Mama yari agiye kumara

igihe ari we wita ku by'ubuhinzi n'amatungo, abana tukita ku mirimo yo mu rugo, igihe tutari ku ishuri, naho data we igihe ke yari agiye kugiharira iby'ubwubatsi. Numvaga bishimishije uburyo twari twaragabanye imirimo, nkumva mfite ishyaka ryo kurangiza neza inshingano zange zo kwiga no gukora imirimo yo mu rugo.

Nzi neza ko musaza wange atazamvunisha kuko iwacu nta mirimo iharirwa abahungu cyangwa ngo iharirwe abakobwa. Ibyo byose kandi tubikora ari na ko twigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere tukiri bato, bikadufasha kumenya imihindagurikire y'imibiri yacu uko tugenda twigira imbere mu myaka ndetse n'uko twabyifatamo. Iwacu twatojwe imibanire myiza mu muryango.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Inama ivugwa ko yari imaze iminsi ibaye muri uyu muryango yavugaga ku biki ?
2. Umushyitsi uvugwa muri iyi nkuru ni muntu ki?
3. Kuba muri ruriya rugo nta mirimo iharirwa abahungu cyangwa abakobwa bigaragaza iki?
4. Sobanura uko imibanire ya bariya bavandimwe yifashe.
5. Gereranya imibanire y'abagize uriya muryango n'iy'abagize umuryango wawe, n'undi muryango umwe mu yo muturanye.

## II. Inyunguramagambo

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Mu ruturuturu
b) Nkoma agatima
c) Kwagura
d) Twasemberera
e) Ipfunwe
f) Ishyaka

**2. Shaka imbusane z'amagambo akurikira:**

a) Hanze
b) Gusuhuza
c) Cyaremejwe
d) Narasezeye
e) Bishimishije

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Aduhurije hamwe
b) Ayingororeye
c) Twumvikanaga
d) Ikimwaro
e) Umwubatsi
f) Ntekereza
g) Ubushake

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.
2. Erekana ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.
3. Garagaza uko ubona izo ngingo zihura n'ubuzima bwa buri munsi.

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda.

**Insanganyamatsiko:** Ni izihe ngamba zafatwa mu rwego rwo guteza imbere ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango?

## Inteko z'amazina

Soma interuro zikurikira zirimo amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri. Kuri buri nomero ushake andi mazina byisanisha kimwe bitewe n'ubundi bwoko bw'amagambo bifatanyije kurema interuro. Tahura ibijyanye n'ikiciro gihuza amazina afite imisanishirize imwe uhereye ku rugero rukurikira: Umwana munini aragaragara turamubona.

1. Mu gihe ntararangiza kwambara ngo nge kwiga, numva data aravugana n'**umuntu** hafi y'urugo, ambwira ko ari **umufundi**.
2. Nkoma agatima ku mushinga twari twaraganiriyeho n'**ababyeyi**.
3. Buri wese mu **muryango** wacu yabadutse yitegura kujya ku **murimo**.
4. Hari hashize **iminsi** mike tubiganiriyeho.
5. Imyenda y'**ishuri** ya musaza wange nari naraye nyimutereye ipasi.
6. Nge nari nazindutse njya kugemura **amagi**.
7. Mu **gitondo** buri wese yiteguraga kujya ku murimo, nyuma y'**ikiruhuko** gisoza **icyumweru**.
8. **Ibitekerezo** byacu byahurije ku kwanga gusembera.
9. Data atubwira umushinga yari yatekereje wo kwagura **inzu** twabagamo.

10. Numvaga mfite ishyaka ryo kurangiza neza **inshingano** zange.
11. Kuvugurura inzu byatubereye **urubanza** rukomeye.
12. Mama yatanze igitekerezo cyo kubanza kubaka **akazu** ko mu rugo, kakuzura tukaba tukagiyemo.
13. Iyo abantu bari mu gikorwa cyo gusana inzu bahura n'**utubazo** twinshi.
14. Mama we yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka **ubwatsi**.
15. Iyo bakata urwondo **ukuguru** kurahababarira.
16. **Ahantu** hubakwa inzu hagomba gusuzumwa no gutegurwa neza.

## Inshoza y'inteko z'amazina

Mu Kinyarwanda amazina afite uko agenda yisanisha ava mu nteko iyi n'iyi akajya mu yindi. Amazina yisanisha mu buryo bumwe arema interuro mbonezamvugo idakocamye, ivugitse neza kabone n'ubwo yaba ivuga ibidashoboka.

***Urugero:***

- Insina ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inkoni ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inka ngufi ni yo icibwabo urukoma
- Inyoni ngufi ni yo icibwabo urukoma

Amagambo **insina, inkoni, inka, inyoni** yose ahuje inteko kuko yisanisha mu buryo bumwe kandi gusimburana mu nteruro imwe bituma interuro ikomeza kumvikana. Inteko z'amazina mu Kinyarwanda ni cumi n'esheshatu (16) zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu z'amazina.

## Uturango tw'inteko z'amazina

Inteko z'amazina zirangwa n'indanganteko cumi n'esheshatu. Indanganteko ni ko karemajambo k'izina kagaragaza inteko iryo zina ribarizwamo. Mu nteruro, amagambo menshi yisanisha n'izina afata indanganteko y'iryo zina ho indangasano. Izina ni ijambo ngengamasano mu nteruro.

***Urugero:***

- I**ki**bindi **ki**nini **ki**raboneka tura**ki**bona.
- U**ru**gi **ru**gari **ru**raboneka tura**ru**bona.

**Urutonde rw'inteko z'amazina, indanganteko, ingero z'amazina ahuje inteko n'isanisha.**

| Inteko | indanganteko | Ingero z'amazina | Isanisha |
|---|---|---|---|
| Inteko ya 1 (nt.1) | mu | Umuntu, umugore, umugabo… | munini aragaragara turamubona. |
| Inteko ya 2 (nt.2) | ba | Abahungu, abakobwa, abana… | banini baragaragara turababona. |
| Inteko ya 3 (nt.3) | mu | Umutiba, umuhini, umutako… | munini uragaragara turawubona. |
| Inteko ya 4 (nt.4) | mi | Imirima, imirenge, imineke… | minini iragaragara turayibona. |
| Inteko ya 5 (nt.5) | ri | Ishuri, ishyamba, iriba… | rinini riragaragara turaribona. |
| Inteko ya 6 (nt.6) | ma | Amagi, amatara, amabuye… | manini aragaragara turayabona. |
| Inteko ya 7 (nt.7) | ki | Icyumba, ikirunga, ikiyaga… | kinini kiragaragara turakibona. |
| Inteko ya 8 (nt.8) | bi | Ibitabo, ibiseke, ibisabo… | binini biragaragara turabibona. |
| Inteko ya 9 (nt.9) | n | Inka, intare, intebe… | nini iragaragara turayibona. |
| Inteko ya 10 (nt.10) | n | Intara, inkoko, inteko… | nini ziragaragara turazibona. |
| Inteko ya 11 (nt.11) | ru | Uruhimbi, urugori, urunana… | runini ruragaragara turarubona. |
| Inteko ya 12 (nt.12) | ka | Akarere, akarambi, akayunguruzo… | kanini karagaragara turakabona. |
| Inteko ya 13 (nt.13) | tu | Utugari, utwibo, uduseke… | tunini turagaragara turatubona. |
| Inteko ya 14 (nt.14) | bu | Uburiri, ubwato, ubutaka… | bunini buragaragara turabubona. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| Inteko ya 15 (nt.15) | ku | Ukwezi, ukuguru, ugutwi... | kunini kuragaragara turakubona. |
| Inteko ya 16 (nt.16) | ha | Ahantu | hanini haragaragara turahabona. |

### Umwitozo ku nteko z'amazina

Umunyeshuri akore neza umwitozo wo gutahura amagambo ahuje inteko.

Mu mbonerahamwe y'urutonde rw'inteko z'amazina wabonye ongeramo izindi ngero ebyiri z'amazina wihitiyemo kuri buri nteko.

## Ubumwe n'ubwinshi by'amazina

Itegereze interuro wahawe, amazina yanditse mu ibara ry'umukara tsiri uyavanguremo amazina avuga ikintu kimwe rukumbi n'andi avuga ibintu birenze kimwe.

a) Hari nyuma y'**iminsi** ibiri y'**ikiruhuko** gisoza **icyumweru**.

b) Mama yagombaga kwita ku by'ubuhinzi n'amatungo, abana tukita ku mirimo yo mu rugo, igihe tutari ku ish**uri**.

c) Gusembera byabangamira **abaturanyi** kandi natwe bikadutera **ipfunwe**.

d) **Umwana** ararya **umuneke** munini.

e) **Inka** zabyaye **utunyana** twiza.

f) Umuco w'**amahoro** ni mwiza naho **agasuzuguro** kakaba kabi.

h) Iyo umuntu anyoye **amata** hari **amafu** yumva ashize **inyota**.

### Inshoza y'ubumwe n'ubwinshi by'amazina

Ubumwe cyangwa ubwinshi by'amazina y'Ikinyarwanda bugaragazwa n'inteko z'amazina ayo mazina arimo. Ni ukuvuga ko hari inteko z'ubumwe hakaba n'inteko z'ubwinshi. Ubumwe bivuga ikintu kimwe cyonyine na ho ubwinshi bisobanura ibintu birenze kimwe (iyo bibarika).

Amenshi mu mazina y'Ikinyarwanda ajya mu nteko iyi n'iyi mu bumwe, mu bwinshi akajya mu yindi nteko izwi.

**Dore imbonerahamwe igaragaza ubumwe n'ubwinshi by'amazina:**

| **Mu bumwe** | | **Mu bwinshi** | |
|---|---|---|---|
| **Inteko** | **Urugero** | **Inteko** | **Urugero** |
| nt. 1 | umugabo | nt. 2 | abagabo |
| nt. 3 | umuheha | nt. 4 | imiheha |
| nt. 5 | iryinyo | nt. 6 | amenyo |
| nt. 7 | ikibindi | nt. 8 | ibibindi |
| nt. 9 | inka<br>isake | nt. 10<br>nt. 6 | inka<br>amasake |
| nt.11 | urudodo<br>urura | nt. 10<br>nt. 6<br>nt. 14 | indodo<br>amara<br>ubura |
| nt.12 | akanyoni | nt.13 | utunyoni |
| nt. 14 | ubwato | nt.14<br>nt. 6 | ubwato<br>amato |
| nt. 15 | ukuguru | nt. 6 | amaguru |
| nt. 16 | ahantu | nt. 16 | ahantu |

## Ikitonderwa:

**a)** Hari amazina yo mu nt. 11 afata ubwinshi mu nt. 10, nt. 6 n'inteko ya 14.

**Ingero:** urudodo : indodo

urura **:** amara, ubura

**b)** Hari amazina yo mu nt. 14 afata ubwinshi mu nt. 6 cyangwa akaguma mu nt. 14.

**Ingero:** Ubwato: ubwato, amato

**c)** Hari amazina yo mu nt. 9 afata ubwinshi mu nt. 10 cyangwa mu nt. 6.

**Ingero:** Isake : isake, amasake

**d)** Hari amazina mu nteko z'ubumwe, ariko atajya mu nteko z'ubwinshi.

***Ingero:***

- Ubumwe
- Urubura
- Agasuzuguro
- Ukuri
- Ubwinshi
- Ubutabera

Amenshi muri ayo mazina avuga ibintu bitabarika.

## Umwitozo ku bumwe n'ubwinshi by'amazina

Umunyeshuri akore neza umwitozo ashyira mu bumwe cyangwa mu bwinshi interuro ndetse atahure amagambo ari mu bumwe cyangwa mu bwinshi mu nteruro.

1. **Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo.**
   a) Umwana mwiza yiga mu ishuri bamugeneye.
   b) Ikibindi cyacu gisize urwondo rw'urugina.
   c) Ahantu ho kubakwa inzu hagomba gutegurwa neza.

2. **Erekana amazina ari mu bwinshi n'ari mu bumwe mu nteruro zikurikira.**
   a) Abagenzi basabwa kugendana amakenga mu rugendo.
   b) Akabando k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure.
   c) Iyo umurima uhingiwe igihe kandi ugahingwa neza wera imyaka myinshi.

### Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa mbere

Imyandiko yasomwe itwumvisha ko ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye ridutoza kubahana mu muryango no kuzuza inshingano za buri muntu. Yaba umwana, yaba umubyeyi akamenya ibyo agomba gukora ngo umuryango we ubeho neza kandi mu bwisanzure busesuye.

Nanone hifashishijwe ingero zivuye muri iyo myandiko, twatahuye ko:

**Izina mbonera** ari izina ry'umwimerere kandi risanzwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Amazina rusange** avuga ibintu muri rusange nta mwihariko uriho kandi mu nyandiko agatangirwa n'inyuguti nto; mu gihe **amazina bwite** yo avuga ikintu kimwe kihariye nk'umuntu, ahantu cyangwa ikindi gifashwe by'umwihariko kandi mu nyandiko agatangirwa n'inyuguti nkuru.

Ukurikije uko amazina rusange y'Ikinyarwanda agenda yisanisha mu nteruro, usanga yibumbiye mu **matsinda 16** bita **inteko z'amazina**. Amazina ahuje inteko yisanisha mu buryo bumwe kandi akarema interuro mbonezamvugo.

Amazina avuga ikintu kimwe rukumbi aba yerekana **ubumwe** mu gihe amazina avuga ibintu birenze kimwe yo aba yerekana **ubwinshi**.

## Isuzuma risoza umutwe wa mbere

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango no mu mibanire y'abantu**

Igihe cyahise ari kirekire umugore atagira ijambo mu rugo ndetse n'ahandi mu buzima busanzwe. Abantu bakabona ari uko bimeze, bakabifata batyo bikaba akarande. Uko iminsi ihita indi igataha iyo myumvire yagiye ihinduka, abantu babona ko ari ngombwa ko umugore na we ahabwa ijambo akagira uruhare mu iterambere ry'umuryango. Leta y'u Rwanda na yo yarabihagurukiye ishyiraho amategeko aha abantu bose amahirwe n'uburenganzira bingana nta vangura rishingiye ku gitsina ribayeho.

Ubu iyo witegereje iwacu mu ngo usanga umugore yarahawe ijambo. Agira uruhare mu igenamigambi ry'urugo, akajya inama n'umugabo we mu bijyanye n'imicungire y'umutungo, bagafatanya kurebera hamwe icyazamura urugo rwabo. Bakungurana ibitekerezo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, bakumvikana uko bakwiriye gufatanya kurera urubyaro rwabo no kuruteganyiriza ibyangombwa ruzakenera mu buzima.

Ku bijyanye n'imirimo y'urugo na ho usanga barebera hamwe uburyo urugo rwatera imbere hatabayeho kuvunishanya, ngo usange umugore ari we uharirwa imirimo iyi n'iyi umugabo yiyicariye kandi na we yayikora; ahubwo ubu usanga bajya inama bakuzuzanya kandi ibintu bikagenda neza. Mu gihe kera wasangaga atari ko bimeze; ahubwo umugore yarafatwaga nk'umucakara mu rugo, agakora ibyo ategetswe n'umugabo nta ruhare agira mu micungire y'urugo. Abana na bo basigaye batozwa imirimo yose nta vangura cyangwa itonesha.

Aho ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye riherewe agaciro mu muryango, usanga abantu bagerageza gusa n'abashyira ku munzani bakarebera hamwe uko umuryango wagira iterambere. Kuko igihe cyose hatajya habura abatsimbarara ku bitarimo ukuri, abantu babijyaho impaka bakareba uko bimeze.

Si mu rugo gusa kandi , kuko iyo urebye no mu buzima muri rusange ubona ko byari bikwiye ko igitsina gore gihabwa agaciro. Urebye nko mu mashuri, kera wasangaga ababyeyi bafite imyumvire y'uko umuhungu ari we ugomba kwiga gusa naho umukobwa akaguma mu rugo akora ya mirimo yose. Ugasanga ahubwo bihutiye kumushyingira imburagihe, bakanamushyingira uwo atagize uruhare mu gukunda, bityo wa muruho ukaba uratangiye.

Ubu n'abakobwa bariga kandi bagatsinda kimwe na basaza babo. Iyo barangije amashuri kandi bakora imirimo yabo neza uko bikwiye, bagateza igihugu imbere. Ndetse akenshi usanga banakora neza kurenza basaza babo, cyanecyane ko bakorana ubwitonzi, ubushishozi n'amakenga. Erega n'ubundi abareba kure bavuze ko ujijuye

umugore aba ajijuye umuryango w'abantu muri rusange. Ibi kubijyaho impaka rwose byaba ari ukwigiza nkana.

Uburinganire n'ubwuzuzanye ni ingenzi mu iterambere ry'umuryango n'igihugu muri rusange, kuko budakuraho inshingano za buri wese mu buzima; ahubwo bufasha abantu gushyigikirana no gutahiriza umugozi umwe, maze iterambere rikihuta.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

1. Gereranya uko umugore yafatwaga kera n'uko bimeze ubu mu muryango nyarwanda.
2. Rondora ibyerekana ko umugore yahawe uruhare mu iterambere ry'umuryango.
3. Ni uruhe ruhare rwa Leta mu guteza imbere uburinganire n'ubwuzuzanye?
4. Ugendeye ku mwandiko wavuga iki ku nshingano z'abagize umuryango muri iki gihe?
5. Vuga ku bijyanye n'imyigire ku muhungu n'umukobwa ugereranya ibyo mu gihe cya kera n'iby'ubu.
6. Ngo: "Ujijuye umugore aba ajijuye umuryango w'abantu muri rusange". Gira icyo ubivugaho mu magambo make.

## II. Inyunguramagambo

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko, nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Akarande b) Umucakara c) Indakoreka
d) Imburagihe e) Amakenga

**2. Tanga imbusane z'amagambo akurikira**

a) Itonesha b) Gihabwa c) Bagateza imbere
d) Ubwitonzi e) Kure a) Rikihuta

**3. Garagaza amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira**

a) Uko ibihe biha ibindi
b) Bagashyira hamwe
c) Uherezwaho
d) Bikamukurikirana

## III. Ikibonezamvugo

1. **Tahura amazina mbonera gakondo ari muri izi nteruro ugaragaze n'inteko yayo.**
   a) Mbere na mbere haremwe ijuru n'isi.
   b) Umugore n'umugabo bakwiriye kuzuzanya.
   c) Abakobwa n'abahungu bahabwe amahirwe angana mu bintu byose.

2. **Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro.**
   a) Kanyamibwa, Kamana na Muyoboke ni abahungu b'abavandimwe bakunda mushiki wabo Murekatete.
   b) Kibeho ikunda gusurwa n'abantu benshi.
   c) Ibyanya by'inyamaswa mu Rwanda ni bitatu. Hari icy'Akagera, ik'Ibirunga n'icya Nyungwe.

3. **a) Amazina yandikishije inyuguti z'umukara tsiri ari mu zihe nteko? Ni akahe karemajambo ka buri zina muri aya kerekana iyo nteko.**
   - **Ikigori** keze kiraryoha.
   - **Amashuri** y'**abana** bawe ari kure y'**urugo**.
   - **Umutwe** umwe ntiwigira **inama**.
   - Iyo **uruzi** rujya ni yo **amabuye** agana.

   **b) Tanga ingero ebyirebyiri z'amazina kuri buri nteko muri izi zikurikira.**

   Nt.3, 5, 8, 10, n'iya 12.

4. **Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo.**
   a) Amavuta y'umugabo ni amuraye ku mubiri.
   b) Ibuye rimeneka urwondo rugisukuma.
   c) Inkoni ivuna igufwa ntivura ingeso.
   d) Urukwavu rukuze rwonka abana.
   e) Ubwato bw'Abanyamerika buri mu nyanja.

# 2 Ibiyobyabwenge mu rubyiruko

## Umwandiko: Ibiyobyabwenge n'ingaruka zabyo mu rubyiruko



Ibiyobyabwenge ni inzoga z'inkorano, ibyatsi binyobwa nk'itabi, ibyo bashoreza, ibikorerwa mu nganda bakabyitera mu nshinge cyangwa bakabinywa mu binini. Usanga ahanini urubyiruko ari rwo rwiganje mu gukoresha ibyo biyobyabwenge. Ese kuki babifata? Izo mpamvu se zifite ishingiro? Ni izihe ngaruka ibiyobyabwenge bigira ku buzima bw'ababifata? Ngibyo ibibazo abantu bibaza, tukaba tugiye kurebera hamwe ibisubizo byabyo.

Bamwe mu bafata ibiyobyabwenge bavuga ko babiterwa no gushaka kwibagirwa ibibazo bafite. Bemeza ko kunywa urumogi, kanyanga cyangwa kokayine bituma urenga imihangayiko y'iyi si, ukigira mu yindi si y'umunezero. Iyo mihangayiko urubyiruko rushaka kwiyibagiza akenshi iba ishingiye ku buzima babayeho batabasha guha ikerekezo. Bamwe baba batabasha kwakira amakimbirane ari hagati y'ababyeyi babo, abandi bafite ababyeyi badafite icyo babamariye, abandi na bo bashaka kwivumbura ku gitsure cy'ababyeyi babahozaho ijisho, abandi na bo kubera ubupfubyi n'ubukene bibarembeje, bagahitamo kwiyahuza ibiyobyabwenge.

Nyamara ntibamenya ko kubyishoramo ahubwo birushaho kwangiza ubuzima bwabo no kumunga umutungo bityo umuco wo kuzigama ukaba urahadindiriye. Hari n'abanywa ibiyobyabwenge kugira ngo bahuze imico na bagenzi babo bagendana.

Ingaruka z'ibiyobyabwenge mu rubyiruko ni nyinshi. Ibiyobyabwenge byica ubwonko, bigatuma imitekerereze y'ubinywa ihinduka, ntiyitware nk'umuntu usanzwe. Umwana unywa ibiyobyabwenge ntaba acyumvira abamurera n'abamugira inama. Ibyo gutekereza ejo hazaza he ntibiba bikimushishikaje, ntanabona umwanya wo kubitekerezaho. Iyo ari mu ishuri, ntashobora kwiga ngo atsinde. Bene uwo mwana nta cyo atinya, ni yo mpamvu uzamusanga mu bikorwa by'urugomo n'iby'urukozasoni nk'ubwambuzi, ubujura, ubusinzi, ubusambanyi n'ibindi bikorwa byose by'urugomo. Bene abo bana babera umutwaro abo babana kuko imyitwarire yabo iba idahwitse, ugasanga baraciye ukubiri n'umuco w'amahoro no kurangwa n'indangagaciro z'Abanyarwanda.

Kubera ko ibiyobyabwenge byigarurira umutima w'umuntu, kubireka biba ingorabahizi iyo umuntu yabyimenyereje, ni byiza ko urubyiruko rwakwirinda ibishuko byose birushora mu biyobyabwenge. Bakwiye kumenya guhitamo inshuti bagendana, bakirinda kugirana agakungu n'abazwiho ingeso yo kunywa ibiyobyabwenge. Kunywa ibiyobyabwenge si ikintu cyo kwitoza ahubwo ni ingeso mbi yo kugendera kure. Uyigaragayeho aba akeneye kugezwa ku nzego zamufasha kuyicikaho nka porisi y'Igihugu n'izindi.

Biragaragara ko ibiyobyabwenge ari ikibazo mu rubyiruko. N'ubwo bamwe mu basore n'inkumi banywa ibiyobyabwenge bibwira ko bakemura ibibazo byo kubura ikerekezo cy'ubuzima, usanga ahubwo kubinywa birushaho gutuma umuntu ata umurongo ahazaza he hakangirika. Aho kwigirira akamaro, kukagirira umuryango we n'Igihugu, agahinduka umutwaro. Urubyiruko ubwarwo n'abarushinzwe bakwiye gufata ingamba mu gukumira ibiyobyabwenge mu bana b'u Rwanda.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Vuga amoko y'ibiyobyabwenge yavuzwe mu mwandiko
2. Ibiyobyabwenge binyobwa gute?
3. Bamwe mu banywa ibiyobyabwenge bagerageza gushaka impamvu zo kubinywa. Izo mpamvu batanga ni nk'izihe?
4. Ese impamvu zitangwa n'abanywa ibiyobyabwenge zifite ishingiro ? sobanura igisubizo cyawe.
5. Ni iyihe myitwarire iranga umwana unywa ibiyobyabwenge?
6. Ni iyihe ngaruka igaragara iyo ibiyobyabwenge bimaze kwigarurira umutima w'umuntu?

7. Erekana ingaruka zo kunywa ibiyobyabwenge ku mubiri w'ubifata ndetse no ku buzima bw'abantu muri rusange.
8. Ubona ari iki cyakorwa ngo ibiyobyabwenge bicike mu rubyiruko.

## II. Inyunguramagambo

**1. Shaka impuzanyito z' amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

a) Gushoreza
b) Imihangayiko
c) Ikerekezo
d) Amakimbirane
e) Ingorabahizi
f) Agakungu
g) Gukumira

**2. Shaka imbusane z' amagambo akurikira:**

a) Kwibagirwa
b) Imihangayiko
c) Abamugira inama
d) Ejo hazaza

## II. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Koresha amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Guha umurongo
b) Bibagose
c) Inkurikizi
d) Ingorabahizi
e) Gukumira

**2. Huza amagambo yo mu ruhande rw'ibumoso n'ibisobanuro bijyanye na yo byo mu ruhande rw'iburyo.**

| | |
|---|---|
| 1. Amakimbirane | a) ibibazo bitesha umuntu umutwe. |
| 2. Imihangayiko | b) guhagarika, gutangira. |
| 3. Ibikorwa by'urukozasoni | c) ibibazo/ubushyamirane umuntu agirana n'abandi. |
| 4. Gukumira | d) ibikorwa bigayisha umuntu. |

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.
2. Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko.
3. Garagaza uburyo ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge ryadindiza umuco wo kuzigama?
4. Ibivugwa mu mwandiko hari aho bihuriye n'ubuzima bwacu bwa buri munsi?

## IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:**

**a)** Ku bwawe ubona ari nk'izihe ngamba zafatwa mu kurwanya ikwirakwizwa n'ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge mu bana b'u Rwanda?

**b)** Urubyiruko rucuruza rukananywa ibiyobyabwenge aho gukemura ibibazo rwiyumvamo rusubiza inyuma iterambere kuko umuco wo kuzigama uhadindirira, basahura imiryango yabo. Wowe ubyumva ute?

## Uturemajambo tw'izina

Garagaza uturemajambo tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira. Urareba niba hari imiterere y' amajwi ubona yahindutse mu turemajambo ugereranyije n'izina wasesenguye.
Niba byahindutse uragaragaza uburyo wakwandika uhinnye amategeko asobanura iyo mihindukire y'amajwi ndetse n'ibimenyetso bikoreshwa. Uratandukanya kandi amategeko ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi.

**a)** Mu biyobyabwenge habamo n'iby'**ibyatsi**.

**b)** **Umwana** unywa ibiyobyabwenge ntiyumvira abamurera.

**c)** **Aborozi** bakurikiza inama bahabwa n'abavuzi b'amatungo.

**d)** Umushyitsi bamwakiranye **ubwuzu**.

**e)** Kunywa ibiyobyabwenge ni **icyaha** gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.

**f)** Baca umugani ngo: "**Agasaza** kamwera akandi kuzakamwa."

**g)** Urutoki rwacu rurimo **insina** nyinshi.

**h)** **Inzira** ntibwira umugenzi; sinari nzi ko mbura **imfunguzo** ngo nkingure mfate **impamba** yange **imbeba** zitarayintanga.

**i)** Umwana w'**imfura** aruhira **indabo** mu busitani bw'**umuhinzi**.

**j)** Mu bikoresho by'abanyeshuri habamo n'**impapuro**.

**k)** **Impyisi** y'iwanyu ikurya ikurundarunda.

## Uko bashaka uturemajambo tw'izina

Iyo dushaka uturemajambo tw'izina, dukoresha uburyo bw'igoragoza, ijambo rikagenda rihindurirwa inteko z'amazina ryisanisha muri buri nteko. Igoragoza rigaragaza intego y'amagambo. Ni ukuvuga ko rigaragaza uturemajambo tuyagize.

## Amazina y'uturemajambo tw'izina

Ubusanzwe izina mbonera mu Kinyarwanda rigira uturemajambo dutatu ari two: **indomo, indanganteko n'igicumbi.** Intego y'izina ni D-RT-C. Izina iryo ari ryo ryose rifite iyo ntego, ariko hari amazina adafite indanganteko igaragara bityo mu mwanya w'indanganteko hagashyirwamo ikimenyetso cya **ϕ**.

**Indomo:** Indomo ni inyajwi itangira amazina mu Kinyarwanda. Mu Kinyarwanda inyajwi zishobora kuba indomo ni eshatu gusa ari zo: **a**, **i** na **u**. Kugira ngo indomo iboneke hakoreshwa ijambo "**nta**"cyangwa indangahantu "**mu**" imbere y'amazina, hashobora no gukoreshwa ikibazo "**ki**" inyuma y'ayo mazina. Icyo gihe inyajwi itangira izina iratakara. Iyo nyajwi itakara ni yo bita "indomo"

**Urugero:** nta kigori, mu kabuye, wa kigori we, tubabi ki? Inyajwi **i**, **a** na **u** zatakaye. Bityo rero inyajwi zatakaye kuri aya magambo ni zo ndomo zayo.

**Indanganteko:** Indanganteko ni akaremajambo k'izina kagaragaza inteko y'iryo zina. Mu Kinyarwanda indanganteko ni cumi n'esheshatu ari zo: **mu**, **ba**, **mu**, **mi**, **ri**, **ma**, **ki**, **bi**, **n**, **n**, **ru**, **ka**, **tu**, **bu**, **ku**, **ha**. Mu nteruro amagambo menshi yisanisha n'izina agafata indanganteko y'iryo zina ho indangasano. Bivuze ko indangasano iba isa n'indanganteko y'izina. Icyo gihe amagambo yose yisanisha na ryo kuko aba ari ryo rigenga amasano.

**Urugero: ikigori ki**za **ki**nini na**ki**bonye **ki**raryoshye

**Igicumbi:** Iyo tugoragoza izina turisanisha mu nteko zinyuranye hari igice kidahinduka, kandi icyo gice ni cyo iryo zina riba rishingiyeho. Icyo gice kidahinduka ni cyo twita igicumbi.

**Urugero:** ikigori (nt.7), akagori (nt.12), utugori (nt.13), urugori (nt.11), ibigori (nt. 8). Igice kitahindutse ni "**gori**" ni ukuvuga ko igicumbi k'ijambo ikigori ari "gori".

## Amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi

### Inshoza y'amategeko y'igenamajwi.

Ubusanzwe akaremajambo ni akanyabumwe gato katagira inyito yihagije, katiyunze n'utundi turemajambo. Igenamajwi rero ni umutwe w'ikibonezamvugo wiga uko amajwi agize uturemajambo ahinduka iyo ahuriye mu ijambo cyangwa hagati y'amagambo.

Ntabwo tuvuga dukurikije uturemajambo:

| Ntituvuga ngo | Tuvuga ngo |
|---|---|
| u – mu – ana | umwana |
| u – tu - tara | udutara |
| a – ba - orozi | aborozi |
| i – n – yira | inzira |
| u – mu – hinzi | umuhinzi |

Urebye uturemajambo tugize ijambo ukatugereranya n'uko tuvuga, wasanga hari amajwi ashobora:

- guhinduka andi: **u** yahindutse **w**, **t** yahindutse **d**, **y** yahindutse **z**
- kuburizwamo: **a** yaburijwemo

Tugendeye ku ngero twihaye, twakwibaza igihe **u** ihinduka **w**, **t** igahinduka **d**, naho **a** ikaburizwamo. Igisubizo ni uko **u** ihinduka **w** iyo iri imbere y'inyajwi, **t** igahinduka **d** iri imbere y'ingombajwi na ho **a** iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi.

### Ibimenyetso n'impine bikoreshwa

Dore ibimenyetso by'amategeko y'igenamajwi bikoreshwa n'uko bisomwa:

**a)** **J**: iki kimenyetso gisomwa «Inyajwi»

**b)** **GR**: iki kimenyetso gisomwa «Ingombajwi y'indagi»

**c)** **→** : ihinduka

**Urugero:** i → y: i ihinduka y

u →w: u ihinduka w

**d)** **+**: na cyangwa ikurikiwe na

**Urugero:** a + i: a na i cyangwa a ikurikiwe na i

**e)** **/**: iki kimenyetso gisomwa «Iyo»

**Urugero:** i → y/...: i ihinduka y iyo...

t → d /...: t ihinduka d iyo...

**f) -:** iki kimenyetso cy'akanyerezo kerekana umwanya ijwi rihinduka ryari ririmo. Ni ukuvuga imbere cyangwa inyuma y'irindi jwi runaka.

**Urugero:** y → z / n-: y ihinduka z iyo iri inyuma ya n

i → y/ - J: i ihinduka y iyo iri imbere y'inyajwi

**g) ϕ**: iki kimenyetso gisomwa «iburizwamo»

**Urugero:** a → ϕ/ - J: a iburizwamo iyo iri imbere y'inyajwi

t → ϕ / n-s: t iburizwamo iyo iri hagati ya n na s

## Imbonerahamwe y'amategeko y'igenamajwi ajyanye n'inyajwi n'ajyanye n'ingombajwi

| **Izina** | | **Intego** | Itegeko |
|---|---|---|---|
| 1. | ibyatsi | i-bi-atsi | i→y/-J |
| 2. | umwana | u-mu-ana | u→w/-J |
| 3. | aborozi | a-ba-orozi | a→ϕ/-J |
| 4. | ubwuzu | u-bu-uzu | u→w/-J |
| 5. | amenyo | a-ma-inyo | a+i→e |
| 6. | icyaha | i-ki-aha | i→y/-J; ky→cy mu nyandiko |
| 7. | uduti | u-tu-ti | t→d/-GR |
| 8. | inzuzi | i-n-uzi | Igicumbi gifata z mu nt.10 |
| 9. | agasaza | a-ka-saza | k→g/-GR |
| 10. | insina | i-n-tsina | t→ϕ/n-s |
| 11. | inzira | i-n-yira | y→z/n- |
| 12. | imfunguzo | i-n-funguzo | n→m/-f |
| 13. | impamba | i-n-hamba | n→m/-h; mh→mp mu nyandiko |
| 14. | imbeba | i-n-beba | n→m/-b |
| 15. | imfura | i-n-pfura | n→m/-p; p→ϕ/m-f |
| 16. | indabo | i-n-rabo | r→d/n- |
| 17. | impapuro | i-n-papuro | n→m/-p |
| 18. | inshakura | i – n - cakura | c→sh/n- |

**Ikitonderwa:**

Aya mategeko, uhereye ku rya mbere ukageza ku rya gatandatu ajyanye n'inyajwi naho andi asigaye ajyanye n'ingombajwi.


## Umwitozo ku turemajambo n'amategeko y'igenamajwi

Umunyeshuri akore neza umwitozo agaragaza uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi.

**Garagaza uturemajambo (intego) tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe (mu mpine).**

1) **Imfubyi** yumvira mu rusaku.
2) Iyo umuntu agize **ubwoba** bwinshi avuza **induru**.
3) **Akebo** kajya iwa Mugarura.
4) Abantu bose bakwiye kwirinda no gukumira ubwandu bw'**agakoko** gatera sida.

## Umuvugo: Mucyo turwanye ibiyobyabwenge




Ndaje ndangurure ijwi ryange
Kandi ndaje mvugane namwe
Bana bacu Rwanda rw'ejo
Mvuge ibisenya umubiri wanyu
Mwe mubikeka kuba umunyenga
Nako amaswingi ni ko mubyita.
Ibyo bibatera guta umurongo
Iby'imico myiza mukabihunga

Ntimunatinye kumena ibanga
Mukaba isandi mugasizora
Mukaba matene mugata isura
Mukaba mwahitana n'abantu
Ngibyo ibyitwa ibiyobyabwenge.
Bimwe bitumurwa butabi
Ibindi ni ibiyoga binyobwa
Ibindi byinjizwa n'inshinge

Zimwe zisanganywe n'abaganga
No kubishoreza barabishoreza
Maze uno mubiri bikawutaha
Cyane ubwonko ari bwo bishaka
Aho kuba ubwenge hakajya ubwangwe.
Hehe kwibuka ejo hazaza
Hehe kwerekeza amashuri
Hehe kubaka no kubyara
Hehe kwibuka undi mushinga.
Dore gutesha umutwe ababyeyi
Dore gutenguha abagukunda
Dore gutaha usa n'igisimba
Uvuze ugasimbukira ugahonda.
Muze twese dufate ingamba
Zo kubirwanya ibiyobyabwenge
Bye guhekura uru Rwanda
Tureke kubinywa no kubitanga
No guhishira aho tubibonye.
Burya abashinzwe umutekano
Iyo tubabwiye aho babinywera
Cyangwa umuntu ujya abicuruza
Ni umuganda tuba dutanze
Mu kubirwanya byogatsindwa.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Kuki dukwiriye kwamagana ibiyobyabwenge?
2. Erekana ingeso mbi ziterwa no kunywa ibiyobyabwenge zagaragajwe muri uyu mwandiko?
3. Ni izihe ngaruka mbi mu muryango nyarwanda zivugwa mu mwandiko zituruka ku biyobyabwenge?
4. Ubundi mu Rwanda ibiyobyabwenge bikoreshwa n'urubyiruko gusa? Sobanura igisubizo cyawe.
5. Ni ubuhe buryo batubwira twatangamo umusanzu mu kurwanya ibiyobyabwenge?
6. Uyu mwandiko uhuriye he n'ubuzima busanzwe?

## II. Inyunguramagambo:

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Rwanda rw'ejo
b) Umunyenga
c) Mukaba isandi
d) Mugasizora
e) Ubwangwe
f) Guhekura
g) Byogatsindwa

**2. Shaka imbusane z'aya magambo akurikira:**

a) Ibisenya
b) Kumena ibanga
c) Kwerekeza amashuri
d) Kubirwanya
e) Guhishira

## II. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri arakoresha neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Mugakabya b) Mugahindana c) Abavuzi

d) Urubyiruko e) Umusanzu f) Kugira ibanga

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki? Utaniye he n'indi myandiko dusanzwe dusoma?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi n'iz'ingereka tubona muri uyu mwandiko?
3. Gereranya ubuzima bw'abantu tubona umunsi ku wundi n'ibivugwa mu mwandiko.
4. Uretse ingaruka zavuzwe mu mwandiko ni izihe ngaruka zindi waba uzi zituruka ku kunywa ibiyobyabwenge.

## IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda muge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:** Nta ngamba zishobora kubuza ibiyobyabwenge gusakara mu bana b'u Rwanda.

**Umukoro**

Fata mu mutwe umuvugo "Mucyo turwanye ibiyobyabwenge", hanyuma uzawuvugire imbere ya bagenzi bawe.

## Umuvugo

Tahura ibiranga umwandiko uteye nk'uwo umaze gusoma ugendeye ku miterere y'interuro cyangwa n'imirongo byawo, imyandikire yawo; ugendeye kandi ku kivugwamo no ku mvugo ikoreshejemo.

### Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano cy'ubuvanganzo kinogeye amatwi kubera injyana yumvikanamo. Umuvugo kandi ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo ukoreshejwemo imvugo ijimije yiganjemo tw'ikeshamvugo uvuga ku muntu cyangwa ikintu runaka.

### Uturango tw'umuvugo

Umuvugo ni ubwoko bw'umwandiko w'ubuvanganzo urangwa n'ibi bikurikira:

- Umuvugo uba ufite injyana ku buryo uwumva anyurwa amatwi.
- Uba wanditse mu mikarago; si interuro zisanzwe nk'izo mu yindi myandiko.
- Buri mukarago utangizwa n'inyuguti nkuru.
- Ukoresha imvugo ijimije kandi itatse inganzo.
- Ku bijyanye n'ikivugwaho usanga uvuga ku nsanganyamatsiko, ku muntu cyangwa ikintu runaka.

### Umwitozo ku muvugo

Umunyeshuri akore umwitozo wo guhanga umuvugo, yubahiriza ibiwuranga.

Hanga umuvugo wubahiriza uturango twawo, urate umuntu cyangwa ikintu ukunda, hanyuma uwuvugire imbere y'abandi banyeshuri wubahiriza isesekaza.

### Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kabiri

Imyandiko yasomwe itwumvisha ko ibiyobyabwenge bigira ingaruka mbi ku rubyiruko, zirimo kurwangiriza ubuzima no kudindiza iterambere ry'igihugu . Bityo, buri wese akaba asabwa kwamagana ababikoresha cyangwa ababicuruza yababona akabimenyesha inzego z'umutekano.

Nanone hifashishijwe ingero zivuye muri iyo myandiko twatahuye ko :

Iyo bashaka uturemajambo(intego) tw'amazina hari amajwi agenda ahinduka ugereranyije n'izina basesenguye, ubibonye mu ijambo asesengura akagaragaza amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe ashingiye ku nyajwi cyangwa ku ngombajwi.

Umuvugo ni igihangano (ubwoko bw'umwandiko) cy'ubuvanganzo kivuga ku nsanganyamatsiko, ku muntu cyangwa ikintu runaka. Urangwa no kuba ufite injyana, wanditse mu mikarago itangizwa buri gihe inyuguti nkuru kandi ukoreshejwemo imvugo ijimije yiganjemo ikeshamvugo.

## Isuzuma risoza umutwe wa kabiri

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Ibiyobyabwenge byibasiye urubyiruko**

Ubuyobozi bw'Umurenge buherutse gufata icyumweru bufatanya n'abayobozi b'ibigo by'amashuri gukangurira urubyiruko kwirinda ibiyobyabwenge. Intero yari ukwirinda ibiyobyabwenge kuko byica. Byaravuzwe cyane kugeza n'aho buri murezi mbere yo gutangira isomo afata akanya gato akavuga ku bubi bw'ibiyobyabwenge. Twe ariko ntitwabihaga agaciro kuko tutiyumvishaga ko hari umunyeshuri wanywa ibiyobyabwenge.

Twatangiye kubikeka tubonye bamwe mu bana twiganaga batangiye kugaragaza imico idasanzwe. Hari umwana witwaga Mugabo, yigeze kuza ku ishuri yakererewe, ageze ku muryango mugari uturuka ku muhanda akora ibintu bitangaje. Umusaza uba uri ku muryango yaramubajije ati: "Wakerejwe n'iki?" Undi aho kumusubiza afunga igipfunsi ngo aramusuhuza. Umusaza biramuyobera. Mu gihe akibyibazaho umusore wawe yungamo ati: "Ntunteze abantu." Umusaza arabanza aramukosora agira ngo ntiyari abizi ati: "Mu Kinyarwanda baramukanya bagira bati: "Amashyo, muraho, mwaramutse cyangwa mwiriwe. Ibyo bigaterwa n'aho amasaha ageze cyangwa igihe mumaze mudaherukana". Umusaza aramureka aratambuka ariko aramwihanangiriza ngo ntazongere gukererwa.

Mu by'ukuri Mugabo akigera mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye, yari umunyeshuri w'intangarugero. Byahindutse mu kanya gato. Mugabo yongeye gufatwa yatorotse ikigo amasaha yo gutaha ataragera. Umuyobozi amuhamagaza mu biro bye, akimukubita amaso ahita yibuka ko n'amaraporo menshi amugeraho yibanda cyane ku myitwarire ya Mugabo. Ngo asigaye aseka ubusa mu ishuri, ngo iyo atarimo gusakuza arasinzira, ngo yasubiye inyuma mu mitsindire n'ibindi. Yahise amukora mu mufuka w'ipantaro amusangana agacupa karimo inzoga y'inkorano.

Inama yahise iterana igitaraganya. Umwe mu bari aho ati: "Uyu mwana twaramurangaranye. Igihe yahinduraga imyitwarire, tuba twaramugiriye inama tukamukebura amazi atararenga inkombe". Agize ngo aritsa ijambo, undi ati: "Mbere yo gufata umwanzuro murebe ko nta bandi babisangira."

Hakurikiyeho gusaka basanga urubyiruko rwarashize; ngizo waragi, ngiryo itabi! Hari n'utuyoga babonye dufunze mu dushashi; bafashe abanyeshuri basaga batanu.

Kwirukana Mugabo byahise bihagarara basanga ikihutirwa ari ugufata abanyeshuri

bose bakabagira inama. Badusobanuriye ko ibiyobyabwenge bitera indwara, harimo umuvuduko w'amaraso n'izo mu mutwe. Banatubwiye ko ibiyobyabwenge bitera urugomo, batubwira ko kandi bitera n'ubuswa mu ishuri. Zimwe muri izo ngaruka mbi twari twaranaziboneye. Abo banyeshuri bafatanywe ibiyobyabwenge bose bari barasubiye inyuma ku buryo bugaragara.

Nyuma y'ikiganiro abafatanywe ibiyobyabwenge barahanwe by'intangarugero ndetse uwajyaga abizana ku ishuri yaje kwisubiraho. Kuva ubwo ikigo kihaye gahunda yo gukoresha iteraniro mu gitondo, nibura gatatu mu cyumweru. Batuganiriza ku bubi bw'ibiyobyabwenge, gukundana no gukunda Igihugu, kwiga dushyizeho umwete n'izindi nsanganyamatsiko zirimo gahunda za Leta. Abayobozi n'abarezi bose basimburana kutugira inama. Umuyobozi wenyine si we wiharira ijambo. N'iyo umwe mu banyeshuri yabaga afite icyo ari butuganirizeho yahabwaga ijambo. Ni ibyo gushimwa kuko byatanze umusaruro ushimishije!

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

1. Ni nde munyeshuri uvugwa mu mwandiko ko akoresha ibiyobyabwenge?
2. Ni ikihe kiyobyabwenge bamusanganye mu mufuka?
3. Vuga andi mazina y'ibiyobyabwenge babonye ubwo bari mu isaka ku ishuri.
4. Hari icyo mwaba muzi ku biyobyabwenge?
5. Tanga ubuhamya waba uzi ku bubi bw'ibiyobyabwenge.
6. Vuga ingaruka z'ibiyobyabwenge: mu muryango, ku munyeshuri, ku buzima, ku mutekano, no ku bukungu bw'igihugu.
7. Ni uruhe ruhare abanyeshuri bo ubwabo bashobora kugira mu kurwanya ibiyobyabwenge haba mu kigo no hanze yacyo?
8. Ni iyihe nama wagira abayobozi n'abanyeshuri mu gukumira no kurwanya ibiyobyabwenge ku ishuri?

## II. Inyunguramagambo:

1. **Tanga ibmpuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

   a) Idasanzwe : b) Biramuyobera c) Kwihanangiriza

   d) Intangarugero e) Agaragiwe

2. **Tanga imbusane z'aya magambo akurikira:**

   a) Kwirinda b) Gutangira c) Yakererewe

   d) Ibibujijwe e) Kwitsa ijambo

3. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira**

a) Byangiza : b) Mwabonye bucya? c) Ntunyandagaze
d) Yongeraho e) Inyangamugayo


## III. Ikibonezamvugo

**Garagaza uturemajambo ( intego ) tw'amazina yanditse mu nyuguti z'umukara tsiri mu nteruro zikurikira n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe ( mu mpine ).**

1. Nabonye **imfizi** irisha mu rwuri.
2. **Inyana** y'**insindirano** ironka ntitsimba.
3. **Akebo** kaboshye neza kagura amafaranga menshi.
4. **Imyumbati** y'imiribwa iraryoha.
5. **Abiru** bari bazi amabanga menshi.
6. Mu rugo dusukura **icyumba** turaramo.
7. Umuhigi ntatana n'**impigi** ze.
8. Buri wese age afura **umwambaro** we.
9. Kubera izuba twasaruye **udushyimbo** duke.

# 3 Ibidukikije

## Umwandiko: Amazi n'akamaro kayo



Amazi ni bumwe mu butunzi Imana yaturemeye, ibudushyirira ku isi kugira ngo budufashe mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ni yo agize igice kinini k'isi dutuye. Gusa twakwibaza icyo amazi ari cyo n'akamaro kayo mu mibereho y'ibinyabuzima.

Amazi meza ni igisukika kitagira ibara, uburyohe n'impumuro. Iyo ari menshi usanga yenda kugira ibara ry'ubururu. Amazi amwe tuyasanga mu migezi, mu nzuzi, mu biyaga no mu nyanja, andi tukayasanga mu butaka yacengeyemo nyuma yo kugwa kw'imvura ari na yo ibimera binyunyuza bikoresheje imizi yabyo. Ayo kandi ni na yo avubukamo amasoko tubona ku misozi. Ibyo biterwa n'uko aba yabaye menshi mu butaka, noneho mu gushaka aho amenera akavubukamo amasoko ku misozi.

Uburyo amazi abonekamo ku isi buturuka ku ruhererekane rw'amazi. Izuba iyo ricanye rishyushya amazi yo mu nyanja, mu biyaga, mu nzuzi, mu migezi, no mu butaka, maze agatanga umwuka ushyushye uzamuka ujya mu kirere. Ibinyabuzima na byo iyo bihumetse, bisohora umwuka na wo wivanga n'indi bikazamukana mu

kirere. Uko umwuka ugenda uzamuka ni ko urushaho kugenda ukonja bikagera aho urema ibihu. Ibyo ibihu bizamuka mu kirere bigahinduka ibicu bizabyara imvura. Iyo imvura iguye, amazi yayo ubutaka burayanywa, bwahaga, imivu igatemba ishyira imigezi, imigezi igashyira inzuzi, na zo zigashyira ibiyaga n'inyanja. Bigahora bigenda bityo ari uruhererekane.

Amazi dusanga ku misozi, ntibyoroshye ko yaba asukuye kuko ni cyo gisukika kirusha ibindi kwakira ibikivangamo. Iyo imvura iguye imanukana imyuka myinshi yo mu kirere, yagera no ku isi, imivu yayo ikagenda ivanga amazi n'uduce duto tw'ibinyabuzima ndetse n'utw'amabuye n'ubutaka. Iyo mivu kandi ihura n'imyanda ivuye mu ngo, ivuye mu nganda, iy'abantu ndetse n'iy'amatungo bityo amazi yo mu bidendeze bitandukanye ugasanga adasukuye.

Kubera ibyo bintu byose byivanga mu mazi, ni ngombwa kuyasukura mbere yo kuyakoresha. Hari uburyo bwinshi bwo gusukura amazi. Hari ubukorerwa mu nganda zisukura amazi hashyirwamo ishwagara n'indi miti yica udukoko dutera indwara ikanavanamo ibyakwangiza byivanze mu mazi. Mu rugo, uburyo bukunze gukoreshwa mu gutegura amazi yo kunywa ni ukuyateka, ukayabika mu gikoresho gifite isuku kandi gipfundikirwa. Abafite ubushobozi bayashyira muri firitiri, ikayayungurura, bakajya bavomera mu gikombe ayo bagiye kunywa. N'ubwo kunywa amazi ari ingenzi mu buzima, kuko agize bitatu bya kane by'ibigize umubiri w'umuntu, kuyanywa adasukuye byatera umubiri wacu uburwayi buturuka ku mwanda, indwara z'ubuhumekero n'izindi.

Amazi afite akamaro kanini mu mibereho y'abantu ya buri munsi. Mu ngo, amazi aranyobwa, agatekeshwa, agakoreshwa mu bikorwa by'isuku. Twavuga nko kumesa imyenda, gukoropa mu nzu, koza ibyombo ndetse no kwiyuhagira. Amazi kandi ahabwa amatungo kugira ngo na yo agire ubuzima bwiza. Amazi y'imvura ni yo ameza imyaka y'abahinzi abantu bakabona ibibatunga. Iyo izuba ryacanye igihe kirekire amapfa aratera, inzara igahitana imbaga y'abantu. Mu bwubatsi ubwo ari bwo bwose ari ubw'amazu yo guturamo cyangwa ibindi bikorwa remezo, amazi agira uruhare rukomeye. Mu kubumba amatafari, mu gukata urwondo, mu guponda sima n'ahandi henshi amazi arakenerwa cyane.

Nk'uko bigaragara rero, amazi ni kimwe mu bintu biboneka ku isi bifitiye ibinyabuzima akamaro muri rusange, n'umuntu mu buryo bw'umwihariko. Amazi akoreshwa mu mirimo myinshi y'abantu kandi kuyanywa asukuye ntacyabisimbura. Kuyanywa yanduye ariko byo byakururira umubiri wacu akaga gakomeye.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni hehe twasanga amazi ku isi?
2. Sobanura isano iri hagati y'amazi y'imvura n'ay'amasoko.
3. Sobanura inkomoko y'imvura.
4. Ese amazi dusanga ku misozi aba asukuye ? Sobanura igisubizo cyawe.

5. Ni ubuhe buryo twasukuramo amazi yo kunywa iwacu mu rugo?
6. Vuga ingaruka zo kunywa amazi adasukuye.
7. Sobanura akamaro k'amazi mu mibereho y'ibinyabuzima.

## II. Inyunguramagambo

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

a) Avubukamo
b) Imivu
c) Uruhererekane
d) Guponda sima
e) Akaga

**2. Shaka imbusane z'amagambo akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Ubuzima
b) Rishyushya
c) Ushyushye
d) Bisohora
e) Imanukana

**3. Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira; nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Kuvugaho
b) Rivuye
c) Atunganyije
d) Ngombwa
e) Byifashisha

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

*Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye*

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

**Ingenzi, ishwagara, amatungo, amapfa, imvura**

a) Abantu si bo bakenera amazi gusa n' …… ayabuze yashira.
b) Amashyamba agira uruhare rukomeye mu gutuma …… igwa.
c) Mu bwubatsi, no mu gusukura amazi mu nganda …… irakoreshwa.
d) Izuba ryavuye igihe kirekire ritera ……
e) Amazi ni …… mu buzima kuko agize bitatu bya kane by'umubiri w'umuntu.

## IV Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.
2. Garagaza ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Sobanura aho izo ngingo z'umwandiko zihuriye n'ubuzima bwa buri munsi?
4. Nyuma yo gusoma umwandiko ni iki wabwira bagenzi bawe?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

Mwungurane ibitekerezo ku ngamba zafatwa mu rwego rwo kubugabunga ibidukikije harimo n'amazi?

## Amabwiriza y'imyandikire: Imikoreshereze y'inyuguti nkuru

Itegereze interuro zikurikira utahure inyuguti nkuru zirimo usobanure n'imikoreshereze yazo.

a) Amazi ni bumwe mu butunzi Imana yaturemeye.

b) Amazi afite akamaro kanini mu mibereho y'abantu ya buri munsi.

c) Genda Rwanda uratatse! Imisozi myiza igihumbi, isobetse imirambi n'ibibaya mu runyuranyurane rw'imigezi irasaze ibiyaga.

d) Abanyarwanda baravuze ngo: « N'izibika zari amagi. »

e) Mariya arasubiza ati: « Ibyo uvuze bingirirweho. »

f) Ku wa Gatandatu wa mbere wa Nyakanga hari ku itariki ya 4, u Rwanda rwizihije Umunsi Mukuru wo Kwibohora.

g) Muhire atuye i Huye hafi ya Tumba.

h) Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi azadusura.

i) Umurenge wa Nyarugenge ufite inyubako nziza.

j) Musenyeri Kagame ni we wanditse Indyoheshabirayi.

k) Inama yitabiriwe n'abantu bakurikira: UMUHIRE Marthe, IYAMUREMYE Evode, GASANA Simon na MUNEZERO Venantie ibera kwa GASASIRA Jean.

## Imikoreshereze y'inyuguti nkuru mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya imikoreshereze y'inyuguti nkuru aha hakurikira:

**a)** Mu ntangiriro y'interuro.

**Urugero**: **A**ho imfura zisezeraniye ni ho zihurira.

**b)** Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro.

**Ingero**:

Bazataha ejo. **U**zabaherekeza? **M**bega ukuntu bigushimishije! **U**kunda gutembera cyane!

**c)** Nyuma y'ingirwanshinga "**-ti**", "**-tya**", "**-tyo**" n'ijambo "**ngo**" bikurikiwe n'utubago tubiri n'utwuguruzo. Ariko inyuguti nkuru ntitangira amagambo asubirwamo iyo uwandika yayatangiriye hagati mu nteruro yakuwemo.

**Ingero**:

- Mariya arasubiza ati: "**I**byo uvuze bingirirweho".
- Igihe Mariya yavugaga ati: "**b**ingirirweho" yari yaramaze gusabwa na Yozefu.

**d)** Ku nyuguti itangira imibare iranga iminsi, amazina y'amezi n'ay'ibihe by'umwaka.

**Ingero**:

- Isoko ry'iwacu rirema ku wa **G**atatu no ku wa **G**atandatu.
- Igihe k'**I**mpeshyi gihera mu ntangiriro za **K**amena kigahereza **U**muhindo mu ntangiriro za **N**zeri.

**e)** Ku nyuguti itangira amazina bwite y'abantu, ay'inzuzi n'ay'ahantu, kabone n'ubwo indomo itangira izina ry'ahantu yaba yatakaye.

**Ingero**:

- Namenye ko **M**uhire atuye i **H**uye hafi ya **T**umba.
- Uruzi rw'**A**kagera ni rwo runini mu nzuzi z'u **R**wanda.

**f)** Ku nyuguti itangira amazina y'imirimo, ay'inzego z'imirimo n'ay'amashyirahamwe.

**Ingero**:

- Bwana **U**muyobozi w'**A**karere yaje kudufasha kwakira **N**yakubahwa **M**inisitiri w'**U**buhinzi n'**U**bworozi mu gikorwa cyo gusura **K**operative **T**wisungane.
- Umuryango w'**A**bibumbye ushyigikiye amahoro n'iterambere.

**g)** Ku nyuguti itangira amazina y'impamyabushobozi, ay'icyubahiro, ay'inzego z'ubutegetsi, ay'ubwenegihugu n'amoko, ay'indimi, ku mazina y'ibikorwa byamamaye mu mateka no ku nyuguti itangira ijambo "Igihugu" iyo rivuga u Rwanda.

**Ingero**:

– **D**ogiteri **K**arimanzira
– **N**yakubahwa **P**erezida wa **R**epubulika
– **U**murenge wa **N**yarugenge
– **A**banyarwanda barimo **A**basinga n'**A**bagesera.
– Duharanire guteza imbere **I**kinyarwanda.
– Mu **N**tambara ya **K**abiri y'**I**si hapfuye abantu benshi.
– Banki Nkuru y'**I**gihugu yakoze inoti nshya ya magana atanu.

**h)** Ku nyuguti itangira izina ry'inyandiko, igitabo cyangwa ikinyamakuru.

**Ingero:**

– Nujya ku isoko uzangurire **I**zuba **R**irashe.
– RUGAMBA Sipiriyani yanditse **A**mibukiro n'**U**musogongero.

**i)** Izina bwite umuntu yahawe akivuka cyangwa irindi rifatwa nka ryo riri ku ntangiriro no ku mpera y'inyandiko (nk'ibaruwa, nk'itegeko,nk'umwandiko uwo ari wo wose...) no mu rutonde rw'amazina y'abantu ryandikwa ryose mu nyuguti nkuru. Nyamara rikandikwa mu nyuguti nto uretse inyuguti iritangira iba nkuru mu mwandiko hagati.

**Ingero:**

– **GATABAZI** Marc yashakanye na **MUGOREWERA** Viviane.
– Nagiye kwa **Gahire** Rose anyakira neza.


## Umwitozo ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru

Umunyeshuri akore icyandikwa, yubahiriza utwatuzo n'amategeko agenga imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

Wifashishije ubumenyi bw'ururimi umaze gusobanukirwa, andukura bundi bushya ibi bika byombi ukosora amakosa y'imyandikire yaba arimo.

– amazi yo mu rwanda ni kimwe mu byo abanyarwanda bakenera kenshi.uhereye ku wa mbere ukageza ku cyumweru, nta munsi wira batayakoresheje. iyo umuntu yafatiwe ibihano bikomeye cyane cyangwa se bamukomanyirije abantu baravuga ngo: "bamufungiye amazi n'umuriro".
– Nimucyo duharanire kuyabungabunga nk'uko minisiteri y'umutungo kamere idahwema kubidukangurira. ese tutayabungabunze twaba tutihemukiye? iyo usomye ibinyamakuru bitandukanye nk'imvaho nshya, izuba rirashe n'ibindi byandika mu kinyarwanda usanga na byo bikangurira abantu kubungabunga ibidukikije birimo amazi n'inyamaswa ziyabamo.

## Umwandiko: Inyamaswa zo mu mazi



Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja uko bigenda birutana ubunini ni na ko bigenda bibasha guturwamo kuva ku dukoko duto kugera ku nyamaswa za karahabutaka. Ukurikije uko ziteye n'ubuzima zibamo, usanga inyamaswa zo mu mazi zitandukanye. Zibamo ibyiciro byinshi kandi zikagirira abantu akamaro.

Mbere na mbere hari ibyiciro bibiri dusangamo inyamaswa zo mu mazi. Hari iziba mu mazi, akaba ari na ho zikura ibizitunga. Izi mu ihumeka ryazo zikurura amazi zikanayasohora kandi ntizishobora kubaho iyo ziyabuze. Urugero rwazo ni amoko yose y'amafi. Izindi ziba mu mazi akaba ari ho zifatira ibyo kurya, ariko zigahumeka umwuka, aho guhumeka amazi. Iyo zigiye kubyara zibikorera hanze y'amazi. Inyinshi muri izi nyamaswa zigira amaguru (nk'ingona, imvubu, utunyamasyo, izindi zigira amababa (nk'ibishuhe) hakaba n'izitagira amaguru (nk'inzoka zo mu mazi).

Mu nyamaswa zo mu mazi, hari iziva mu mazi zigatembera ku butaka, hari n'iziguma mu migezi, mu biyaga no mu nyanja nk'amafi, ingona n'imvubu, hakaba n'iziba mu bishanga nk'ibikeri n'imitubu n'izindi. Inyamaswa zo mu mazi zifite akamaro kanini mu bukungu bw'igihugu. Zimwe muri zo ziraribwa nk'amafi ,kuva ku manini kugera ku duto cyane bita injanga cyangwa indagara, kuko aboneka ku mafunguro y'abantu benshi ku isi. Ifi iyo ari yo yose iba ikungahaye ku ntungamubiri, ifunguro irimo riba ryihagazeho! Aha ariko ni aho kwitonderwa, inyama z'ayo mafi zikagenzurwa neza ko zujuje ubuziranenge kuko ziriwe zararengeje igihe zakwangiza ubuzima bw'abantu. Usibye kuyaroba mu migezi, mu nzuzi, mu biyaga no mu nyanja, abantu bashobora

no kuyororera mu bidendezi no mu byuzi bicukuriye ubwabo, bakayoboramo amazi, bagashyiramo umurama w'amafi hanyuma bakajya bayagaburira nk'uko bagaburira andi matungo. Iyo akuze aborozi bayo barayarya bakanayagurisha bakinjiza amafaranga menshi.

Izindi nyamaswa zo mu mazi zikurura abakerarugendo, zikinjiza amadovize**.** Aha twavuga nk'ingona, imvubu, utunyamasyo ndetse n'inyoni zo mu mazi. Ni yo mpamvu inyamaswa zo mu mazi zigomba kubungabungwa, zikarindwa abazangiriza ubuzima ndetse n'abazishimuta bashaka inyama cyangwa impu zazo. Tugomba kandi kwirinda kohereza imyanda mu mazi magari kuko amazi yahumana bityo bikangiza ubuzima bw'inyamaswa ziba mu mazi. Zimwe mu nyamaswa zo mu mazi ariko ni izo kwitonderwa kuko umuntu atazitondeye zamugirira nabi, urugero nk'ingona. Icyakora rero amazi n'inyamaswa ziyabamo bigomba kubungabungwa mu rwego rwo gufata neza no kubungabunga ibidukikije n'iterambere rirambye.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Sobanura ibyiciro by'ingenzi dusangamo inyamaswa zo mu mazi uvuge n'ibiranga buri kiciro.
2. Erekana neza akamaro k'inyamaswa zo mu mazi.
3. Ni ibiki bivugwa ku mafi muri uyu mwandiko?
4. Ni iki tugomba kwirinda cyakwangiza ubuzima bw'inyamaswa ziba mu mazi?
5. Ba rushimusi bavuzwe baba bashaka iki ku nyamaswa ziba mu mazi?
6. Ni iyihe myitwarire itari myiza ivugwa kuri zimwe mu nyamaswa zo mu mazi?
7. Ni gute wabona inyama z'amafi utagiye kuyaroba mu nzuzi?

## II. Inyunguramagambo

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Karahabutaka

b) Ryihagazeho

c) amadovize

**2. Shaka imbusane z'amagambo akurikira**

a) Ubunini

b) Ziyabuze

c) Inyinshi

d) Bagashyiramo

e) Imbere

3. **Erekana amagambo yakoreshejwe mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira:**
   a) Ingeri
   b) Ibyo zirya
   c) Ikize
   d) Ikamwihorera

4. **Mu byerekezo byose bishoboka (harimo n'impuzampempe), shaka amagambo avuga ku mazi, inyamaswa n'udusimba biyabamo cyangwa biba mu bishanga n'avuga ku bidendezi by'amazi n'imigezi .**

| | A. | B. | C. | D. | E. | F. | G. | H. |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1. | I | I | M | V | U | B | U | I |
| 2. | R | N | B | U | K | U | M | K |
| 3. | E | G | U | I | F | I | U | I |
| 4. | K | O | Z | G | K | K | B | Y |
| 5. | I | N | N | M | E | K | U | A |
| 6. | G | A | A | M | A | Z | I | G |
| 7. | I | C | Y | U | Z | I | I | A |
| 8. | I | N | Y | A | N | J | A | D |

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

1. **Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

   **Ingona, ibishanga, kubungabungwa, amadovize, intungamubiri**

   a) Inyamaswa zo mu mazi zimwe zirasurwa zikinjiza ...............
   b) Ibyuzi by'amazi ntibicukurwa ku misozi bicukurwa mu ...............
   c) Bavuga ko ba rushimusi bahiga ............... kuko uruhu rwayo rukorwamo inkweto zikomeye.
   d) Ibidukikije bigomba ............... kuko bifitiye abantu akamaro kanini cyane.
   e) Uretse amafi, imboga n'imbuto na byo bigira ...............

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.
2. Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Sobanura aho izo ngingo z'umwandiko zihuriye n'ubuzima bwa buri munsi?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda kandi buri munyeshuri ahange umuvugo ku kubungabunga ibidukikije. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

1. Tanga ibitekerezo kuri izi nsanganyamatsiko twabonye mu mwandiko
   a) Umuco wo kwita ku buziranenge
   b) Umuco wo kubungabunga ibidukikije no kwita ku iterambere rirambye
2. Hanga umuvugo muto uvuga ku kurengera ibidukikije harimo amazi n'inyamaswa ziyabamo.

## Imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze (akabago, akabazo, agatangaro n'akitso)

Itegereze interuro zikurikira utahure utwatuzo tw'ibanze turimo; usobanure n'imikoreshereze yatwo.

**a)** Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja bigenda birutana ubunini.

**b)** Mu mazi habamo udukoko duto kugera ku nyamaswa za karahabutaka**.**

**c)** Ifunguro ririmo ifi riba ryihagazeho!

**d)** Mbega ukuntu kino kiyaga ari kinini!

**e)** Ni nde wakwidegembya imbere y'ingona ikamureberaizuba?

**f)** Ufite bashiki bawe bangahe biga ishuri?

## Utwatuzo tw'ibanze mu myandikire yemewe y'Ikinyarwanda

Utwatuzo tw'ibanze ni utu dukurikira**: akabago/akadomo** ( **.** ) **akabazo** ( **?** ) **agatangaro** ( **!** ) n'**akitso** ( **,** )

Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda iteganya imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze ku buryo bukurikira:

**a) Akabago/akadomo ( . )**: gasoza interuro ihamya n'interuro iri mu ntegeko.

**Ingero**:

- Umunyeshuri mwiza arangwa n'isuku n'ikinyabupfura**.**
- Urage wubaha ababyeyi cyangwa abarezi bawe**.**
- Ibidukikije bikwiye kurushaho kubungabungwa**.**
- Mwite ku bidukikije**.**

**b) Akabazo**( **?** ): gasoza interuro ibaza.

**Ingero**:

- Muri iki gihembwe wabaye uwa kangahe**?**
- Utuye mu wuhe Murenge**?**

**c) Agatangaro** ( **!** ): gasoza interuro itangara,kagashyirwa n'inyuma y'amarangamutima.

**Ingero**:

- Mbega ukuntu iki kigo cyubatse neza**!**
- Uraberewe disi wee**!**

**d) Akitso**( **,** ): gakoreshwa mu nteruro kugira ngo baruhuke akanya gato, kakanakoreshwa mu gutandukanya ibintu barondora.

**Ingero**:

- Umunyeshuri ushaka kujijuka, yirinda gusiba, ntakubagane mu ishuri kandi agakurikiza inama z'abarezi.
- Iyo wize neza wihesha agaciro, ukagahesha umuryango wawe, ukagahesha n'igihugu cyawe.
- Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja bigenda birutana ubunini.

## Umwitozo ku mikoreshereze y'inyuguti nkuru

Umunyeshuri akore icyandikwa, yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze n'amategeko agenga imikoreshereze y'inyuguti nkuru.

**Icyandikwa:**

Andukura ibi bika byombi ukosora amakosa y'imyandikire ajyanye n'utwatuzo tw'ibanze ubonamo (ahabura akabago, akabazo, agatangaro, akitso ukahashyire).

- mu mazi habamo inyamaswa z'amoko menshi. Dusangamo amafi ingona imvubu utunyamasyo n'izindi hari ubwo se izo nyamaswa zose ziba mu mazi ziribwa yewe nabera sinigeze numva uwariye ingona cyakora izindi zo inyinshi ziraribwa.
- si ako kamaro ko kuribwa gusa tuzikesha kuko hari n'akandi none se iyo barobye amafi ntagurwa amafaranga yooo uzi ukuntu abagore n'abakobwa bacuruza indagara n'isambaza usanga zibafasha kwiteza imbere.

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatatu

Muri uyu mutwe harimo imyandiko ivuga ku bidukikije ku kamaro k'amazi ndetse n'inyamaswa ziyabamo. Amazi n'inyamaswa ziyabamo bigomba kubungabungwa nk'ibindi bidukikije kuko bidufitiye akamaro kanini cyane. Amazi turayanywa andi tukayakoresha mu mirimo itandukanye nko gutegura amafunguro, gukora isuku n'ibindi. Inyamaswa ziba mu mazi ziduha inyama ndetse ba mukerarugendo bazisura bakadusigira amadovize. Ni ngombwa kubungabunga inyamaswa zo mu mazi kandi tukagira amakenga kuko hari izishobora kwangiza ubuzima bw'abantu.

Muri uyu mutwe kandi twabonye amategeko y'imyandikire y'Ikinyarwanda agenga imikoreshereze y'inyuguti nkuru n'imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze ( akabago, akitso, akabazo n'agatangaro).

## Isuzuma risoza umutwe wa gatatu

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Amazi n'ibiyabamo, ubutunzi bw'u Rwanda**

Iyo witegereje usanga imisozi myinshi y'u Rwanda igiye ikikijwe n'imigezi, imito igenda yisuka mu yisumbuyeho na yo igahereza iminini cyane nka Nyabarongo n'Akanyaru bihura bikarema uruzi rw'Akagera kerekeza muri Uganda kajya kwiroha mu kiyaga cya Vigitoriya. Si ayo mazi atemba gusa; ahubwo hari n'ibidendezi bigiye bitandukanye hirya no hino mu Gihugu yaba ibya karemano, yaba n'ibyahanzwe n'abantu, cyanecyane ibyuzi. Hari n'ibiyaga bifite imigezi ibisohokamo nka Kivu ivubukamo Rusizi igatemba yerekeza amagepfo iw'abaturanyi b'Abarundi; Muhazi ihereza Nyabugogo na yo igahereza Nyabarongo, Burera na Ruhondo z'impanga zihereza Mukungwa igemurira Nyabarongo.

Imigezi, ibidendezi ndetse n'ibiyaga habamo amafi menshi anurira iyo atetse ateguwe neza akagira n'intungamubiri nyinshi. N'izindi nyamaswa zirimo ingona, imvubu, ibishuhe ndetse n'izindi zidumbaguza mu mazi, tutaretse utunyamasyo two mu

mazi. Nk'uko bigaragara rero ayo mazi n'inyamaswa acumbikiye biremye ikiciro kiza k'ibidukikije bifite agaciro kanini kuko byinjiza amadovize, dore ko abakerarugendo iyo bari imahanga, iyo gihera, bumva isoko ya Nili bagashikira u Rwanda baje kwihera ijisho, bityo Igihugu cyacu kikahungukira.

Amazi y'imigezi n'ay'amasoko ni yo dufatiraho ayo dukoresha mu ngo zacu.

Si ibyo gusa akamaro kayo karahebuje ndetse ntawabura kuvuga ko amazi ari ubuzima. Amatungo n'inyamaswa, tutibagiwe ibihingwa n'ibimera byose muri rusange bikenera amazi. Iyo biyabona birashisha nyamara byayabura ubuzima bwabyo bugahagarara.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora imigezi,inzuzi n'ibiyaga byavuzwe muri uyu mwandiko ugaragaze n'isano bigiye bifitanye.
2. Hari akamaro k'amazi n'inyamaswa byavuzwe muri uyu mwandiko? Sobanura igisubizo cyawe.
3. Vuga Intara z'u Rwanda zibonekamo ibiyaga by'u Rwanda bivugwa muri uyu mwandiko.
4. Erekana ingingo z'ingenzi n'izingereka ziri muri uyu mwandiko.
5. Garagaza irindi somo mu yo mwiga rijyanye n'ibivugwa muri uyu mwandiko. Sobanura impamvu.
6. Uyu mwandiko ugusigiye irihe somo ryo mu buzima?
7. Hina uyu mwandiko mu mirongo itarenze icumi.

## II. Inyunguramagambo:

**1. Tanga impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Impanga
b) Indiri
c) Anurira
d) Iyo gihera
e) Bagashikira
f) Kwihera ijisho

**2. Tanga imbusane z'amagambo akurikira :**

a) Ibisohokamo
b) Karahebuje
c) Bugakomeza
d) Birashisha
e) Atetse

3. **Garagaza amagambo ari mu mwandiko ahuje igisobanuro n'aya akurikira :**

a) Izengurutswe b) Yiroha c) Ubona

d) Ziyabamo e) Bigize

## III. Ubumenyi bw'ururimi: Imyandikire yemewe y'Ikinyarwanda.


**Kosora amakosa y'imyandikire ubona muri iyi myandiko yombi.**

**a)** amazi y'urwanda uyasanga mu nzuzi zirimo akanyaru gahura na nyabarongo bikarema akagera gakomeza kajya kwiroha mu kiyaga cya vigitoriya cyo muri uganda, n'indi migezi inyuranye nka rusizi, mukungwa, nyabugogo n'iyindi. ushobora kandi kuyasanga mu biyaga bitandukanye aho umuntu yatanga urugero rwa muhazi,burera na ruhondo, kivu idutandukanya na kongo n'ibindi.

**b)** Inyamaswa zo mu mazi na zo ziri mu mutungo kamere w'igihugu Igihe cyose zagiririrwa nabi yaba ari umutungo abantu bangiza bikaba aka ya mvugo y'Ikinyarwanda ngo: "Umuntu arisenyera nk'inyana" Urumva ko byaba bibabaje None se ntibyaba byiza ahubwo turushijeho kubungabunga ibyo bidukikije bidutunga mu bijyanye n'amafunguro tutibagiwe n'uko bitwinjiriza umutungo Abantu bose rero yaba abana abagabo n'abagore abayobozi n'abayoborwa inzego zose yaba iza Leta yaba izigenga bakwiye kwita ku bidukikije harimo n'izo nyamaswa zo mu mazi nyine.

# 4 Umuco w'amahoro

## Umwandiko: Imibanire y'abantu



Mu mibanire y'abantu, ntawavuga ko ibintu bishobora guhora ari shyashya. Kuko "ntazibana zidakomanya amahembe". Kubera iyo mpamvu, ubworoherane ni indangagaciro ihatse izindi mu mibanire y'abantu. Kutoroherana ni bibi cyane kuko bitera impagarara ndetse n'imidugararo. Kutoroherana bituruka ahanini ku kwikunda no kudatekereza byimbitse bituma umuntu abona amakosa ya mugenzi we agasanga akabije, akabona ari mabi adashobora kwihanganirwa. Nyamara ntatekereze ko na we, yigeze gukosereza abandi. Iyi ni yo mvano nyamukuru y'amahane n'imidugararo duhura na byo.

Iyo umuntu yishyize mu mwanya w'uwafuditse, akenshi asanga na we ajya akora amakosa. Mu muco w'abatuye isi, buri wese yifuza kubabarirwa iyo yakosheje. Nk'uko umuntu wakosheje aba yifuza kubabarirwa no kwihanganirwa, uwakosherejwe

na we yagombye kumva ko atari marayika, akorohera umukoshereje. Kwitura inabi uwaguhemukiye ntibikemura ikibazo habe na mba. Ahubwo bituma ikibazo gikura ibintu bikagera irudubi. Ingaruka zo kutorohera uwahemutse ni inzangano zikurikirana imiryango n'ubugome bujyana na zo. Iyo umuntu asesenguye impamvu y'inzangano n'amakimbirane y'urudaca abaho mu bantu, asanga intandaro ari ukutoroherana.

Dufatire urugero ku nkuru imwe y'ibyabaye ku gasozi k'i Nyarurembo. Umugabo Muhindo yari afite imbwa ye Bishondamabano. Igihe kimwe imbwa icika ikibuti ihita icakirana n'inkoko yo kwa Muneza umuturanyi we. Inkoko yatatse rimwe gusa, abantu bahageze babona imbwa irarembera. Muneza yananiwe kwihangana abatura ikibando. Ageze kwa Muhindo imbwa arayibura hasohoka Kaneza, umwana wa Muhindo. Ako kanya Muneza ahurudukana cya kibando agikubita umwana. Kwa Muhindo na bo ngo babone ibibaye na bo babatura imyase rubura gica, ariko ku bw'amahirwe ntihagira umuntu uhasiga ubuzima. Abaturanyi n'inzego z'ibanze barahagobotse bahosha imirwano.

Ikibabaje ariko ni uko ari kwa Muhindo cyangwa kwa Muneza, bose batashye bakubita agatoki ku kandi, bahigira kuzihorera. Nuko inzangano zivuka ubwo. Urumva ko umuntu ashobora gukora ikosa rito, n'iyo yaba yarikoze nkana, yahanishwa igihano gikabije, akaba mubi kurusha mbere aho guhinduka ngo abe mwiza. Noneho amakosa yakoraga akiyongera. Umunyarwanda yaravuze ngo: «Impamvu ingana ururo». Umuntu ntashobora kubana n'abandi mu mahoro, mu rukundo n'ubutabera niba nta bworoherane yifitemo.

Ubworoherane ni indangagaciro ikomeye ihanitse mu mibanire y'abantu. Abemera Imana bo bagira bati : «Ubworoherane ni impano mvajuru». Ubwo baba bashaka kuvuga ko ari impano ituruka ku Muremyi.  Umuntu worohera abandi agira inshuti nyinshi kuko afatwa nk'umunyangeso nziza. Imibanire ye n'abandi ntigira amakemwa. Umuntu wifitemo ubworoherane ni we ushobora gusesengura ibitekerezo bya bagenzi be akabivanamo ukuri n'iyo byaba bihabanye n'imyumvire ye bwite cyangwa se biyirwanya. Kwimika ubworoherane ni ukubagarira ubupfura n'ubunyangamugayo.

Ni ngombwa ko umuntu yorohera bagenzi be, yakira ibitekerezo byabo uko biri akabisesengura nta yandi marangamutima abikoranye. Akwiye kandi korohera abandi igihe bakoze ibyo adashima cyangwa adaha agaciro ashingiye ko na we yumva yakwihanganirwa mu byo akora. Igihe kandi umuntu akorewe amakosa, yagombye korohera abamukoshereje yibuka ko na we atari miseke igoroye, ko na we hari igihe ajya akosa kandi akifuza kumvwa no kwihanganirwa.

Birumvikana rero ko kubana n'abandi mu bworoherane ari ingenzi. Bikuraho amakimbirane n'inzangano, bigatuma abantu babana mu mahoro n'ubwumvikane. Bituma kandi abantu bungurana ibitekerezo, kuko ubworoherane butuma bisanzura, bakakirana, bakuzuzanya kandi bakagirana inama. Buri muntu wese akwiye kubugira nyambere mu mibereho ye adasize imbabazi, kwihangana ariko kandi kugira urukundo bikaba indangagaciro ihatse izindi zose.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uranenga iki muri rusange?
2. Ni iyihe nama umwanditsi arimo kugira abasoma uyu mwandiko?
3. Rondora ibintu byose bivugwa mu mwandiko bishobora kuba intandaro y'inzangano mu bantu.
4. Ngo ni iki gitera abantu kugira inshuti nyinshi?
5. Garagaza indangagaciro zavuzwe mu mwandiko.
6. Abanyarwanda bavuga ko tutari ba miseke igoroye. Sobanura wifashishije umwandiko?
7. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira bagenzi bawe mu rwego rwo gukumira amakimbirane?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko :**

a) Imidugararo b) Intandaro c) Umuhererezi

d) Indangagaciro e) Uwafuditse

**2. Huza aya magambo n'ibisobanuro byayo**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1. | Impagarara | a) | Intandaro |
| 2. | Imvano | b) | Gukosa |
| 3. | Gufudika | c) | Kure habi bikabije |
| 4. | Guhora ari shyashya | d) | Imidugararo n'ibibazo |
| 5. | Irudubi | e) | Bimeze neza, nta makemwa |

**3. Tanga imbusane z'aya magambo dusanga mu mwandiko**

a) Umwanzi b) Yabikoze nkana c) Urukundo

d) Umuhererezi e) Amahoro

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Koresha neza amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko, wubake interuro ngufi kandi ziboneye.**

a) Imidugararo  b) Intandaro  c) Umuhererezi
d) Indangagaciro  e) Uwafuditse

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka biri muri uyu mwandiko.
2. Waba warabonye ku ishuri cyangwa aho utuye abantu bafitanye amakimbirane? Bayakemuye gute?
3. Uyu mwandiko waba ugusigiye irihe somo mu buzima?
4. Mu rwego rwo guhuza insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe. Garagaza ibibazo nibura bitatu bishobora gukurura no gutera amakimbirane. Ugaragaze n'uburyo ubona bishobora gukemuka.
   – Iwanyu mu muryango
   – Mu kigo wigamo

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda muge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Kujya impaka:** Nimuge impaka mutanga ibitekerezo ku nsanganyamatsiko ikurikira:

**Insanganyamatsiko:** "Ese koko gukubita uwagukoshereje, bituma atazongera?"

# Amoko y'amagambo

Iyo tuvuga cyangwa twandika, dukoresha amagambo kugira ngo igitekerezo cyacu kigere ku bandi. Icyakora ntawakwirengagiza ko hari n'ibindi bimenyetso bitari amagambo bishobora gukoreshwa mu guhana ibitekerezo. Muri ibyo twavuga nk'imvugo y'abafite ubumuga bwo kutumva, ibimenyetso by'amarenga n'ibindi.

## Ubwoko bw'amagambo

Amagambo y'Ikinyarwanda arimo amoko menshi. Muri yo twavuga:

**a)** Amazina: Uwera, Muhorakeye, Kigali, Kamembe, umugabo…

**b)** Ntera: nziza, bibi, gato…

**c)** Ibisantera: mpuzamahanga, nyarwanda

**d)** Izina ntera: umwiza, abenshi…

**e)** Inshinga: Kwiga, guhinga…

**f)** Ibinyazina: uriya, bano, wabo, bya …

**g)** Indangahantu: ku, mu, i…

**h)** Ibyungo: na, nka, boshye, cyangwa, uretse ko…

**i)** Imigereka (ingera): vuba, kera, hakurya…

**j)** Amarangamutima: Yooo!, Pe!...

**k)** Inyigana: Pooo!, kacikaci! n'ibindi.

Ayo matsinda ni yo bita "amoko y'amagambo". Ayo moko y'amagambo agabanyijemo amatsinda manini abiri ari yo amagambo **ahinduka** n'amagambo **adahinduka**.

## Amagambo ahinduka

Mwitegereze izi nteruro:

- **Ubworoherane** ni indangagaciro ihatse **izindi** mu mibanire y**'abantu**.
- Urumva ko **umuntu** ashobora **gukora ikosa** rito.
- Noneho **amakosa yakoraga** akikuba inshuro nyinshi.

Mubonye ko muri izi nteruro harimo amagambo amwe yenda gusa. Muri ariya magambo y'umukara tsiri harimo amwe atandukanyijwe n'uko amwe ari mu bwinshi ayandi akaba ari mu bumwe. Twavuga nka:

Umuntu / abantu

Ikosa / amakosa

Aya magambo bavuga ko ahinduka bitewe n'uko ashobora guhinduranya inteko, akaba yava mu bumwe akajya mu bwinshi.

Gukora / Yakoraga

Iri jambo "gukora", mbere ryari inshinga iri mu mbundo hanyuma rihinduka inshinga itondaguye "yakoraga". Ibyo na byo bivuga ko inshinga ari ijambo rihinduka. Andi magambo ahinduka ni ibinyazina, ntera, ibisantera n'ayandi.

**Ingero z'amagambo ahinduka**: Duhereye ku magambo tubona mu mwandiko ndetse n'andi magambo duhura na yo mu buzima bwacu bwa buri munsi, tubonamo:

**Amazina:** Itsinda, amatsinda

Ijambo, amagambo

**Inshinga:** gushima, adashima, azabishima…

Gukora, yakora, agakora…

**Ibinyazina:** Ikindi, abandi, ibindi….

Byabo, byacu, bye….

**Ntera:** mubi, bibi, babi….

Rito, muto, gato….

**Ibisantera:** mpimbano, muhimbano….

## Amagambo adahinduka

Amagambo adahinduka ni amagambo adashobora guhindurirwa inteko ngo abe yava mu nteko runaka age mu yindi nteko cyangwa se ngo abe yakwisanisha n'irindi jambo runaka bitewe n'inteko yaryo. Muri ayo magambo dusangamo:

**Ibyungo:** na, no, nka…

**Indangahantu:** mu, ku, i...

**Amarangamutima:** yooo, weee…

**Inyiganarusaku:** kacikaci, dumburi, ziii…

**Imigereka:** kera, hepfo...

## Umwandiko: Umurage w'umubyeyi



Umunsi umwe umusaza Ruzima wari ugeze mu za bukuru yahamagaye abana be, abahungu batatu n'abakobwa batatu, arababwira ati : « Bana bange, dore ndashaje,

ejo cyangwa ejobundi nshobora kwitahira. » Avuze iryo jambo abana bose amarira abazenga mu maso. Umusaza arongera ati: « Sinababahamagariye kubariza, ahubwo nagira ngo ngihumeka mbahe umurage, mbabwire ikizatuma ubuzima bwanyu buba bwiza, maze nange aho nzaba ndi nzanezerwe. Icya mbere mbifuzaho bana bange ni ukubahana ubwanyu no kubaha abantu bose muzahura na bo mu buzima bwanyu bwose.

Muri ubu buzima, buri muntu mu rwego rwe, agira agaciro ke. Nta muntu wo gusuzugurwa uriho nta n'uwo wavuga ngo sinamukenera. Umukene akenera umukire nk'uko umukire na we akenera umukene. Umushumba akenera umutunzi kuko ari we uzamuha akazi akanamuhemba, ariko umuntu utunze amashyo y'inka ntashobora kuyiragirira, ni yo mpamvu atasuzugura abashumba kuko bamufatiye runini. Umucuruzi w'umuherwe ntiyagombye gusuzugura umuhinzi usanzwe kuko ibiribwa agura ku isoko ni we abikesha. Ibintu ni magirirane rero bana bange ntimuzagire uwo musuzugura ngo ni uko aciye bugufi. Ikindi nabasaba bana bange ni ugufatanya. Umunyarwanda yaravuze ngo : "Igiti kimwe si ishyamba" undi ati : "Inkingi imwe ntigera inzu".

Mumenye ko mugize umuryango umwe wa bene Ruzima. Mu byishimo no mu mage muge muterana ingabo mu bitugu. Ntihakagire uwihererana ikibazo. Uzasumbirizwa azahamagare abavandimwe be bamufashe. Ngo: "Umutwe umwe ntiwigira inama wifasha gusara, nyamara ariko "Abishyize hamwe ntakibananira". Ntimuzironde ngo muheze abandi mu muryango; ahubwo aho mugeze hose muge muhashaka inshuti kuko "Kubaho ni ukubana" bana bange. Nta kintu mwageraho mwenyine; kugira inshuti nyinshi ni ukugira amaboko.

Muge mwubaha ibitekerezo by'abandi, cyanecyane mwemere kugirwa inama. Umunyarwanda yaravuze ati: "Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona." Nimugenza uko mbabwiye muzarama kandi ikibi ntikizabatera ubwoba. Baca umugani mu Kinyarwanda ngo: "Inshuti iruta inshuro." Baraza bapfukama imbere ye, nuko abarambikaho ibiganza abaha umugisha abifuriza ishya n'ihirwe mu buzima bwabo. Abana bose bashimye umurage w'umubyeyi, bamwizeza kutazawutezukaho, nuko bagenda bishimye.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni bande bavugwa muri uyu mwandiko?
2. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko?
3. Umurage aba bana basigiwe ni uwuhe muri make?
4. Ese hari aho uhuriye no kwimakaza umuco w'amahoro?
5. Abantu ni magirirane. Sobanura wifashishije umwandiko.
6. Ni iyihe mpamvu yavuzwe mu mwandiko ituma umukire adakwiye gusuzugura umukene?

7. Vuga akamaro ko guha abana umurage hakiri kare, mbere y'uko umubyeyi asaza.
8. Vuga imigani byibura itatu igaragaza ko umuntu umwe nta cyo yakwimarira.

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura izi mvugo dusanga mu mwandiko ukoresheje amagambo yawe bwite:**

a) Kugira amaboko
b) Abantu ni magirirane
c) Bura bwange
d) Bamufatiye runini
e) Uzasumbirizwa

**2. Tanga imbusane z'aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Kwironda b) Kubariza c) Umugisha
d) Ejobundi e) Guheza

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

1. **Koresha aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ziboneye**

a) Umutunzi b) Umurage c) Ibiganza
d) Umugisha

**2. Uzuza izi nteruro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo:**

**kwironda, gusuzugura, inshuti, umuherwe**

a) Umuntu ufite imitungo myinshi bamwita .........
b) ......... nyayo uyibonera mu byago.
c) Ubusambo no kwikubira bijyana no .........
d) Umuco mubi wo......... ntukwiye kuranga umwana warezwe.

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Mu mwandiko umusaza yavuze ko ashobora kwitahira. Azaba atashye he?
2. Ni izihe ngingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?
3. Garagaza imigani ibiri ivuga ku kamaro ko gukorera hamwe.
4. Ni iki wabwira ababyeyi bagiye gutanga umurage ku bana babo, ukurikije ibivugwa mu mwandiko?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

Umwumwe aravuga mu magambo ye bwite ibikubiye mu mwandiko

**Kungurana ibitekerezo hahuzwa insanganyamatsiko n'ubuzima busanzwe**

Nimukorere mu matsinda hanyuma mugaragaze ibintu nibura bitatu mushobora gukora bikagaragaza hagati yanyu ubwanyu ko hari imibanire myiza, ubworoherane, kubahana no gufatanya. Ibyo byose bishobora kuba muri ku ishuri mu gihe muri mu masomo no hanze mu gihe k'imyidagaduro ndetse no mu gihe muba mwatashye mutari ku ishuri.

**Kugirana ikiganiro mpaka ku ngamba zo kwimakaza umuco w'amahoro**

Nimusobanure ubworoherane icyo ari cyo munagaragaze ingero zifatika zigaragaza ubworoherane mu mibanire yanyu ku ishuri.

Insanganyamatsiko: «Igihe muri gukina hagize ugukinira nabi ukababara wamugira gute?»

**Kwitoza kuvuga mu ruhame**

Vuga mu magambo yawe bwite ibikubiye mu mwandiko "Umurage w'umubyeyi"

## Isanisha ry'amagambo mu nteruro

Itegereze interuro zikurikira maze ugaragaze amasano amagambo ayigize afitanye.

**a)** Umuntu munini araboneka turamubona arahagaze.

**b)** Abahanga bakuru barahari turabazi baratekereza.

### Inshoza y'isanisha mu nteruro

Ubusanzwe interuro ni urukurikirane rw'amagambo. Mu nteruro yubatse neza hari ijambo rishingirwaho isanisha. Ni ukuvuga ko andi magambo yose aryiyungaho yisanisha na ryo bityo akagirana isano na ryo. Iryo jambo riba rigenga amasano ari na yo mpamvu ryitwa ijambo ngengasano. Naho amagambo afitanye isano na rya jambo ngengasano yisanisha na ryo afata indangasano ishobora gutuma ajyana na rya jambo ngengasano mu nteruro ku buryo interuro wumva ivugitse neza idakocamye. Buri jambo kandi ryisanisha n'ijambo ngengasano ku giti cyaryo bitewe n'ubwoko bwaryo.

Mu nteruro twabonye:

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **a)** | Umuntu | munini | araboneka | turamubona | arahagaze. |
| **b)** | Abahanga | bakuru | barahari | turabazi | baratekereza. |

Amagambo ngengasano ni "umuntu" mu nteruro ya mbere na "abahanga" mu nteruro ya kabiri.

Andi magambo yagiye yisanisha na yo ndetse afite indangasano (zaciweho akarongo) zigaragaza isano yagiranye n'ijambo ngengasano.

Dore uko yisanishije:

**a)** Umuntu munini
Umuntu araboneka
Umuntu turamubona
Umuntu arahagaze

**b)** Abahanga bakuru
Abahanga barahari
Abahanga turabazi
Abahanga baratekereza

### Amategeko agenga isanisha

Amategeko agenga isanisha ry'amagambo mu nteruro ashingiye ku kubahiriza inteko y'ijambo ngengasano mu nteruro. Aha twibutse ko buri jambo ryisanisha ukwaryo bitewe n'ubwoko bwaryo. Amagambo ahinduka, yisanisha n'ijambo ngengasano afata indangasano yaryo ku buryo bwubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

**Urugero:**

| Isanisha rikozwe nabi | Isanisha rikozwe neza |
|---|---|
| Umuntu kinini | Umuntu munini |
| Abana mugufi | Abana bagufi |
| Umuntu haragenda | Umuntu aragenda |
| Umwana bya Muhizi | Umwana wa Muhizi |

Mu isanisha ry'amagambo inteko z'amazina zigomba kubahirizwa kuko mu isanisha, amagambo ahuje inteko ashobora kugira amasano amwe mu nteruro kuko iyo asimburanye nk'amagambo ngengasano, indangasano z'andi magambo agize interuro zidahinduka.

**Urugero:**

**Ibitwenge** by'inkoko **bi**shirira mu kwayura
**Ibitenge** by'abagore **bi**korerwa mu Rwanda.
**Ibijumba** by'amaganda **bi**raryoha.
**Ibibind**i by'inzoga **bi**rikorerwa.

Amagambo "ibitwenge, ibitenge, ibirenge, ibijumba, ibibindi" yasimburanye kandi indangasano ntizahindutse.

## Imyitozo ku isanisha ry'amagambo mu interuro

Umunyeshuri akore imyitozo ijyanye n'isanisha ry'amagambo mu nteruro

1. Ijambo ngengasano mu nteruro ni iki?
2. Vuga uruhare rw'inteko z'amazina mu isanisha ry'amagambo mu nteruro**?**
3. Garagaza isano (indangasano) amagambo aciyeho akarongo mu nteruro zikurikira afitanye n'ijambo ngengasano:
   a) Abana bakiriye neza impanuro bataragenda barapfukama abaha umugisha.
   b) Umubyeyi abonye agiye gutaha ahamagara abana baramukikiza bamutega amatwi abaha umurage.

## Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo

Soma interuro zikurikira maze utahure interuro itubahirije amategeko y'isanisha.

**a)** Avuze iryo jambo abana byose amarira kihazenga mu maso.

**b)** Avuze iryo jambo abana bose amarira abazenga mu maso.

## Interuro mbonezamvugo n'ibiyiranga

Interuro mbonezamvugo ni interuro ivugitse neza idakocamye, iboneye imvugo kandi yubahirije amategeko y'isanisha. Ni ukuvuga ko interuro mbonezamvugo yubatse ku buryo bukurikiza amategeko y'ikibonezamvugo. Aha twibutse ko interuro yubatse neza atari ivuga ibizwi, ibibaho cyangwa ibishoboka. Interuro yubatse neza ( mbonezamvugo) ni iyubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

**Ingero:**

– Igiti kiza turakibona kireze.

– Amasaka meza yerera amezi atanu.

– Ibitwenge by'inkoko bishirira mu kwayura.

– Uyu mukambwe afite imyaka myinshi.

Izi zose ni interuro mbonezamvugo kuko zivugitse neza kandi zikaba zubahirije amategeko y'isanisha.

## Interuro nyobyamvugo n'ibiyiranga

Interuro nyobyamvugo ni interuro idasanisha amagambo uko bikwiye, itavugitse neza, ikocamye, yica amategeko y'ikibonezamvugo. Kuba amagambo akurikiranye mu nteruro ntibihagije kugira ngo interuro yumvikane neza. Amagambo agomba gukurikirana asanishije neza kandi mu buryo bw'inyurabwenge.

**Ingero:**

– Igiti mwiza turahabona areze.

– Insina hagufi ni byo icibwaho urukoma.

– Umwana heza kubaha ababyeyi be.

Izi nteruro ni nyobyamvugo kuko zivugitse nabi kandi zikaba zitubahirije amategeko y'isanisha.

## Umwitozo ku nteruro mbonezamvugo na nyobyamvugo

Umunyeshuri akore icyandikwa, yubahiriza imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze n'amategeko agenga imikoreshereze y'inyuguti nkuru

**1.** Interuro mbonezamvugo n'interuro nyobyamvugo bitaniye he?

**2.** Uzurisha amagambo wahawe ku buryo interuro ziba mbonezamvugo.

**Amagambo : umukene, ijisho, imodoka, urwego.**

a) ………….. umuntu ribona byinshi.

b) ………….. uhiye uraryoha cyane.

c) ………….. itazakugeza i Kigali ntuyitega.

d) ………….. rufasha mu isakara ry'igisenge.

**3. Kosora interuro zikurikira zibe interuro mbonezamvugo**

Muge yubaha ibitekerezo by'abandi, cyanecyane mwemere kugirwa inama. Umunyarwanda baravuze kiti : "Nyamwanga kumva nticyanze no kubona". Nimugenza uko mbabwiye hazarama kandi ikibi ntikizabatera ubwoba.

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa kane

Imyandiko yasomwe itubwira ko amakimbirane akenshi aterwa no kutoroherana kwa bamwe kandi ubufatanye n'ibiganiro ni byo by'ingenzi mu kubaka amahoro arambye. Abantu ni magirirane dukwiye gufashanya muri byose tugatahiriza umugozi umwe kuko mu buzima abantu barakenerana.

Twabonye ko mu Kinyarwanda harimo amagambo ahinduka n'adahinduka. Mu nteruro tugira ijambo ngengasano naho amagambo yisanisha na ryo akagira indangasano zubahiriza inteko yaryo, zikagaragaza isano afitanye na ryo kandi buri jambo ryisanisha ukwaryo bitewe n'ubwoko bwaryo.

Interuro mbonezamvugo ni interuro idakocamye, yumvikana neza ndetse isanisha ry'amagambo na ryo rigakorwa neza. Naho interuro nyobyamvugo ni interuro yubatse nabi itubahiriza amategeko y'ikibonezamvugo.

## Isuzuma risoza umutwe wa kane

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe*

**Umwandiko: Inkomoko y'amakimbirane**

Amakimbirane ni ukutumvikana hagati y'umuntu n'undi cyangwa hagati y'itsinda n'irindi. Kutumva ibintu kimwe byahozeho kuva kera kandi ibyo birasanzwe mu mibanire y'abantu nyamara bibyara amakimbirane. Umuryango wagezemo amakimbirane uba ugize ingorane nyinshi kuko nta terambere ryongera kugerwaho. Aho gukora ngo biteze imbere cyangwa bateze imbere urwababyaye, birirwa mu matiku. Uko kutumvikana gushobora gutera impaka z'urudaca, amahane n'inzangano bikabona icyuho.

Kutumva ibintu kimwe ntibyakagombye kuba ikibazo ahubwo byakabaye inzira yo kugira ngo abantu bicare baganire bagere ku myanzuro ibateza imbere. Abahanga bavuga ko abantu baramutse bumva ibintu kimwe nta mpinduka zabaho. Amakimbirane avuka rero iyo hari abanze kuva ku izima bagatsimbarara ku bitekerezo byabo abandi na bo bikaba uko bakumva ko ibyabo ari byo bitunganye.

Hari n'ubwo usanzwe azwiho kuvuga rikumvikana atanga igitekerezo kitakwemerwa akagira ngo baramurwanya. Ibyo na byo ariko ni imyumvire itakijyanye n'igihe kuko nta muntu n'umwe wari ukwiye kumva ko ari kamara. Umunyarwanda yabivuze neza agira ati: "Inkingi imwe ntigera inzu".

Indi mpamvu na yo itoroshye mu zikurura amakimbirane ni ukutarangiriza ku gihe imirimo yuzuzanya. Mu bakorera hamwe nk'amashyirahamwe cyangwa inganda z'ubucuruzi, iyo umwe ashaka kwihutisha akazi undi akanebwa, biragoye ko abo bantu bombi bumvikana. Umwe ashobora gukenera ibyo undi yakoze kugira ngo abashe kunoza umurimo we. Iyo rero abitegereje igihe kirekire agaheba, bimwicira akazi akaba yagawa maze amakimbirane akavuka ubwo. Ariko na none abantu bagomba kumenya ko abakozi bose batagira imbaraga zingana.

Dufatire urugero ku bakozi bo mu ruganda rukora amagare. Umwe wenda akora amapine, uwa kabiri agakora amahembe naho uwa gatatu agasabwa guteranya igare ryose. None se uwanyuma najya guteranya igare ngo rigurishwe agasanga ukora ipine yabaye umunebwe bizagenda bite?

Akaga karenze ihaniro ni amakimbirane aturuka ku muyobozi ubwe iyo atangiye gutonesha bamwe. Gutonesha ni umuco mubi ukurura amakimbirine n'umwiryane mu babana mu muryango. Iyo ukuriye abandi atangiye gufata umwe cyangwa bake akabarutisha abandi, icyo gihe inyungu zitangira kwikubirwa na bamwe abandi basigaye bagacyura amara masa.

Ishyari na ryo abashakashatsi basanze riri mu bitera amakimbirane. Ishyari ritera umutima kutanyurwa. Iryo ryo ni ishyano rimwe ritagira gihanura kuko rihera mu bwana. Hari umwana ubona baguriye umuvandimwe we umwenda akamikwa. Babagurira inkweto bombi akagira ngo azitwarire zose. Zipfa kuba zidasa gusa! Ntatekereza ko undi yaba asigariye aho. Ishyari rero ritera kutishimira ikiza kiri ku bandi, urifite akumva yahora ashimwa wenyine, bityo akagirana amakimbirane n'abandi.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Rondora nibura ibintu bine bivugwa mu mwandiko bishobora gutera amakimbirane.
2. Mu mwandiko baravuga ko inzangano zo zaba ziturukа ku ki?
3. Garagaza inkomoko y'ishyari uko ivugwa mu mwandiko.
4. Vuga indi mpamvu itavuzwe mu mwandiko ubona itera amakimbirane
5. Ni iyihe mpamvu ivugwa mu mwandiko isobanura impamvu abantu iyo bari mu kazi kamwe hari ababa aba mbere abandi bakaba aba nyuma?
6. Nyuma yo gusoma umwandiko urumva mu ishuri wakwirinda amakimbirane ute?

## II. Inyunguramagambo

1. **Sobanura aya magambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye**
   a) Itsinda
   b) Icyuho
   c) Gutonesha
   d) Kuva ku izima

2. **Vuga amagambo ari mu mwandiko asobanura kimwe n'aya akurikira:**
   a) Bagataha nta cyo babonye
   b) Akagira ishyari

## III. Ubumenyi bw'ururimi

1. **Mu nteruro zikurikira, erekana indangasano mu magambo aciyeho akarongo, werekane n'amagambo ngengasano agenga izo ndangasano.**
   a) Imbazi ya menshi ivuga icyo yariye.
   b) Inka nini ndazibona zirarisha.
   c) Abana bange barara bahagaze bwacya bakaryama.
   d) Amarembo magari arugariye kandi imbyeyi ziravumera.


2. **Mu Kinyarwanda hari amagambo ahinduka n'amagambo adahinduka. Bisobanuye iki?**

3. **Mu nteruro isanisha ry'amagambo rigomba kubahiriza iki?**

4. **Wifashishije ingero ebyirebyiri kuri buri bwoko bw'interuro garagaza aho interuro mbonezamvugo itandukaniye n'interuro nyobyamvugo.**

# 5 Ubuzima

## Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo



Hari icyorezo gihangayikishije isi cyane kuko kitarabonerwa umuti kikaba nta n'urukingo rwacyo ruravumburwa. Abantu bakivugaho byinshi, uwafashwe na cyo bakavuga ko yanduye virusi cyangwa se yanduye SIDA. Umuntu yakwibaza rero icyo SIDA ari cyo n'isano ifitanye na virusi. Yakwibaza kandi uburyo yandura kugira ngo abashe kuyirinda.

SIDA ni uruhurirane rw'ibimenyetso by'uburwayi buterwa n'agakoko ko mu bwoko bwa virusi bita «HIV». Iyo virusi inegekaza abasirikare barinda umubiri ntube ugishoboye kwirwanaho, maze indwara z'amoko yose zikawibasira. Iyi virusi iyo ikigera mu mubiri, ntabwo uyanduye ahita arwara SIDA, aba afite gusa ubwandu bwa virusi itera SIDA. Bavuga ko umuntu arwaye SIDA iyo umubiri umaze gucika intege indwara yose ije ikawutaha, umurwayi agashiramo, agasigara ari igikanka. Hari

n'abantu bagira ubwandu bwa virusi ariko ntibarware SIDA nyamara bakayanduza abandi. Kubera ko SIDA yica nabi, ni ngombwa ko abantu bamenya uko virusi iyitera yinjira mu mubiri w'umuntu.

Uburyo buza ku isonga ni ugukorana imibonano mpuzabitsina idakingiye hagati y'uwanduye virusi n'utayanduye. Mu matembabuzi yo mu gitsina cy'umugore no mu masohoro y'umugabo hatemberamo iyo virusi ku bwinshi. Virusi kandi iba mu maraso. Igihe cyose amaraso y'uwanduye ahuye n'igikomere cy'uwari muzima ahita yandura virusi. Ayo maraso ashobora guhura bitewe no guhererekanya ibikoresho bikomeretsa n'ufite ubwandu nk'inzembe, ibikwasi, inshinge umuntu yatewe zakoreshejwe n'urwaye... Ibyo bigakunda kugaragara mu buvuzi bwa magendu. Umuganga na we ashobora kwandura igihe atirinze kandi avura uwanduye, yifashishije ibikoresho bikomeretsa. Umubyeyi wanduye ashobora kwanduza umwana igihe amubyara cyangwa igihe amwonsa.

Umurwayi wa SIDA agaragaza ibimenyetso bitandukanye. Indwara yose ije iramwadukira, akananuka cyane akaba igikanka, umusatsi ugacurama, uruheri rukamutaha umubiri wose, akagira inkorora idashira, akarwara igituntu, mbese akaba isibaniro ry'indwara nyinshi. Nkuko SIDA itagira umuti ntigire n'urukingo kandi umurwayi wa SIDA yivuza ibyo byorezo ariko ntabe yayikira ikamwica yaramumazeho umutungo wose, we n'umuryango we. Cyakora ubu haje imiti igabanya ubukana ariko idakiza SIDA.

Kwirinda SIDA ariko birashoboka. Abakiri bato bagomba kwifata bakirinda gukora imibonano mpuzabitsina batarageza igihe kandi bagakomera ku busugi n'ubumanzi bwabo, kugeza igihe bashakiye bakubaka ingo. Abashakanye kandi bagomba kugira ubudahemuka, bakubahiriza amasezerano bagiranye ntibacane inyuma, uwo kwifata binaniye agakoresha agakingirizo. Nimuze rero turwanye SIDA itatumaraho abantu.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uravuga ku ki?
2. SIDA ni iki?
3. Kwandura SIDA no kurwara SIDA bitandukaniye he?
4. Vuga ahantu hatandukanye twasanga agakoko gatera SIDA.
5. Rondora uburyo agakoko gatera SIDA gashobora kwanduramo.
6. Umuntu urwaye SIDA agaragaza ibihe bimenyetso?
7. Ni iki cyakorwa ngo twirinde SIDA?
8. Ni gihe ki umubyeyi ashobora kwanduza umwana we?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Icyorezo b) Kunegekaza c) Ubukana

d) Ubwandu e) Kuba igikanka

**2. Tanga imbusane z'aya magambo**

a) Ubujiji b) Abashakanye c) Kuba mutaraga

d) Ubuvuzi bwa magendu

**3. Huza aya magambo ari mu ruhushya rwa mbere n'ibisobanuro byayo biri mu rwa kabiri**

| | |
|---|---|
| a) Guhererekanya | 1. Kunegekara |
| b) Gucika intege | 2. Kuba igikanka |
| c) Ubuvuzi butemewe | 3. Gutizanya |
| d) Gushiraho | 4. Magendu |

**4. Tahura amazina y'indwara waba uzi zishobora kwandurira mu mibonano mpuzabitsina zanditse muri iki kinyatuzu.**

| | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | R | A | W | K | U | Z | U | R | A | S | E | A | K |
| S | I | D | A | M | B | I | P | E | R | E | K | J | U |
| I | M | B | U | R | U | G | U | K | O | K | O | E | B |
| N | I | W | E | U | R | I | R | A | K | A | Z | E | U |
| Z | T | V | E | P | A | T | I | T | E | B | C | Z | K |
| O | E | S | E | N | G | A | I | M | A | N | A | A | W |
| N | Z | I | R | W | A | Y | E | N | D | A | N | Z | E |
| G | I | N | D | A | Z | O | M | U | N | S | Y | A | U |
| E | M | E | R | W | A | M | E | Z | E | A | T | E | W |
| R | N | G | U | R | U | R | A | I | G | A | P | T | O |

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Koresha neza amagambo akurikira mu nteruro ngufi kandi ziboneye:**

a) Ubwandu b) Magendu c) Gucika intege

d) Kwifata

**2. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko**

a) Tugomba kumenya ko ......... itagira umuti n'urukingo.

b) Abakobwa bakomere ku ...... bwabo n'abahungu ku ......bwabo kugeza igihe bazubaka ingo zabo.

c) Abashakanye birinde ............ bubahirize amasezerano bagiranye.

d) Gukora .......... idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye byanduza virusi itera SIDA.

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Fumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri mu mwandiko.
2. Ushingiye ku bumenyi bwawe bwite, vuga ingaruka nibura ebyiri zo kwandura SIDA ku munyeshuri uri mu kigero nk'icyo ugezemo.
3. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko bwira bagenzi bawe uburyo SIDA yandura n'uburyo bayirinda?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:**

**a)** Nimugereranye ibivugwa mu mwandiko n'ibyo mwaba muzi cyangwa mwarumvise mu buzima busanzwe bavuga kuri SIDA .

**b)** Niba muri mwe hari umwana uzi uwarwaye SIDA cyangwa se akaba azi aho bayirwaje natange ubuhamya.

## Amoko y'imyandiko

### Umwandiko ntekerezo

Kora ubushakashatsi mu isomero utahure amoko y'imyandiko.

### Inshoza y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko muhimbano akenshi uvuga ibintu bisanzwe mu buzima. Umwandiko ntekerezo uvuga ku nsanganyamatsiko runaka. Uwandika umwandiko ntekerezo akenshi ahera ku byo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho akabyandika ku buryo uzabisoma agira icyo yiyunguraho mu bumenyi. Imyandiko ntekerezo bayita kandi "imyandiko isanzwe". Yitwa imyandiko isanzwe mu rwego rwo kuyitandukanya n'indi myandiko y'ubuvanganzo nk'inkuru, imivugo n'iyindi. Imyandiko ntekerezo isa nk'imenyesha amakuru y'ibiriho maze usoma akaba yabifata nk'ukuri cyangwa akabihakana. Nta keshamvugo rikunze kubamo; ahubwo imyandiko ntekerezo ikoresha imvugo isanzwe yumvikana itazimije.

Iyo usomye uyu mwandiko "Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo" usanga umwanditsi yarashakaga kuduha amakuru; ni umwandiko utubwira icyo SIDA ari cyo, ukanadusobanurira uko yandura n'uko twayirinda. Ni umwandiko usanzwe rero. Mu yandi magambo ni umwandiko ntekerezo.

### Uturango tw'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ugira insanganyamatsiko runaka uvugaho. Umwandiko ntekerezo ndetse n'ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose, bijya gukorwa byabanje gutekerezwaho bigakorerwa imbata.

### Imbata y'umwandiko ntekerezo

Umwandiko ntekerezo ugira ibice bitatu by'ingenzi: intangiriro, igihimba n'umwanzuro ariko kandi ukaba ufite umutwe.

**Umutwe** ni nk'ipfundo riba riri bupfundurwe mu mwandiko nyiri izina. Umutwe w'umwandiko ugomba kuba witaruye gato ibindi bice by'umwandiko bisigaye.

Umutwe w'umwandiko ushobora kwandikwa mu nyuguti nkuru cyangwa mu nyuguti nto ariko ugacibwaho umurongo. Biba byiza cyane iyo umutwe ubaye mugufi. Ni ukuvuga ko uba wanditse mu murongo umwe cyangwa ibiri. Iyo irenze ishobora kwitiranywa n'igika cy'umwandiko.

**Intangiriro**: Mu ntangiriro uwandika avuga muri make ibyo agiye kwandikaho. Intangiriro iba igizwe n'igika kimwe kandi kigufi.

**Igihimba**: Mu gihimba uwandika avuga byimazeyo ibyo ashaka kuvuga ndetse agatanga n'ingero zifatika. Mu gihimba uwandika atondeka ibitekerezo bye neza ku buryo ubisoma yumva ibitekerezo biri ku murongo. Igihimba gishobora kugira ibika

birenze kimwe bitewe n'ingingo uwandika ari butange cyangwa bitewe n'uburebure bw'umwandiko bwasabwe.

**Umusozo**: Mu musozo uwandika avuga muri make yanzura ku byo yavuze mu ntangiriro no mu gihimba. Umusozo ntugomba gutandukira ibyavuzwe mu gihimba. Umusozo uba ugizwe n'igika kimwe kandi kigufi. Muri iki gice kandi ni ho uwandika ashobora kugaragaza uruhande abogamiyeho, byanaba ngombwa akagira inama atanga ku bimaze kuvugwaho.

**Dore imiterere y'umwandiko ntekerezo ku rupapuro:**

1. ..........................................................................................

2. ..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
..................................................

3. ..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................

..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
......................................................................

4. ..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
..........................................................................................
.............................................

Ibisobanuro:

1 : umutwe
2 : intangiriro
3 : igihimba
4 : umusozo

**Intambwe z'ingenzi zikwiriye guterwa mu guhimba umwandiko ntekerezo**

1. Gutekereza ku nsanganyamatsiko no kuyisobanukirwa neza.
2. Gutekereza no kwandika ku ruhande ibitekerezo ku ngingo nkuru uri buvugeho.
3. Kumenya imbata y'umwandiko.
4. Kwandika umwandiko wita ku isuku no ku mategeko y'imyandikire.
5. Gusoma ibyo wanditse ukareba ko hari ibyo waba washyizemo bitari.
   ngombwa cyangwa se ko hari ibyo waba wibagiwe byari ngombwa.
6. Gukuramo ibitari ngombwa no kongeramo ibibuze.
7. Kwandukura ibyo wanditse ku rupapuro mu buryo bufite isuku, wita no ku mategeko y'imyandikire y'ururimi.

## Umwitozo ku mwandiko ntekerezo

Andika ibitekerezo byawe ku nsanganyamatsiko zikurikira, utondeke ingingo ukurikije uburemere bwazo. Reba mugenzi wawe mugereranye ibyo mwabonye.

**Insanganyamatsiko:**

a) Tumenye ibishobora kuzamura imitsindire mu kigo cyacu.
b) Akamaro k'umurimo

## Umwandiko mvugo shusho: Ishuri ryacu



Ishuri ryacu ni ryiza cyane. Ni ishuri rishya rigizwe n'amazu maremare agerekeranye. Ni ryo shuri ry'ikitegererezo mu mashuri yo mu karere kacu. Riri ku rwego rumwe n'andi mashuri mpuzamahanga. Ni ishuri ntangarugero mu gutanga ubumenyi ngiro bwizewe.

Ishuri ryacu riherereye mu mpinga y'agasozi keza kitaruye utundi. Bavuga ko ako ari ko gasozi indatwa mu karere. Iyo uhari uba wumva akayaga gahuhera kakazana amahumbezi mu duce twose iryo shuri ryubatsemo. Ababyeyi benshi usanga baba bifuza kuhazana abanyeshuri kuko kuhigira bingana no gutsinda. Ako gasozi keza kubatseho ishuri ryacu, kari bugufi y'akagezi gato kadasuma; gafite amazi make ariko asa neza ku buryo kuharuhukira wumva binejeje.

Abayobozi baho ni ntamakemwa. Ikintu kiza bashimirwa cyane ni isuku usangana amashuri ndetse n'abanyeshuri bahiga bose. Ukinjira mu muryango munini w'ishuri ryacu, ubona ubusitani bwiza cyane n'uduhanda dutoduto tw'utugenderano tugana mu byerekezo bine amashuri yubatseho. Utwo tuyira dukikijwe n'indabo ndende n'izindi ndabo ngufi kandi ziteye amabengeza.

Iyo umenye imitsindire myiza yaranze ishuri ryacu kuva ryashingwa, uhita wifuza kuharerera kuko abana bahiga batsinda neza cyane. Nta kibazo k'indwara z'ibyorezo kiharangwa kandi n'imirire ni ntagereranywa pe! Ibyo byose babikesha ubuyobozi bwiza bw'indashyikirwa. Abana bakiri bato bo mu mashuri abanza, biga bashyizeho umwete ngo nibatsinda bazabohereze ku ishuri ryacu.

### Ibibazo twakwibaza kuri uyu mwandiko:

1. Uyu mwandiko witwa ngo iki?
2. Mu mwandiko baratubwira iki?
3. Ishuri ryubatse rite?
4. Ukinjira mu marembo magari ubona iki?
5. Hafi y'ishuri hari iki?

**Duhereye ku bisubizo by'ibi bibazo, turumva neza ko mu mwandiko basa n'abaduha ishusho y'ishuri ryacu uko riteye n'aho ryubatse. Umuntu usoma umwandiko aragira ishusho runaka y'uko iri shuri riteye.**

### Inshoza y'umwandiko mvugo shusho n'uturango twawo:

Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere y'ikintu iki n'iki. Twavuga nk'uyu mwandiko utaka ishuri, imiterere y'aho ryubatse, n'ibindi umuntu ashobora gukenera kumenya. Umwandiko mvugo shusho uba wanditse ku buryo utanga amakuru yose mbese ugatanga ishusho y'ikintu runaka.

### Umwitozo wo guhimba umwandiko mvugo shusho:

Ugendeye ku rugero tumaze guhabwa mu mwandiko ishuri ryacu, himba umwandiko mvugo shusho ugerageza gutanga ishusho y'ikigo wigamo.

## Umuvugo: Muze twambarire urugamba

Ndaje nambariye urugamba
Ndaje kandi kubahugura
Ngo tururwane tunarutsinde
SIDA tuyirukane mu Rwanda.
N'ubwo nta muti n'urukingo
Umuti yego nturavumburwa
Na virusi iracyasheze
Ariko kuri ubu yo turayizi
N'uko itera turabibwirwa
Reka turebe uko yirindwa.
Ese ko tuzi ibyo irwanisha
Ari yo maraso ari n'amasohoro
Ndetse n'ayandi mavangingo
Turetse kwiroha mu buraya
Maze ubusambanyi bugacika
N'abo kwifata byagoye
Bakikingira ako gakoko
Abajya gushaka bakitonda
Mbere yo kwizihira agatimba
Cyangwa ikoti na karuvati
Bagaca ahantu kwipimisha
Aho kwishora mu byo batazi,
Iyo SIDA yazabona icyuho?
Ese gutiririkanya inzembe
N'iryo sangira ry'ibikwasi
Ndetse n'ibindi bikeba byose
Uwabihungira kure cyane
Yapfa kwandurira mu maraso?

Dore amavuriro aturi hafi
Arimo abaganga babitojwe
Tureke kwiteza magendu
Maze dutere SIDA umugongo.
Mugore utwite gira ubutwari
Wipimishe SIDA ugitwita
Niba urwaye urinde umwana
Ubaze muganga uko witwara
Maze ako kamarayika utwite
Kazavuke kazira ubwandu.
Ngiyo intambara twarwana
Muze twambarire urugamba
Muze twese dufate intwaro
Muze twirukane uwo mwanzi
SIDA tuyirukane mu Rwanda.

Subiza ibibazo byabajijwe ku mwandiko "Twese twambarire urugamba".

## Ibibazo twakwibaza kuri uyu mwandiko:

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Kubera iki? Vuga nibura impamvu ebyiri.
3. Murumva uvugitse ute?
4. Ese uyu mwandiko wanditse ute ugereranyije n'indi myandiko?
5. Amagambo "Kwizihira agatimba cyangwa ikoti na karuvati" bivuze iki mu mwandiko?

## I. Inshoza y'umuvugo

Umuvugo ni igihangano cy'ubuvanganzo kigira injyana kikavuga ku nsanganyamatsiko runaka ku buryo bunyura uwumva cyangwa uwusoma. Umuvugo ugira ikeshamvugo n'ubuhanga bwo gukoresha amagambo. Umuvugo usingiza umuntu cyangwa ikintu. Ushobora ariko no kukivuga nabi bitewe n'ububi bw'icyo uvuga kugira ngo abantu bakirinde. Umuvugo wandikwa mu mikarago.

## II. Uturango tw'umuvugo

Umuvugo urangwa n'injyana inogeye amatwi. Umuvugo kandi ugira ikeshamvugo ari bwo buryo bwo kunoza ururimi, bakoresha agambo atoranyijwe ndetse agakurikiranywa neza, kandi bagakoresha cyane imvugo izimiza. Umuvugo wandikwa mu mikarago ntabwo interuro zawo ziba ndende nko mu yindi mikarago.

a) **Injyana**: ni uburyo amajwi aba yubakitse, ku buryo arema ururirimbo runogeye amatwi.

b) **Imikarago**: interuro zigize umuvugo ni ngufi, si ndende nkuko bisanzwe mu yindi myandiko.

c) **Ikeshamvugo**: ni uburyo bwo kunoza ururimi, bahitamo amagambo meza ndetse bakayakurikiranya neza.

d) **Imvugo izimije**: mu muvugo bakoresha imvugo ishushanya, iterura neza

ibivugwa, rimwe na rimwe bigasaba gusiganuza kugira ngo umenye icyo umuhanzi yashatse kuvuga.

**Umukoro:**

Himba umuvugo mugufi uvuga kuri SIDA.

## Itandukaniro hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo

Iyi myandiko itandukaniye ku miterere yayo. Umuvugo witaruye iyi myandiko isigaye kuko uba wanditse mu mikarago mu gihe iyo yindi yo yanditse mu mirongo. Ikindi umuvugo uba wiganjemo ikeshamvugo n'injyana bititabwaho cyane mu myandiko yindi.

N'ubwo bwose mu miterere y'ibika umwandiko ntekerezo n'umwandiko mvugo shusho nta ho bitaniye, uwandika umwandiko ntekerezo ahera ku nsanganyamatsiko runaka akavuga ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho. Abyandika atitaye ku kurobanura amagambo n'imvugo zishushanya ikivugwa kandi agamije kugira icyo ahindura ku mitekerereze y'abantu cyangwa kubungura ubumenyi.

Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere yacyo binyujijwe mu magambo n'imvugo zishushanya icyo kivugwa. Mu mwandiko mvugo shusho hibandwa cyane ku ikoresha ry'amagambo agereranya kandi ataka ubwiza cyanecyane ubugaragara inyuma, ku buryo ibivugwa biba bishingiye ku miterere wabonesha amaso. Nyamara mu mwandiko ntekerezo ho bavuga n'ibyo utabonesha amaso, wumva mu bwenge bwawe gusa ukemera ko byabaho kandi ari ukuri.

## Ibiganiro mpaka




Muge impaka kuri iyi ngingo ikurikira: **"SIDA ni yo ndwara mbi kurusha izindi."**

### Inshoza y'ibiganiro mpaka

Ibiganiro mpaka bikorwa n'abantu benshi bagamije kungurana ibitekerezo hagati yabo. Ibiganiro mpaka bigira insanganyamatsiko bityo hakaba impande ebyiri z'abantu bamwe bakayishyigikira abandi ntibayishyigikire.

Impaka zivugwa aha ngaha si za zindi za ngo turwane, si zimwe zibyara amacakubiri. Ahubwo ni impaka zigamije kugera ku mwanzuro wubaka, abajya impaka bagatahiriza umugozi umwe cyane ko akenshi ziba kugira ngo hagire umurongo ufatirwa ikibazo runaka.

Ibiganiro mpaka biba bigamije guhuza impande zombi ngo barebe icyo bakumvikanaho gikwiye gukurikizwa ku mpande zombi.

Iyo ari umwitozo wo mu mashuri, ibiganiro mpaka bituma abanyeshuri baba intyoza mu kuvuga. Bakaba imbonera mu gutega amatwi ibivugwa no mu gutanga ingingo zifite ireme. Ntibarondogora; ahubwo bagusha ku ntego kandi bakamenyera gukurikiranya ingingo, bubahiriza inyurabwenge n'injyabihe y'ibivugwa. By'umwihariko, ibiganiro mpaka bitoza abanyeshuri kuvugira mu ruhame.

## Imiteguririre y'ikiganiro mpaka

Ikiganiro mpaka kiba kigomba gutegurwa, ndetse n'abajya impaka bakitegura bagakora ubushakashatsi kugira ngo igihe nyirizina nikigera bazatange ingingo zifatika kandi zifite ireme. Mu miteguririre y'ikiganiro mpaka hari ibigomba kwitabwaho nyuma y'uko insanganyamatsiko iboneka n'aho ikiganiro kigomba kubera.

## Abagize ibiganiro mpaka

Ibiganiro mpaka bigirwa n'amatsinda atatu hatabariwemo indorerezi. Uruhare rw'ayo matsinda yose ruba rukenewe mu migendekere myiza y'ikiganiro mpaka.

a) **Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko:** Ni itsinda ry'abashyigikiye insanganyamatsiko. Ibitekerezo, ingingo n'ibisobanuro batanga bigomba kutanyuranya n'insanganyamatsiko.

b) **Uruhande rudashyigikiye insanganyamatsiko**: Ni itsinda ry'abantu batemera ibitekerezo n'ingingo bikubiye mu nsanganyamatsiko yatanzwe. Abafata umwanya wo kugira icyo bavuga, bageragеza kuyirwanya. Bagomba ariko kwifashisha ingingo n'ibisobanuro byumvikana ku buryo n'uruhande rwemeza rushobora kuva ku izima cyangwa bakagamburukaho gato.

c) **Umuhuza/ umuyobozi w'ibiganiro mpaka:** Ni umuntu uba ushinzwe guhuza izo mpande zombi. Ashobora kuba umwe cyangwa benshi. Umubare w'abafasha umuhuza uterwa n'urwego rw'ikiganiro, igihe ibiganiro bizamara ndetse n'intego y'ibiganiro.

**Ingero:**

- Ibiganiro mpaka bibera mu mashuri abanza n'ayisumbuye, umuhuza ashobora kuba ari umuntu umwe ntabamufasha. Impamvu ni uko bimara igihe gito kibarirwa mu masaha.
- Ibiganiro mpaka bitegurwa ku rwego rw'igihugu cyangwa bihuje impande zishyamiranye, umuhuza agira abamufasha. Impamvu ni uko biba bisaba ubumenyi bwinshi bunyuranye nk'amateka, poritiki, ubukungu n'ibindi. Nta muntu rero waba inzobere mu bintu byose. Indi mpamvu ituma umuhuza agira abamufasha, ni uko bene ibyo biganiro bishobora no gufata igihe kirekire nk'ibyumweru cyangwa amezi.

### Inshingano z'umuhuza

Inshingano z'umuhuza zishobora kuba nyinshi ariko iz'ingenzi ni izi zikurikira:

- Gusobanura insanganyamatsiko.
- Gutanga umurongo ngenderwaho.
- Gutanga umwanya w'amagambo kuri buri ruhande.

- Kwerekana ingufu n’imbaraga nke z’ibitekerezo bya buri ruhande.
- Gufasha mu kumvikanisha impande zombi.
- Kugeza impande zombi ku mwanzuro.
- Gufasha mu kubahiriza igihe.

**Ibyo umuhuza agomba kuba yujuje**

Umuhuza agomba kuba ari:

- Inararibonye
- Umuhanga mu byo baganiraho
- Azwiho kwihangana
- Kuba ashobora kuvuga rikumvikana
- Kuba azwiho kutabogama
- Kuba afite igitsure.

d) **Indorerezi**: Ni abantu bose baba bateze amatwi banihera ijisho impaka zirimo kuba. Abo uretse kumva no kutivanga mu biganiro, nta zindi nshingano baba bafite. Icyakora bemerewe kugaragaza amarangamutima batagize uruhande babangamira cyangwa bakabaza ibibazo aho batasobanukiwe.

e) **Abakemurampaka**:Ni ababa bashinzwe kugaragaza uruhande rwatsinze n’uruhande rwatsinzwe. Iyo ari mu myitozo ibera mu mashuri batanga amanota bakurikije imyitwarire ya buri ruhande. Umwarimu ashobora kuba umukemurampaka mu gihe impaka zabereye ku kigo cy'amashuri cyangwa mu ishuri.

**Uko ibitekerezo bitangwa**

Buri ruhande rugerageza gutanga ingingo no kuzisobanura hifashishijwe ingero zumvikana neza.

Dore aho wavana zimwe muri zo:

1. Amagambo n’ibitekerezo byatanzwe n’abahanga bazwi ndetse n’abantu bakomeye byerekeranye n’iyo nsanganyamatsiko.
2. Ubumenyi bwigwa mu mashuri n’ahandi
3. Ubunararibonye bwa buri muntu...

### Umwitozo w'ubumenyi ngiro:

**Gukora ikiganiro mpaka ku buryo bukoreshwa mu kwirinda SIDA**

Mumaze kwiremamo amatsinda no kureba abagira uruhare bose mu migendekere y'ibiganiro mpaka, nimuge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:** "Urubyiruko rugize uruhare mu kurwanya no kwirinda SIDA, yacika burundu."

## Inkuru ngufi: Munezero na mugenzi we



Imodokari itwara abagenzi yari ibakuriyemo ku cyapa. Nuko bafata umuhanda muto w'ibitaka berekeza ku ivuriro ryari nko mu kirometero kimwe. Ni ahantu ubona ko hari amafu n'amahumbezi kubera ibiti byiza biteye hepfo no haruguru y'umuhanda. Karangwa na Munezero barimo baganira bahuje urugwiro. Baratambuka intambwe ku yindi bakanyuzamo bakarebana mu maso bakamwenyura.

Bagiye kumva bumva urusaku rw'abana bagira bati: "Komerakomeraaa, imodoka,

imodoka, imodokaaa!" Munezero yarakebutse ngo arebe ibyo abo bana batangariye, abona urukurikirane rw'imodoka nyinshi zitatse indabo n'udutambaro twiza. Zagendaga zivuza amahoni. Bi bi bibibi, bi bibi, bi bi bibi... Yitegereje abona imodoka iziri imbere irimo abantu bagenda bafotora, iya kabiri yarimo abantu bambaye imyenda ibengerana, itwawe n'umusore wambaye ikoti ry'umukara.

Kubera ukuntu zagendaga gahoro, n'ayo mahoni yavugiraga icyarimwe, Munezero uko yagakebutse ntiyongeye kugarura amaso ngo akomezanye na mugenzi we. Karangwa na we akomeza kugenda yivugisha azi ngo aracyari kumwe na Munezero. Sinzi uko yakebutse gato abona yamusize nko mu ntambwe icumi atangira kumuhamagara: "Muneze, Munezero, ni ko nshuti!" Abonye ko atarimo kumwumva asubira inyuma atangira kumukomanga mu bitugu. Karangwa amenya ko yatwawe n'abo bageni aramwihorera ngo imodoka zibanze zirenge. Ibitekerezo bye ntibyari biri hafi.

Munezero yabonye abo bageni ukuntu bameze, bavimviriye mu mamodoka atagira uko asa, yibuka ukuntu iminsi ye y'ubwangavu atabashije kuyirangiza neza, yakwibuka n'ukuntu yari yaririnze, agahinda karamwegura. Nuko ibitekerezo bye bisubira inyuma atangira gutekereza ibyo mu buto bwe.

Munezero arangije amashuri abanza, yakoze ikizamini aratsinda bamwohereza ku kigo cy'abafurere cyari mu mugi i Rwamagana aho yagombaga kwiga aba mu kigo. Mu ijoro yari bubyuke agenda, mama we yamusanze mu cyumba aho yari arimo kuzinga imyenda, atangira kumuganiriza.

– Wiriwe ute Muneze?
– Nta kibazo mama.
– Ejo rero uzabyuka ujya ku ishuri. Urumva bikumereye bite?
– Ndumva nishimye mama. Urukumbuzi ariko ruzanyica. Uzi ko natangiye kubakumbura kandi tukiri kumwe!
– Oya mwana wa! Nta kibazo uzagira, nta n'irungu kuko tuzajya tugusura. Tuzajya tukuzanira amapera n'imigati. Si byo mwana wa?
– Mama, barambwiye ngo nta kiribwa na kimwe kemerewe kwinjizwa mu kigo ku munsi wo gusura abanyeshuri. Ngo byose biba bihari kandi ngo banarya neza.
– Nta kibazo ubwo tuzajya tugusura gusa.

Barakomeje baraganira ku buryo abandi bana mu rugo bagiye ku meza bakarya bakarangiza Munezero na mama we bakiri mu cyumba. Amagambo yose baganiriye iryo joro, Munezero yakomeje kuyazirikana yose ariko akibuka ko mama we yakundaga kumubwira ngo age yirinda abahungu. Mu myaka yose yamaze ku kigo aho yize amashuri, ni we mukobwa wari intangarugero muri bagenzi be.

Ubwo Karangwa na Munezero bari bafashe urugendo berekeza ku kigo nderabuzima, Munezero yabonye ibyo birori byizihiye abo bageni, atekereje ko kwa muganga

bashobora kuhava bahakuye igisubizo kibi cyangwa kiza, imitima imubana myinshi. Yikekaga se iki ko yari umwari witonda? Cyangwa yakekaga ko umukunzi we ari busange yaranduye?

Yagaruye akenge asa n'uwikanze abonye Karangwa amukomanga ku bitugu.

- Ni ibiki ko unkomanga? Sha urambabaje.
- Yooo! Mbabarira mukunzi. Nabonaga abageni bakuntwaye.
- Wowe se ntiwabonaga ukuntu byari byiza?
- Ubwo ni ziriya modoka watangariye. Izo mu bukwe bwacu zizaba zizikubye kabiri.

Karangwa yagiye kwitsa ikiganiro asanga Munezero yacitse intege. Ahita amusaba ko bicara hasi akanya gato. Bigiye haruguru bicara mu twatsi hafi aho ariko ikiganiro gihindura isura. Wa munezero na ya nseko nziza izira imbereka byari byayoyotse. Karagwa yibaza ibibaye ku mwana yihebeye biramuyobera.

Afata Munezero aramwiyegamiza undi na we arakunda indoro irahonga ariko ntiyagira icyo amutangariza. Aho kugira ijambo risohoka mu kanwa ahubwo atangira kwimyoza. Hashize akanya avuga mu ijwi rituje ryuje agahinda ati: "Ibyo mama yahoraga ambwira byari ukuri".

Karangwa aramubaza ati: "Yakubwiraga ngo iki Mukunzi wange?"

Yatinze kumusubiza amara umwanya muto arimo kwiyumvira nuko ati: " Abahungu"!

Karangwa biramushobera ariko kuko yabonaga kumubaza byinshi birushaho kumutera ikiniga, ahitamo kumwihorera. Yumvise iryo jambo "Umuhungu" atangira kuryibazaho byinshi. Ese haba hari abahungu bahemukiye umukunzi we? Yaba se yanga ikitwa umuhungu wese ku buryo nge ngiye kubihomberamo? Ibyo ni bimwe mu bitekerezo byari bitangiye kuza mu mutwe wa Karangwa.

Icyari kimugoye kurushaho ni uko uwo munsi ari bwo bari batemberanye ku nshuro yabo ya mbere. Na bwo ni uko bari bemeranyije ko bagiye kwa muganga kwipimisha agakoko gatera SIDA kugira ngo urukundo rwabo rutazagira imbogamizi. Yari yaragambiriye kuva kera ko nabona umukobwa bashobora kurushingana, bazabanza kwipimisha mbere yo kubimenyesha ababyeyi. Burya koko ngo iyo mbimenya yari ijambo iyo ijya kubanza. Yabonaga ko uwo munsi bitagikunze n'ubwo bari bageze hafi y'ivuriro aho bagombaga kwipimishiriza. Aho bagombaga kwipimishiriza iyo bageraga ku isaha ya saa tanu nta muntu bongeraga kwakira.

Yooo! Mbega ukuntu yari ababaye! Ivuriro yaribonaga nko mu metero nke cyane ariko kurigeraho ari kumwe n'umukunzi we bikaba ingorabahizi. Yageze n'aho atekereza kubwira abantu bake bacaga aho ngaho ngo bamumuteruze bamugeze aho bari bagiye na byo agasanga Munezero atari bubyakire neza. Yabonaga neza ko nta kindi arwaye.

Intandaro y'ibyo byose yari za modoka zitwaye abageni. Icyo yagombaga gukora kwari ugukomeza kumuhendahenda no kumukomeza ngo bakomeze urugendo.

Munezero yageze aho aramwerurira ati: "Tubyihorere." Undi ati: "Ese ko twari twabyumvikanyeho tutaranahaguruka ibyo bije bite?" Undi na we ashaka kumwihorera ariko asanga yaba amuteye intimba itazamuva ku mutima ni ko gutangira kumusobanurira. Ati: "Kera nkigera mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye, nari umwana witonda cyane. Nakurikizaga inama nziza nahabwaga n'abarezi buri gitondo mbere y'amasomo. Nakongeraho n'izo mama yahoraga angira, nkaba intangarugero. Yahoraga ambwira ngo sinkakubagane mu ishuri kandi nge nubaha abarimu. Yahoraga ambwira ko burya umurezi ari umubyeyi wo ku ishuri, ko umurezi aba ahagarariye umubyeyi igihe cy'amasomo. Buri gihe yambwiraga kandi ko umukobwa ari nyampinga ko isuku, ubugwaneza n'umurava ni byo bikwiye umwari nka nge."

Nyamuhungu na we aramukundira ntiyamuca mu ijambo. Umukobwa na we aramuganirira, iby'urugendo rwo kwipimisha bishirira aho. Yarakomeje ati: "Inama narazikurikizaga ibihe byose ariko ngiye kurangiza amashuri yisumbuye ndacikwa. Sha abahungu ni babi koko. Barambwiye ngo rimwe gusa nta kibazo na nge ndemera". Akirangiza ayo magambo ikiniga kiraza aratuza ntiyongera kuvuga. Karangwa yamaze kumva ayo magambo asanga neza na we ni byo byamubayeho, Karangwa ariko we yabaye intwari ajya kwipimisha mbere. Ubwo baganaga ku kigo nderabuzima nta bwoba yari afite. Yasaga n'uwizeye igisubizo kiza. Yumvaga nyuma yo kuva ku ivuriro nta mezi menshi ashize. Ikindi kandi yari yararahiye ko atazongera gukubagana dore ko n'ubundi itari ingeso ye. Yari yarishinze agakungu k'abahungu babi, bananywaga ibiyobyabwenge.

Aho yongeye gufatira agatege arongera asubira muri ya magambo ati: " Tubyihorere, kwipimisha tubireke ndumva mfite ubwoba". Karangwa ariko yakomeje kumuhumuriza aho yemereye asanga igihe cyo kujya ku ivuriro cyarenze.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Muri iyi nkuru umaze gusoma Munezero na Karangwa bafitanye iyihe sano?
2. Ni uwuhe mugambi Karangwa yari yarafashe akiri muto?
3. Mbese na Munezero na we bari bahuje umugambi? Sobanura.
4. Ni iki cyatumye Munezero atabasha kugera ku mugambi yari yariyemeje akiri muto?
5. Munezero na Karangwa bari bafashe urugendo berekeza he?
6. Bari bagiye gukora iki?
7. Ese icyari kibajyanye baragikoze?
8. Babujijwe n'iki?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ziboneye**

a) Irungu

b) Urukumbuzi

c) Kwiyegamiza

d) Ikiniga

e) Agakungu

**2. Sobanura uyu mugani: "Iyo mbimenya yari ijambo iyo ijya kubanza"**

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Koresha amagambo akurikira yakoreshejwe mu nkuru, mu nteruro ngufi kandi ziboneye :**

a) Irungu b) Urukumbuzi c) Ikiniga

d) Agakungu

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

**1.** Inama umubyeyi yahoraga agira Munezero zari nziza. Zaba zaramugiriye akamaro? Sobanura.

**2.** Muvuge ibyiza nibura bitatu byo kwirinda imibonano mpuzabitsina igihe cyose utari washinga urugo.

**3.** Ni iki mubona muri iki gihe gituma urubyiruko rwinshi runanirwa kwifata?

**4.** Kuganiriza abana kuva bakiri bato ku buzima bw'imyororokere mubona ari ngombwa ? Niba ari byo cyangwa atari byo bigaragaze wifashishije ingero ebyiri z'inyungu cyangwa igihombo byateza.

# Inkuru ngufi

## Inshoza y'inkuru ngufi

Inkuru ngufi ni igihangano kigufi kigamije kubarira abandi ibyabayeho ku buryo burambuye. Inkuru ngufi ivuga amateka agaragara nk'ayabayeho nyamara akenshi aba ari amahimbano.

## Uturango tw'inkuru ngufi

Inkuru ngufi irangwa no kugira insangamatsiko imwe. Ishobora kuba ivuga ikintu wabonye cyangwa icyakubayeho mu buzima. Inkuru ngufi igira abanyarubuga bake kandi bavuga ibintu bishobora kubaho, bitarimo amakabyankuru menshi.

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Umunyeshuri akore umukoro yubahiriza amabwiriza yatanzwe.

**Umukoro:**

Soma inkuru ngufi zivuga ku myitwarire y'urubyiruko n'ubuzima bw'imyororokere. Izo nkuru mushobora kuzibona mu masomero yo ku kigo cyanyu ndetse n'andi masomero yaba aya Leta cyangwa ayigenga. Umunyeshuri arasabwa kandi gukora inshamake y'inkuru yasomye akazanafata igihe akayisomera abandi.

## Inshamake y'ibyizwe muri uyu mutwe wa gatanu

Muri uyu mutwe twabonyemo imyandiko ivuga kuri SIDA uko yandura, zimwe mu ngaruka zayo n'uburyo bwo kuyirinda. SIDA yandurira mu buryo bwose bwo guhuza amaraso n'uwanduye nko mu mibonano mpuzabitsina idakingiye hagati y'uwanduye n'utanduye, guhererekanya ibikoresho bikomeretsa hagati y'uwanduye n'utanduye, umubyeyi wanduye ashobora kandi kwanduza umwana igihe amubyara ndetse n'igihe amwonsa.

SIDA ntigira umuti cyangwa urukingo kandi kuyirinda byashobokera umuntu uwo ari we wese.

Umwandiko ntekerezo ni umwandiko usanzwe kuko usa n'ugaragaza ibiriho, ugatanga amakuru usa n'umenyesha. Umwandiko mvugoshusho wo urataka cyangwa ukagaragaza ububi bw'ikintu. Mbese ugaragaza imiterere, imimerere n'ingano.

Umuvugo wandikwa mu mikarago kandi ukaba ugaragaramo imikarago, injyana, isubirajwi, ikeshamvugo.

Inkuru ngufi ni igihangano kigufi kigira abanyarubuga bake. Kivugwamo ibyabayeho cyangwa ibihimbano bishobora kubaho.

Ibiganiro mpaka ababigira baba bari mu matsinda abiri atandukanye. Ayo matsinda ajya impaka ku nsanganyamatsiko yatazwe bamwe bayishyigikira abandi bayirwanya. Izo mpande zombi zihuzwa n'umuhuza ari we muyobozi w'ikiganiro mpaka.

## Isuzuma risoza umutwe wa gatanu

- *Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Oya ni oya!**

Hambere abari n'abategarugori benshi, umuco wasaga n'aho utabemerera gufata ikemezo muri gahunda zose zo kubaka urugo. Uretse n'aba kera, hari n'abagore na n'ubu bakiyemerera ko abagabo babo babakoresha imibonano mpuzabitsina ku ngufu cyangwa ku gahato. Ngo ntibashobora guhakana n'iyo baba batabishaka.

Nyamara mu bari ho hari abagira ingeso mbi. Bamwe ngo bajya guhuza urugwiro babishaka ariko bakanga kwemera ko hagira ubita ibyomanzi. Ngo bamwe bahakana mu magambo ariko imyifatire yabo ikagaragaza ko bemeye. Ibyo bitera bagenzi babo b'abahungu kubafata ku ngufu. Gusa ugasanga basa n'abarimo korosora uwabyukaga.

Bene iyo myumvire rero ni imbogamizi mu rugamba rwo kurwanya no gukumira icyorezo cya SIDA. Ni byiza ko abagore n'abakobwa bagira umuco wo guhakana ntibakoreshwe imibinano mpuzabitsina ku gahato. Bakwiriye kujya bahakana kandi bagakomera ku kemezo kiza nk'icyo baba bafashe. Bitabaye ibyo SIDA yaba ibonye icyuho kitari gito. Hari n'ubwo kudahakana bivuye inyuma bituma abagabo n'abasore bahatiriza kandi burya urugiye kera ruhinyuza intwari.

Si byiza rero ko umukobwa akoresha amagambo atagaragaza guhakana neza. Amwe ni nka have ariko, iwacu bankubita, ubuse ntwaye inda byagenda bite, mbabarira sha n'ayandi nk'ayo adafashije. Si byiza rwose gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ukiri muto. Abari bakiri bato bakwiye kwirinda abasore n'abagabo babashukisha utuntu cyangwa amafaranga. Ibyo ni ibintu bishobora kubangiriza ubuzima bwabo kandi bari bafite ejo heza.

Umwari ukwiye yakagombye kujya akoresha amagambo ahakana yivuye inyuma mu gihe agiye gukoreshwa imibonano mpuzabitsina atabishaka. Ayo ni nka: Oya sinshaka! Uwo muco mubi wawukuye he? Ntunankoreho! Ndanze! Mwari w'u Rwanda gira ubutwari bwo kuvuga "Oya" kandi oya yawe ibe oya.

### I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Ni ibihe byiciro by'abantu birimo kugibwa inama muri uyu mwandiko?
2. Ni iyihe nama barimo kubagira?
3. Vuga umuco mubi wanenzwe abari n'abakobwa bo muri iki gihe.
4. Rondora amagambo ahakana ariko mu buryo budafashije abari(abakobwa) bakwiriye kwirinda.

5. Ni ayahe magambo umwanditsi avuga ko ari yo yari akwiriye gukoreshwa mu guhakanira abashaka gushora abari mu ngeso mbi?
6. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wowe wagira abana b'abakobwa iyihe nama?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira dusanga mu mwandiko**

a) Abari

b) Abategarugori

c) Imbogamizi

d) Icyomanzi

e) Urugwiro

**2. Ni ayahe magambo dusanga mu mwandiko ahuje inyito n'aya akurikira:**

a) Kubona inzira

b) Kwinginga umuntu kandi na we yari agukeneye

c) Guhakana byimazeyo

## III. Ubumenyi bw'ururimi

1. Umwandiko twahawe mu isuzuma ni bwoko ki? Sobanura.
2. Rondora amoko y'imyandiko twize uvuge n'aho itandukaniye ugaragaza ibiranga buri bwoko.
3. Vuga ibigomba kuranga umuyobozi w'ikiganiro mpaka.

## VI. Ihangamwandiko

Hanga umwandiko ntekerezo mu mirongo 20 ku bubi n'ingaruka by'indwara ya SIDA.

**Ikitonderwa:** Urasabwa kugaragaza ingingo enye kandi ukanazisobanura neza.

# 6 Umuco nyarwanda

## Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda




Iyo bavuze indangagaciro, umuntu yumva igikorwa cyangwa imyitwarire umuco w'abantu ufata nk'ibinogeye ubwenge na kamere muntu. N'ubwo habaho indangagaciro rusange imiryango yose isangiye, buri muryango, bitewe n'imibereho wihariye cyangwa amateka yawo hamwe n'inyungu zawo bwite, ugira indangagaciro z'umwihariko wawo. Abanyarwanda na bo bagira indangagaciro mu muco wabo. Izo ndangagaciro zigabanyijemo ibyiciro bibiri: Hari indangagaciro remezo, hakaba n'indangagaciro zizishamikiyeho.

«Kubaha Imana» ni indangagaciro remezo y'umuco nyarwanda. Indangagaciro zishamikiye ku kubaha Imana ni amahoro, kwifuriza abandi umugisha n'ihirwe, ndetse no kurangwa n'ubumuntu. Umunyarwanda kuva kera na kare yubahaga Imana kandi akanayiyambaza mu bikorwa bye bya buri munsi. Bigaragarira cyane mu mazina y'abanyarwanda ndetse n'imigani migufi imwe n'imwe. Hari amazina

nka Bimenyimana, Ngizwenayo, Niyigena n'ayandi menshi. Mu migani migufi harimo nk'iyi ikurikira: "Iyakaremye ni yo ikamena", "agati gateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga" n'iyindi tutarondora ngo tuyirangize.

Indangagaciro remezo ikurikiraho ni «Ugukunda Igihugu». Hashamikiyeho kwihesha agaciro, kugira ubwitange, kugira ishyaka n'ubutwari, kugira uruhare mu bikorwa by'Igihugu, kwirinda amacakubiri n'ivangura, gucunga neza ibya rubanda no kubungabunga umutekano.

Indangagaciro remezo ya gatatu ni «Ukubaha umuryango». Kuri iyi ndangagaciro hashamikiyeho kugira ubumwe, ubufatanye n'ubusabane, kwizerana no kujya inama, kubahana, kugira ubwuzu n'urugwiro. Indangagaciro remezo ya kane ni «Ukubaha ubuzima». Aha hashamikiyeho kubaha uburenganzira bwa muntu, kwirinda ihohotera iryo ariryo ryose no kwiyitaho. Kwica abandi cyangwa kwiyahura ntibyigeze bishyigikirwa na rimwe mu banyarwanda. Ahubwo gutabara abari mu kaga byari muri bimwe mu byarangaga intwari.

Hakurikiraho indangagaciro remezo yo «Kugira umutima». Iyi ndangagaciro ishamikiyeho iy'ubumanzi, iy'ubwuzu, ubucuti n'ubuntu. Indangagaciro remezo ya gatandatu ni «Ukugira ubupfura». Iyi ndangagaciro ishamikiraho kwiyoroshya, kujya inama, kuzuza amasezerano wagiranye n'abandi, kubaha ijambo wivugiye ndetse no gukomeza indahiro n'igihango wagiranye n'abandi. Hashamikiraho kandi kuvuga neza, kwihangana, kudahemuka, gushima no gushimira, gushishoza no kwanga umugayo.

Indangagaciro remezo ikurikiraho ni «Ukunga ubumwe». Iyi ishamikiraho gutabarana, gufashanya no kuganura. Uyu ni umuco karande waranze Abanyarwanda kuva kera aho bicaraga bagasangira ku musaruro wa mbere. Baranezerwaga bakaboneraho no gutura Imana ku musaruro w'uwo mwaka. Iyi ndangagaciro ariko yongeye guhabwa imbaraga nyuma ya Jenoside Yakorewe Abatutsi mu wa 1994 yari yasize umuryango nyarwanda ushegeshwe n'amacakubiri.

Indangagaciro remezo ya munani ni «Ugukunda umurimo». Aha hashamikiyeho gushishikarira umurimo, gukora umurimo unoze kandi ufite ireme, gukorera hamwe, gukorera ku gihe, guhanga imirimo mishya no kuvugurura imikorere, kurangiza ibyo watangiye, gucunga neza umutungo, guteganya, kwigira, kugira umuco wo guhiganwa no kuba indashyikirwa.

Indangagaciro remezo ya nyuma ni «Ukwagura amarembo». Burya rero umuco uraguka ; mu kwaguka kwawo utakaza ibitakijyanye n'igihe ugafata ibyiza by'ahandi. N'iyi ndangagaciro rero yo kwagura amarembo ni nshya mu muco w'u Rwanda. Igizwe n'imico mishya yaturutse mu mahanga. Muri iyo mico twavuga nk'imyemerere ishingiye ku madini, amatwara ya demokarasi, uburinganire n'ubwuzuzanye, ubumenyi bushya, ikoranabuhanga, indimi z'amahanga, gukoresha ifaranga no kwita ku bidukikije.

Ngizo rero indangagaciro z'umuco w'u Rwanda. Abanyarwanda biyumvamo ubunyarwanda buhamye n'urukundo rw'Igihugu cyabo kandi bagifite umuco wacyo bakwiye kuzigira izabo bakazigenderaho badatezuka. Kuzikurikiza bituma bihesha agaciro bakanagahesha aho bavuka.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ijambo "indangagaciro" risobanura iki?
2. Rondora indangagaciro z'ibanze z'umuco nyarwanda uko zavuzwe mu mwandiko.
3. Kuki hari indangagaciro tubona ko ari nshya mu muco nyarwanda?
4. Garagaza uburyo Abanyarwanda bubaha Imana babinyujije mu mazina bita.
5. Hari izindi ndangagaciro ubona zikwiye kuranga Abanyarwanda?
6. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira abantu bata indangagaciro?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko**

- **a)** Indangagaciro remezo
- **b)** Akanayiyambaza
- **c)** Kugira ishyaka
- **d)** Kubungabunga umutekano
- **e)** Ubumanzi
- **f)** Kuganura

**2. Sobanura iyi migani migufi ibiri ikurikira**

- **a)** Iyakaremye ni yo ikamena.
- **b)** Agati gateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga.

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo wahawe yakoreshejwe mu mwandiko: ikoranabuhanga, indangagaciro, amacakubiri, agaciro**

- **a)** Buri Munyarwanda akwiye kugira ........................ zimuranga.
- **b)** Kwihesha ........................ bikwiye guharanirwa.
- **c)** Dukwiye gukumira ........................ mu bana b'Abanyarwanda.
- **d)** U Rwanda rurakataje mu gukoresha ........................

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Uyu mwandiko urabona uvuga ku yihe nsanganyamatsiko?
2. Vuga ingingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko.
3. Ni iki kindi ubona kitavuzwe muri uyu mwandiko ubona ko Abanyarwanda bagombye kwimakaza muri iki gihe tugezemo?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

Niba kera abashyitsi baragutunguraga ukaba wanabatekera imbuto wateganyirije ihinga, wumva iyi ndangagaciro yo kwakira abashyitsi yakorwa ite muri iki gihe ku muntu wumva neza ko kuzigama ari imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda zikwiye kwimakazwa?

## Umwandiko: Kwakirana urugwiro abakugana



Kwakira neza abakugana ni imwe mu ndangagaciro z'Abanyarwanda kuva kera kugeza ubu. Ibyo bigaragazwa n'imvugo ndetse n'imigani migufi nk'uyu ugira uti: "Umushyitsi akurisha imbuto". Bisobanura ko umushyitsi ushobora no kumwakiriza ibyo wari warizigamiye byari kuzagufasha mu gihe kizaza. Abagana umuntu bashobora kuba

ari: abashyitsi, abakiriya n'abandi bahisi n'abagenzi.

Mu muco w'Abanyarwanda bo hambere rero, umushyitsi iyo yakugendereraga wagombaga kumwakira neza uko ushoboye kose. Ibyo byatumaga yishima kandi ntanatahe akuvuga nabi. Abanyarwanda bangaga umugayo.

Kwakira neza abakugana rero ni imwe mu ndangagaciro zishamikiye ku murimo ndetse n'ubupfura. Burya kwakira neza abakugana biroroshye. "Mwiriwe, tubafashe iki? Nimwicare muruhuke, murakoze". Ayo magambo kimwe n'ayandi meza nk'ayo aroroshye. Ni magufi, kuyabwira abaje bagusanga nta muntu byagombye kugora. Iyo uvuze neza ntacyo uhomba kandi ubwiwe neza agenda anezerewe.

Hari umucuruzi umwe uherutse kuganiriza mugenzi we ati : "Hari igihe wirirwa uvugira ubusa bukira, buri mukiriya wese uje akareba ntagure". Nta cyo bitwaye kuba umukiriya arebye ntagure. Ejo cyangwa ejobundi ashobora kugaruka. Atanagarutse kandi hari ubwo yazaharangira abandi aka ya mvugo ngo : "Utagusabye yanagusabira".

Ibyo ni ko biri mu buzima bwacu bwa buri munsi. Kwakira neza abatugana dukwiye kubigira intego kuko uwakiriwe neza agenda abara inkuru y'uko yakiriwe. Ibyo bituma uwakira abamugana neza amenywa n'abantu batandukanye ko uwo muco mwiza umuranga. Bikaba byanatuma benshi bakomeza kumugana kuko baba bazi neza ko bazakiranwa urugwiro. Kwakira neza abatugana tubigire intego kuko burya ngo: "Ijambo ryiza ni mugenzi w'Imana".

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uravuga ku ki?
2. Ni uwuhe muco w'abakurambere uvugwa mu mwandiko werekeye ku kwakira abashyitsi?
3. Iyo umuntu yakiriwe neza bimumarira iki?
4. Ni izihe nyungu ziva mu kwakira abantu bakugana neza.
5. Rondora amagambo avugwa mu mwandiko aganisha ku kwakira neza abatugana.
6. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wagira abantu iyihe nama mu rwego rwo kwakira ababagana?

## II. Inyunguramagambo :

**1. Shaka ibisobanuro by'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

a) Umugayo

b) Imbuto

c) Ubupfura

d) Inzitizi

e) Kubenguka

**2. Ni ayahe magambo yakoreshejwe mu mwandiko asobanura:**

a) Umuntu ukugenderera aje kureba uko umeze cyangwa kukugezaho amakuru ye.

b) Gufata neza umushyitsi waje kugusura

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje rimwe muri aya magambo cyangwa amatsinda y'amagambo yatanzwe:**

**Umugayo, imbuto, ubupfura, inzitizi, kubenguka**

a) Nta muhinzi urira ........................ kuyimara.

b) ........................ umugeni biterwa n'imyifatire ye myiza.

c) Abanyarwanda twese tugomba kugira ........................

d) Kwanga ........................ ni indangagaciro ikwiye kuturanga.

e) Kamana aba yaraguze uriya murima hazamo ........................

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Insanganyamatsiko ivugwa mu mwandiko ihuriye he n'indangagaciro z'umuco nyarwanda?
2. Ni izihe ndangagaciro zindi zikwiye kuranga Abanyarwanda?
3. Ni izihe ngingo z'ingenzi zikubiye muri uyu mwandiko?
4. Ni iki usanze muri uyu mwandiko usanzwe ubona mu buzima busanzwe?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Kungurana ibitekerezo**

**Insanganyamatsiko**: Uramutse uri umuyobozi, ukora muri banki cyangwa uri umucuruzi, ni ibihe bikorwa ubona byaba ari bibi (ingeso mbi) mu kazi utakorera abakugana? Ni ibihe se ubona wakora mu rwego rwo kureshya abakugana?

## Ntera

Itegereze izi nteruro maze uvumbure imiterere n'umumaro w'aya magambo y'umukara tsiri.

**a)** Ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare**.

**c)** Ubona ubusitani **bwiza** cyane n'uduhanda **dutoduto**.

**c)** Dukikijwe n'indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi** ziteye amabengeza.

**d)** Ako gasozi **keza** kubatseho ishuri ryacu, gakikijwe n'akagezi **gato** kadasuma.

Aya magambo yanditse atsindagiye yitwa **ntera.**

### Inshoza ya ntera

Ntera ni ijambo rigaragira izina rikagaragaza imiterere, imimerere cyangwa ingano y'iryo zina igaragiye. Ntera kandi yisanisha n'izina igaragiye ifata indanganteko y'iryo zina igaragiye maze ikarigira indangasano yayo. Ntera ni ijambo rishobora kwinjira mu nteko zose z'amazina.

### Uturango twa ntera:

Ntera irangwa n'ibi bikurikira:

- Ntera igaragaza imimerere, imiterere cyangwa ingano y'izina igaragiye.
- Mu nteruro ntera igaragira izina. Ni ukuvuga ko itajya igenda yonyine; iteka ryose iba iri kumwe n'izina irisobanura cyangwa igaragaza ingano yaryo.
- Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye.
- Ntera ishobora kugoragozwa ikaba yakwinjira mu nteko zose uko ari cumi n'esheshatu.

## Intego ya ntera

Kugaragaza intego y'ijambo ni ukugaragaza uturemajambo twaryo, twifashishije uburyo bw'igoragoza.

**Urugero rwa ntera zigoragojwe mu nteko zitandukanye:**

**a)** Indabo n**gufi**
Uturabo tu**gufi**
Uburabo bu**gufi**
Ibirabo bi**gufi**
Ikirabo ki**gufi**
Akarabo ka**gufi**

**b)** Agasozi k**eza**
Udusozi tw**iza**
Ubusozi bw**iza**
Urusozi rw**iza**
Ibisozi by**iza**
Umusozi mw**iza**

Iyo witegereje iri goragoza rikozwe haruguru, usanga ntera ifite igice gihinduka uko yisanisha mu nteko runaka. Icyo gice kitwa **indangasano**. Naho igice kidahinduka uko ntera ihindura inteko kitwa **igicumbi**.

Ntera rero igira uturemajambo tubiri: Indangasano n'igicumbi. Mu mpine **indangasano** ni **RS** naho **igicumbi ni C.**

Intego ya ntera ni **RS–C.**

**Indangasano:** Indangasano ni akaremajambo kagenda gahinduka uko ntera igenda ihinduranya inteko. Ni ko karemajambo kagaragaza inteko ntera irimo. Indangasano za ntera ni 16 zikaba zisa n'indanganteko z'amazina mu nteko zose uko ari 16.

**Ingero:**

| | | |
|---|---|---|
| **a)** Ubusitani bwiza | u-**bu**-sitani | **bu**-iza |
| **b)** Uduhanda duto | u-**tu**-handa | **tu**-to |
| **c)** Amazi meza | a-**ma**-zi | **ma**-iza |
| **d)** Akayaga keza | a-**ka**-yaga | **ka**-iza |

**Ikitonderwa:**

Ntera yisanisha n'amazina adafite indanganteko (RT) ifata RT mu yandi mazina y'iyo nteko y'amasano ho indangasano (RS).

**Ingero:**

| | | |
|---|---|---|
| – Ihundo rinini | i – ϕ – hundo | ri – nini |
| – Iryinyo rinini | i – ri – inyo | ri – nini |
| – Ihene nto | i – ϕ – hene | n – to |
| – Inka nto | i – n – ka | n – to |

**Urutonde rw'indangasano za ntera**

| | | | |
|---|---|---|---|
| nt.1 mu | nt.6 ma | nt. 11 ru | nt.16 ha |
| nt.2 ba | nt.7 ki | nt.12 ka | |
| nt. 3 mu | nt.8 bi | nt.13 tu | |
| nt.4 mi | nt.9 n | nt.14 bu | |
| nt.5 ri | nt.10 n | nt.15 ku | |

## Ibicumbi bya ntera

Igicumbi ni cyo kigaragaza ko ijambo iri n'iri ari ntera, kuko akenshi indangasano ya ntera isa n'iy'izina igaragiye. Igicumbi ni cyo kiba kibumbatiye inyito y'ijambo. Ibicumbi bya ntera birenga 21 ari byo ibi bikurikira:

1. –bi
2. –bisi
3. –gari
4. –gufi
5. –hire
6. –inshi (-yinshi)
7. –iza ( ziza)
8. –ke (keya)
9. –kuru
10. –nini
11. –re –re
12. –sa
13. –shya (shyashya)
14. –tagatifu
15. –taraga
16. –zima
17. –to (toya)
18. –toto
19. –to –to
20. –tindi
21. –nzinya, nzunyu, niniya...

**Impugukirwa:**

– Ibicumbi –**yinshi** na –**ziza** bikoreshwa mu nteko ya 9 n'iya 10 bigasimbura ibicumbi –**inshi** na –**iza** bisanzwe.

**Urugero:** Igiti **kiza** umuti mwinshi

Inka **nziza** inka nyinshi

Igicumbi – toto , - toya na –to – to bikomoka ku gicumbi – to

**Urugero:** Igiti **gito**, igiti **gitoto**, igiti **gitoya**, igiti **gitogito**

– Igicumbi **– re – re** gikomoka ku gicumbi **– re** kitagikoreshwa mu Kinyarwanda.

**Urugero:** Ntiwavuga umusozi **mure** ahubwo ni umusozi **muremure**.

## Amategeko y'igenamajwi muri ntera

Amategeko y'igenamajwi muri ntera amenshi asa n'akoreshwa mu izina. Impamvu ni uko ntera yisanisha n'izina. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye kandi amategeko y'igenamajwi menshi akora hagati y'indangasano n'igicumbi.

**Ingero:**

u→ w/-J

mwiza : mu-iza

a + i→e

benshi : ba-inshi

meza : ma-iza

i→ y/-J

myiza : mi-iza

myinshi : mi-inshi

k→ g/-GR

gato : ka-to

guto : ku-to

t → d / - GR

duto : tu-to

## Imyitozo kuri ntera

Umunyeshuri umwumwe akore neza umwitozo

1. Vuga ubwoko bw'aya magambo yanditse mu mukara tsiri
   a) Ubuyobozi bw'ikigo ni **bwiza** cyane.
   b) Hafi aho hari akagezi **gato** gafite amazi **meza.**
2. Ntera ni iki?
3. Garagaza intego n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri.
   a) Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye.
   b) Indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi.**
   c) Akagezi gafite amazi **make** ariko **meza** cyane.

## Izina ntera

Itegereze izi nteruro maze uzigereranye uko zigiye zikurikiranye.

**a)** Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye.

**Igishya** kigizwe n'amazu maremare.

**Amaremare** ni yo gusa yubatse mu kigo cyacu.

**b)** Indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi** zituma ikigo cyacu gisa neza.

**Indende** n'**ingufi** ni zo ndabo zituma ikigo cyacu gisa neza.

**c)** Akagezi gafite amazi **make** ariko **meza** cyane.

**Ameza** cyane ni amazi yo muri ka kagezi.

**Amake** akama vuba igihe k'izuba.

Muri izi nteruro harimo amagambo asa na ntera ariko atari ntera. Witegereje neza urasanga ari ntera yafashe indomo. Ntera rero iyo yafashe indomo ihinduka **izina ntera.**

### Inshoza y'izina ntera

Izina ntera ni ijambo riteye nk'izina mu rwego rw'intego (Uturemajambo) ariko rikagaragaza imiterere n'imimerere y'izina ryasimbuye.

**Ingero:**

a) **Umwiza** nawuguze ejo (Izina ntera "umwiza" rishobora gusimbura izina "umwenda")

b) **Abenshi** bakora neza

c) **Ikibi** tucyamagame.

d) Ijambo ry'**umukuru** riba ryuje impanuro.

Aya magambo yagaragajwe mu ibara ry'umukara tsiri ni amazina ntera. Amwe yasimbuye amazina ariko andi arayagaragiye. Aya magambo yose aragaragaza imiterere y'ayo mazina biri kumwe cyangwa yasimbuwe.

### Uturango tw'izina ntera

**a)** Izina ntera rijyana n'izina cyangwa rikarisimbura

**Ingero**: Umwenda **mwiza** w'umweru

**Umwiza** w'umweru

## Intego y'izina ntera

Izina ntera rigira uturemajambo nk'utw'izina kuko rigira indomo, indanganteko n'igicumbi.(D-RT-C)

| | |
|---|---|
| **Ingero**: Umwiza: u-mu-iza | u→ w/-J |
| Ingufi: i-n-gufi | Nta tegeko. |
| Akeza: a-ka-iza | a + i→e |
| Ibyinshi: i-bi-inshi | i→ y/-J |
| Agato: a-ka-to | k→ g/-GR |

**Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu mazina ntera**

Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu mazina ntera asa n'akoreshwa mu mazina ndetse n'akoreshwa muri ntera.

## Imyitozo kuri ntera n'izina ntera

Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo unagaragaze intego n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.

1. Inzu <u>nshya</u> navugaga ni <u>indende</u>.
2. Roza yavuze ko <u>umwiza</u> awutwara.
3. Umwembe <u>mubisi</u> uryana mu menyo.
4. Amazi <u>meza</u> ni ariya.

## Ibisantera

Itegereze aya magambo y'umukara tsiri ari muri izi nteruro ugire icyo uyavugaho nurangiza uyagereranye na ntera usanzwe uzi.

a) Bavuga ko ako ari agasozi **ndatwa.**

b) Imitsindire **ntagereranywa.**

c) Umubyeyi **gito** nta burere atanga.

d) Umuco **nyarwanda**.

e) Ibigo **mpuzamahanga**.

Aya magambo iyo agereranyijwe na ntera, bigaragara ko afite aho ahuriye na ntera; afite umumaro nk'uwa ntera ariko ntasa na ntera. Bene aya magambo rero yitwa "**ibisantera**".

## Inshoza y'ibisantera:

Ibisantera ni amagambo afite umumaro nk'uwa ntera ariko atari ntera mu rwego rw'intego. Mu ndimi zose, hagenda havuka amagambo mashya, hakurikijwe inzira

z'icuramagambo urwo rurimi rukoresha. Bumwe mu buryo bukoreshwa bwo gucura amagambo ni ugucura amagambo ameze nka ntera, afite umumaro umwe nka ntera ariko atari ntera ndetse adafite uturemajambo dusanzwe.
Ingero:

- Umuco **nyarwanda**
- Ikigo **nderabuzima**
- Ibiro **mpuzamahanga**
- Inteko **nshingamategeko.**

## Uturango tw'igisantera

Igisantera ukibwirwa n'uko giherekeza izina kikarifutura kitagombye kwisanisha na ryo nka ntera. Gifata umwanya nk'uwa ntera kikanagira umumaro nk'uwayo. Kiba ari izina cyangwa inshinga zahinduye ubwoko zikagira ingingo nk'iya ntera.

**Urugero :**
Umugabo **mbwa** (imbwa ubusanzwe yari izina ariko hano «mbwa» ni igisantera).

Umubyeyi **gito** (-to isanzwe ari igicumbi cya ntera ariko hano «gito» ni igisantera).

Agasozi **ndatwa** (kuratwa ubusanzwe yari inshinga ariko hano «ndatwa» ni igisantera).

**Ikigereranyo k'izina ntera, ntera n'ibisantera**
Iyo urebye umumaro wabyo mu nteruro, ntera, izina ntera n'igisantera byose bigira umumaro w'imfutuzi. Bifutura izina bigaragiye cyangwa bisimbura bikumvikanisha imiterere yaryo. Mu rwego rw'intego, ntibisa kuko ntera igira indangasano n'igicumbi gusa, izina ntera rikagira indomo, indanganteko n'igicumbi mu gihe igisantera gishobora kugira uturemajambo dutandukanye bitewe n'aho cyakomotse.

## Amategeko y'igenamajwi akoreshwa mu izina ntera no muri ntera

Amategeko akoreshwa mu izina ntera no muri ntera arasa. Dore amwe muri yo ni aya akurikira:

**u → w/-J**
Umusozi mwiza: mu-iza

Umwiza: u – mu – iza

**a + i→e**
Abana beza: ba-iza

abeza: a- ba-iza

**i → y/-J**
Imyaka myinshi→mi-inshi

Imyinshi→i-mi-inshi

**t → d/- GR**

Udukawa duto→ tu-to

uduto→ u-tu-to

**k → g /-GR**

Agapira gato: ka-to

Agato: a-ka-to

**r → d /n-**

Indabo ndende : n-re- n-re

indende: i-n-re- n-re

**n → m /- b**

Imboga mbisi→n-bisi

imbisi→i-n-bisi

## Umwandiko: Umugani w'umukobwa wo mu gisabo



Kera habayeho umugabo akagira umugore, noneho umugore agasama inda; uko ayisamye ikavamo. Bukeye ajya kuraguza ku mupfumu, umupfumu aramubwira ati: "Noneho ubwo usama inda ikavamo, uzagende niwongera gusama indi nda uzage uyuhagiza amata, uyisige amavuta, ntuzayikoze amazi, kandi ntukage ku zuba, nubyara umwana, na we ntazage ku zuba, kandi ntazakore amazi. Naba umukobwa,

azage yiyuhagira amata, yisige amavuta, ntazakore amazi na rimwe, kandi ntazagere ku zuba. Umugore aragenda akora ibyo umupfumu yamubwiye, bukeye arabyara, abyara umukobwa. Umukobwa arakura, aba mwiza cyane.

Bukeye nyina w'uwo mukobwa arapfa. Amaze gupfa, umukobwa yicara mu kirambi, afata intango ye araboha. Se yari yagiye guhiga. Noneho haza abahungu babiri b'abakugabanyi, bavuye gushora inka baravuga bati: "Uriya mukobwa ko bavuze ko adakora amazi, uwagenda akayamutera tukareba uko bigenda?" Nuko umwe azana amazi mu kuho, akoramo aramutera. Amuteye amazi, umukobwa ata intango, arikanga, ajya ku gasozi, agenda avuga ati: "yemwe bahigi, yemwe bahigi bagiye guhiga ku Buha bwa ruguru, kera nari Muziramazi, hari Muzirazuba nari mwene Ruringa agahiga Bugesera."

Uko avuga agatibira. Noneho se aho ari mu ishyamba, abwira abandi bahigi bari kumwe ati: "Nimufate izo mbwa amayombo yewe niyumvire." Arongera aravuga ati: "Yemwe bahigi, yemwe bahigi, yemwe bahigi bagiye guhiga ku Buha bwa ruguru, kera nari muziramazi, nari muzirazuba, nari mwene Ruringa agahiga i Bugesera." Se ati: "Mwo kanyagwa mwe, umukobwa wange arapfuye." Aza yiruka noneho, baraza basanga hasigaye amasunzu. Barayakurura, arabananira, arigita wese. Noneho barataha.

Hashize iminsi mike, ha handi wa mukobwa yatebereye hamera uruyuzi. Uruyuzi bararuzitira n'amahwa, noneho, hazamo igisabo kinini cyane, kizamukamo wa mukobwa yigumiramo.

Bukeye haca abantu, baraza bareba igisabo, baragenda babwira umwami bati: "Nyagasani hariya hari igisabo nta wundi gikwiye, ni wowe gikwiye gusa, wowe nyiri u Rwanda." Bukeye atuma abagaragu ba mbere baragenda barareba, baragaruka baratangira bati: "Hariya hari igisabo nta wundi gikwiye, ni wowe gikwiye gusa, wowe nyiri u Rwanda." Atuma aba kabiri na bo baragenda barareba baragaruka baratangira bati: "Hariya hari igisabo nta wundi gikwiye, ni wowe gikwiye gusa, wowe nyiri u Rwanda." Noneho bukeye abwira abagaragu ba gatatu ati: "Nimugende muge kugiterura." Baragenda, baragiteruye kirabananira. Arongera yohereza abagaragu ba kane. Baragenda, baragerageza na bo kirabananira. Barongera baramubwira bati: "Cyatunaniye."

Yohereza abagaragu ba gatanu. Baragenda na bo biba uko. Bukeye haza umusore, abwira umwami ati: "Nyagasani kiriya gisabo cyananiye bariya bantu, ngiye nkakikuzanira wazampemba iki?" Umuhungu aragenda aragiterura araza, baramubwira bati: "Gishyire munsi y'ikigega." Amaze kugishyira munsi y'ikigega, umwami amuha inka, aramugororera, amuha ibintu byiza.

Uwo mwami rero nta mugore yari afite, cyakora yari afite mushiki we babanaga. Umwami bukeye ajya guhiga, agiyeyo, mushiki we asigara aho ngaho, aravuga ati: "Ubona kiriya gisabo cya musaza wange, kitaza ngo twoze ibyansi cyo kameneka."

Noneho umukobwa wari mu gisabo aravuga ati: "Kireke, kireke, kireke, kirimo rutoki rw'urutunda yaza yakurusha." Undi ati: "Ngwino undushe." Wa mukobwa ava mu gisabo, araza baboha ibyibo aramurusha, bacunda amata aramurusha, bariyuhagira aramurusha, noneho arongera asubira mu gisabo ke.

Bukeye wa mukobwa abwira umwami ati: "Muri kiriya gisabo, harimo umukobwa mwiza." Ati: "Uzagume aha ngaha, wihishe mu kiraro, nzamuhamagare aze. Amaze kuza, uzagende ugiterure, ukivanemo maze uzamurongore."

Bukeye, noneho umwami ajya mu kiraro yifungiranamo, amaze kwifungiranamo, wa mukobwa aragenda, yicara iruhande rw'ikigega aravuga ati: "Ubona kiriya gisabo cya musaza wange, kitaza ngo twoze ibyansi cyo kameneka." Undi ati: "Kireke, kireke, kireke kirimo rutoki rw'urutunda yaza yakurusha." Undi ati: "Ngwino undushe." Wa mukobwa avamo, araza, bakora ibyo bakora byose, aramurusha, amaze kumurusha noneho, umwami ava mu kiraro aragenda igisabo aragiterura, aragihisha. Umukobwa agarutse ngo asubire muri cya gisabo ke, asanga cyavuyeho. Umwami aramufata, amujyana mu nzu, aramurongora.

Si ge wahera, hahera umugani

(DPES, Ikinyarwanda Gusoma no gusesengura imyandiko I, bifatiye kuri SMITH, P, Le récit populaire au Rwanda, Armand Colin, Paris, 1975, imp. 334 – 338)

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Umugore yategetswe iki n'umupfumu?
3. Umukobwa uvugwa mu mwandiko yari afite ayahe mazina?
4. Ukurigita k'umukobwa kwaturutse ku ki?
5. Kuki umwami yatumye abagaragu kumuzanira igisabo?
6. Umukobwa wo mu gisabo yaje kubonwa na nde? Yakoresheje ubuhe buryo?
7. Mu mwandiko batubwiye ko umwami yari ingaragu. Ese yakomeje kuba ingaragu?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ziboneye**

a) Igisabo b) Ikibo c) Uruho

d) Amasunzu e) Ikiraro f) Gucunda

2. **Aya magambo ari mu mpushya ebyiri yahuze n'ibisobanuro byayo**

| | |
|---|---|
| 1. Amavuta y'inka | a) Amayugi y'imbwa |
| 2. Amayombo | b) Aho bahunika imyaka basaruye. |
| 3. Ikigega | c) Ibikoresho banywesha amata. |
| 4. Ibyansi | d) Ikimuri |

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri umwumwe akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

1. **Koresha neza aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**
   a) Igisabo b) Amayombo c) Ikigega
   d) Uruyuzi e) Ingaragu

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Ni ibihe bintu bidasanzwe bigaragara mu mwandiko?
2. Garagaza ingingo byibura eshatu zigaragaza ko ibivugwa mu mwandiko bidashobora kubaho.
3. Uyu mwandiko utangiye ute? usojwe n'iki?
4. Umukobwa wo mu gisabo yari azi imirimo y'abakobwa cyane. Sobanura.
5. Mu mwandiko haragaragaramo imigenzo n'imiziririzo ndetse n'imihango yo mu muco nyarwanda wo hambere itagikorwa ubu. Twavuga nko kujya mu bapfumu. Ni ngombwa gukomeza gutsimbarara ku bya kera byose?

# Umugani muremure

## Inshoza y'umugani muremure

Umugani muremure ni ibitekerezo bimeze nk'inkuru ndende bahimba ikemerwa na rubanda rwose kugira ngo bishimishe ababyumva cyangwa se ngo bigire icyo byigisha. Umugani ugira isi yawo yihariye ivugwamo ibintu bidashoboka birimo ibitangaza n'amakabyankuru. Umugani ugira umumaro wo kwigisha indangagaciro, gucyaha cyangwa guhana ibyo umuco nyarwanda uziririza, kugira inama nziza,

gutoza gutega amatwi n'ubwitonzi, gutoza gufata mu mutwe no kumenya kubara inkuru.


### Uturango tw'umugani muremure

Umugani utangizwa na kera habayeho ugasozwa na si nge wahera... Umugani muremure ubamo ibitangaza n' amakabyankuru ndetse n'ibikorwa ndengakamere bidashoboka mu buzima bwacu busanzwe. Mu mugani muremure ibintu byose bibaho biba bikora nk'abantu; inyamaswa zitandukanye cyangwa inyoni zivuga nk'abantu, abazimu n'ibindi bintu bitandukanye na byo bigatizwa ubushobozi nk'ubw'abantu.

### Umwitozo wo guhanga umugani muremure

Ugendeye ku turango tw'umugani muremure wabonye, hanga umugani uri hagati y'imirongo makumyabiri n'itanu na mirongo itatu.

## Umwandiko: Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda



Umuhango wabimburiraga iyindi mu bukwe bwa kinyarwanda ni uwo gufata irembo. N'ubu kandi ni ko bikimeze. Intumwa z'iwabo w'umuhungu zajyaga iwabo w'umukobwa bakavuga ko baje gusaba irembo rya nyirakanaka wabaga yararanzwe n'umuranga akamushimira umusore. Babishyiraga mu kiganiro kinogeye amatwi, bakajya mu mateka y'uko imiryango isanzwe ibanye neza. Bakavuga ko basanzwe bahana inka n'abageni. Irembo bamara kuryemererwa umushyitsi mukuru agashima,

ariko akongeraho ko irembo barikinze kandi ko umusore wabo atari sendataze. Byavugaga ko ubukwe nyirizina butazatinda. Nuko bakanywa bagahembuka. Muri iki gihe n'ibiribwa biraza. Hambere byari ikizira kikazaririzwa ko umushyitsi mukuru agira icyo arya ataravuga ikimugenza. (Ngo yirindaga ko yamera nka wa mugabo uvugwa mu biganiro wagiye gutira imfizi yagerayo akishimira izimano akibagirwa kuvuga icyamuzinduye. Ngo yaba yaributse ari uko bayemereye undi kandi yari yaje mbere). Nuko bagasezera bagataha hagakurikiraho umunsi w'isaba.

Muri kino gihe gusaba no gukwa bigendera hamwe. Ni umunsi uba wahuje imiryango yombi noneho umukobwa agatangwa ku mugaragaro. Mu isaba bitwaza isuka, igicuba n'igikoresho cyo gukata ubwatsi kuko inka zisigaye zororerwa mu kiraro. Hambere yabaga ari isando. Isando kikaba igikoresho cyakoreshwaga mu gusasanura ubwatsi n'ibihuru.

Umuhango wo gusaba uryoshywa cyane n'ibiganiro. Muri iki gihe ariko hari amadini amwe n'amwe avuga ko ibyo biganiro biba byuzuyemo kubeshya. Mu gusaba no gukwa, ibiganiro byose byababaga byibanda ku muco gakondo warangagaga Abanyarwanda. Bavugagamo ubusabane bwarangwaga no gusurana, gufashanya no gutabarana mu gihe cy'akaga, bagashyira imbere cyane guhana inka n'abageni… Haba ubwo banyuzamo bagacyocyorana ariko bimwe by'ineza, utabimenyereye akagira ngo umugeni bari bumwimane. Umusaza akihorera ati: "Umukobwa wacu yagiye mu kibikira" ubundi se ati: "Mu bo mwazanye harimo uwaduhemukiye…" Usaba iyo atari inararibonye arahasebera kuhikura bikagomba abunganizi. Usaba iyo ari umuhanga hari ubwo agira ati: "Biri amahire n'ubundi n'umusore wacu akubutse mu gifurere..." Akongeraho ati: "Ubwo rero ibisa birasabirana, n'ubundi naje nzi ko ari ukwisanga".

Iyo bajya kwemera bazana agakobwa k'inshuke bati: "Umugeni wadusabye ni uyu." Undi na we akaba yagira ati: "Nshimye ko muri ba maboko atanga ataziganya", agashima ko yasabye umwe bakaba bamuhaye n'uza gutinyisha. Hari n'ubwo bazana agakecuru kashizemo amenyo bati: "Ni uyu" ubwo abari aho bose bakakwenkwenura. Aho ababasha kuhikura baba ari abahanga. Barakomeza bagagoragoza ariko amaherezo akemera ariko akagira ati: "Umwana wacu ni mutumwinka cyangwa mukobwajana n'ayandi mazina menshi agusha ku nka." Abashyitsi bose bari aho amashyi ngo kacikaci!

Ubwo rero umuhango ukurikiyeho uba ari uwo gukwa. Umushyitsi mukuru akagira ati: "Nimudukoshe". Kuva kera rero kugeza n'ubu aho umuco utaracuya, inka ni yo nkwano. Ibyo ntibibuza ko n'amafaranga atangwa ariko aho inzuri zimariye kuba ingume mu Gihugu. Iyo uganiriye n'abakuru ariko bakubwira ko n'abageni b'ubuntu bataburaga gutangwa. Bene abo bitwaga abageni b'ineza. Ibyo ariko byababaga hake cyane kuko umugabo utarakoye atagiraga ijambo kwa sebukwe. Yewe n'abana abyaye ntibababaga ari abe kuko iyo umugore yahukanaga ubutazagaruka, yashoboraga kubajyana. Bagakwa rero maze umukobwa agakunda agaseruka. Yamaraga gushyika mu byicaro, inka bagatangira kuzivuga amazina. Nyuma y'ibyo iyo imihango itabereye rimwe, haba hatahiwe gusezerana mu butegetsi n'imbere y'Imana ubundi umugeni agahekwa agataha ku wamukunze.

Kera ibintu bitarajya mu mibare n'iterambere ritaraza, umunsi w'ubukwe wabanzirizwaga n'uwo gutebutsa. Uwo munsi ukaba uwo kumvikana umunsi wo kwitegura umugeni. Ubu amaterefoni yaraje asigaye yihutisha ibintu. Umugeni yararikwaga, maze abakobwa b'inshuti ze na ba nyirasenge bakaza bakajya bamutaramira. Ba nyirasenge babaga ari abo kumuhanura, bakamwigisha uko azita ku mugabo we. Abakobwa bamuririmbiraga zimwe mu ndirimbo zibabaje, yarira bagatera ibihozo.

Ku munsi w'ubukwe nyirizina, ni ho abantu banywaga bakabyina bakizihirwa. Byababaga ari ibirori bihambaye, abantu bose banezerewe. Muri ibyo birori ni ho bagabiraga urugo rushya. Mu bifite urugo rushya ruhabwa inka, impano zindi na zo zigatangwa hakaba n'ababaha abana babo ho impano ariko bakabaterura akanya gato. Biba ari ikimenyetso cyo kubifuriza kubyara hungu na kobwa. Ibyo kwambikana umwishywa ubu byasimbuwe no kwambikana impeta. Nguko uko ubukwe bwa kinyarwanda bugenda.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umuranga yari muntu ki?
2. Umuranga yahuzaga nde na nde?
3. Vuga akamaro k'umuranga mu gihe cyashize no muri iki gihe tugezemo.
4. Ufatiye ku mwandiko, vuga nibura imihango itatu mu mihango y'ubukwe bwa kinyarwanda.
5. Ku bwawe urumva ubukwe bwaramariraga iki imiryango yombi?
6. Ni iyihe mihango ubona idashobora kubera umunsi umwe? Kubera iki?
7. Umaze gusoma uyu mwandiko ni iki wabwira abasore n'inkumi bishyingira.

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura aya magambo dusanga mu mwandiko.**

a) Igicuba
b) Inkwano
c) Nyirasenge
d) Ibihozo

**2. Garagaza ijambo riri mu mwandiko rivuga kimwe n'aya.**

a) Umuco utaragenda wangirika
b) Ibyo bakiriza abakwe cyangwa abandi bashyitsi bakomeye
c) Igihe cy'ubukwe kigeze
d) Aho inka zirishiriza

### III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

*1.* Garagaza ingingo z'ingenzi n'iz'iz'ingereka ziri uri uyu mwandiko
2. Kuki umwanditsi avuga ngo: "Kera ibintu bitarajya mu mibare."
3. Mu biganiro byo gusaba habamo ibisa no kubeshya. Sobanura niba hari icyo byaba bikimaze muri iki gihe niba ntacyo na byo ubisobanure.

## Ihinamwandiko

Iyo usomye cyangwa ukumva inkuru runaka, hari ubwo igushimisha cyangwa se ikakubabaza. Birashoboka ko wayisubiriramo abandi kandi mu gihe gito, ku bwende bwawe cyangwa ubisabwe. Ubwo rero uba utangiye igikorwa cyo guhina cyangwa kuvuga mu nshamake ibyo wumvise. Ihinamwandiko rikorwa wandika cyangwa mu mvugo.

### Inshoza y'ihinamwandiko

Guhina umwandiko ni ubuhanga bwo kumenya no gucengera umwandiko maze ukawusubiramo mu magambo make yifujwe kandi udatakaje ingingo z'ingenzi zikubiyemo. Umwandiko wahinwe witwa "Impine y'umwandiko cyangwa inshamake".

Gucengera inkuru cyangwa umwandiko, ni ukuyumva no kuyisobanukirwa. Ibyo rero bikaba ubumenyi n'ubuhanga nk'ubundi bumenyi bwose.

### Intego n'akamaro by'ihinamwandiko

Ihinamwandiko ni uburyo bushobora kwifashishwa mu gupima no kugaragaza ikigero cy'ubwenge n'ubumenyi bw'umuntu. Ihinamwandiko rigaragaza ubushobozi bw'umuntu bwo gusobanura no kwisobanura mu magambo ye bwite kandi hubahirijwe igihe.

### Uko ihinamwandiko rikorwa

Ihinamwandiko rikoranwa ubwitonzi n'ubuhanga kandi rigakorwa kuri gahunda. Ihinamwandiko biba byiza iyo ari kimwe cya kane cy'umwandiko w'umwimerere. Dore bumwe mu buryo bwiza bwo gutangira impine igihe usabwa guhina nk'umwandiko cyangwa inkuru ndende. "Mu mwandiko.... Havugwamo..." cyangwa se "Umwanditsi avuga ko..."

## Intambwe zikwiriye guterwa kugira ngo ihinamwandiko rikorwe mu buryo bunoze.

**a) Gusoma umwandiko inshuro zirenze imwe.**

Kugira ngo usobanukirwe kandi wumve neza inkuru cyangwa umwandiko, ni ngombwa kuwusoma inshuro nyinshi. Uhina ashobora gusoma umwandiko inshuro ebyiri cyangwa eshatu.

**b) Kurobanura ingingo z'ingenzi no gushyira ku ruhande ingingo z'ingereka.**

Akenshi umwandiko iyo wanditswe n'umuhanga, igika kimwe kibumbatira ingingo imwe y'ingenzi cyangwa ingingo zirenze imwe ariko zuzuzanya. Izindi ngingo ziba ari ingingo z'ingereka.

**c) Kumenya amagambo y'ingenzi**

Mu mwandiko hari ubwo habamo amagambo y'ingenzi aba adashobora gukurwamo. Ibyo biterwa n'uko aba abumbatiye ingingo ikomeye. Bene ayo magambo rero agomba kwitabwaho.

**d) Gukurikiranya za ngingo z'ingenzi.**

Impine ikurikiranya ingingo nk'uko zari ziri mu mwandiko w'umwimerere.

**e) Kwandika impine hongerwamo amagambo yunga ibika n'imvugo ziboneye.**

Amagambo yunga ibika afasha cyane mu guhuza ibitekerezo naho imigani migufi ikanoza imvugo. Imigani migufi kandi ifasha cyane mu kuvuga byinshi mu magambo make. Igaragaza kandi ubuhanga n'ubukesha mu rurimi n'umuco nyarwanda.

**f) Kwandukura ibyo wakoraga ku rupapuro rwiza.**

Kwandukura umwandiko bigomba gukoranwa isuku. Nta gusiribanga cyangwa guhekeranya amagambo cyangwa kuyandika aho atagomba kwandikwa nko mu mwanya usigwa iburyo cyangwa ibumoso bw'urupapuro.

## Ibidakwiriye gukorwa mu ihinamwandiko

1. Ni bibi kwandukura interuro yose cyangwa igika uko cyakabaye mu mwandiko w'umwimerere.
2. Ihinamwandiko si urubuga rwo kwivugira ibitekerezo byawe bwite. Ibitekerezo by'ingenzi byandikwa uko biri n'iyo waba utabyemera. N'iyo waba ubishyigikiye kandi ntugomba gushyiramo amarangamutima yawe.

3. Mu ihinamwandiko nta mitwe yo hagati izamo kabone n'iyo mu mwandiko w'umwimerere yaba yari irimo.
4. Uhina umwandiko ntagomba kugaragaramo akoresha ngenga ya mbere y'ubumwe.

## Umwitozo wo guhina umwandiko

Mu matsinda ya babiribabiri nimukore ihinamwandiko.

Mukore inshamake y'umwandiko "Imihango y'ubukwe bwa kinyarwanda" mushingiye ku ngingo z'ingenzi zagaragajwe.

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa gatandatu

Twasomye imyandiko ibumbatiye ingingo yo kwakira neza abashyitsi n'abandi bose baza batugana. Iyo ni imwe mu ndangagaciro z'umuco nyarwanda ikwiriye guhabwa umwanya mu migirire yacu ya buri munsi.

Muri uyu mutwe kandi twabonyemo umugani muremure nk'ingeri y'ubuvanganzo nyarwanda igaragaraza umuco gakondo w'Abanyarwanda. Umugani muremure ubamo inyigisho zitari nke ndetse ukagira umumaro wo kuruhura, guhana no kugira inama, gutoza gutega amatwi, gufata mu mutwe,… kandi ukubaka ubushobozi bwo kubara inkuru.

Ibyigwa bijyanye n'ikibonezamvugo twabonyemo ntera, izina ntera n'ibisantera. Ntera ni ijambo rigaragira izina rikerekana imimerere, imiterere cyangwa ingano yaryo. Ntera igira uturemajambo tubiri gusa ari two: indangasano n'igicumbi. Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. Iyo ntera ifashe indomo yitwa izina ntera.

Ibisantera ni amagambo afite umumaro nk'uwa ntera ariko adasa na ntera mu rwego rw'intego. Twabonye kandi uko bakora ihinamwandiko.

## Isuzuma risoza umutwe wa gatandatu

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Akira neza uje wese akugana**

Umugabo Muvunanyambo mwene Karinganire yarihoreye ati: "Mbere nabereye aho nkaba ntaragera kuri turiya tununga nabwiwe ko tubamo ingagi zikurura ba mukerarugendo! Ubwo yarebaga ibirunga byiza byo mu majyaruguru y'u Rwanda yabireberaga kure akagira ngo biri hafi y'aho yari atuye. Umunsi umwe abwira umugore we yakundaga by'agahebuzo ngo namushakire impamba arambagire

impugu y'amajyaruguru. Bari baramubwiye ngo iyo mpugu izwiho kwakira abashyitsi kakahava. Ni mu gihe haranera cyane. Ngo ibirayi byiza kandi byinshi bibarizwa muri ako gace. Umugore na we amutegurira impamba amushakira, n'agakoni ke keza akegeka hafi y'umuryango ngo niyibatura azakabone bugufi. Umugabo na we arara agera ijoro buracya ahata inzira ibirenge. Yabanje kugenda n'amaguru ariko bigeze aho abona ari burare nzira yiyemeza gutega imodoka.

Yageze mu Murera bumaze kugoroba. Yagiye kubona abona ari wenyine nta muntu azi n'umwe. Ubwo kandi ni ko n'ijoro ryari ritamworoheye. Mu gihe agitangira kwibaza uko biri bugende abona umugabo n'umugore basa n'abavuye mu birori. Arabegera na bo ntibamwima amaso, abatekerereza iby'urugendo rwe, ababwira iyo ava n'iyo ajya nuko bajya kumucumbikira. Bamuzimaniye neza aranezerwa bamuha aho aryama araruhuka bukeye abaza neza inzira yazamugeza ku birunga ngo akunde atuze umutima. Bamuyoboye inzira igana ku ishami ry'ikigo gishinwe iby'ubukerarugendo iyo mu majyaruguru agezeyo yakiranwa yombi. Ntibyatinze yuzuza imyirondoro yasabwaga maze bihuza n'uko hari itsinda rigiye kuzamuka ibirunga maze ajyana na ryo.

Nubwo guterera imisozi atari abimenyereye ariko intego yari afite yatumaga ataruha. Ntibyatinze binjira urugano bageze imbere gato baricara bararuhuka. Nuko uwabayoboraga atangira kubaha amabwiriza y'uko bitwara imbere ya za nyamaswa zahogoje amahanga dore ko zenda gusa n'abantu. Izo ni ingagi bavugaga. Yahise yumva akanyamuneza atazi iyo gaturutse. Si we warose bongeye gutsimbura. Barazisuye nuko mu gutaha arongera acumbika muri wa muryango wamwakiriye buracya arataha. Mbega urugendo ruhire! Ubwo yabariraga ab'iwe iby'urwo ruzinduko, bose batangaririaga imico myiza n'urugwiro umuryango yacumbitsemo wamugaragarije. Kuva ubwo we n'ab'iwe bose bahise biyemeza kugira umuco mwiza wo kwakira abantu bose baje babagana kabone n'iyo baba batabazi.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Umugabo uvugwa mu mwandiko wasuye ingagi mu birunga yitwaga nde?
2. Ni nde wamugiriye neza iyo mu majyaruguru?
3. Uwo mugabo ni iki cyamuteye kujya yakira neza abamugana bose atarobanuye.
4. Ese abamugiriye neza yari abazi cyangwa bo bari bamuzi?
5. Ingagi zivugwa muri uyu mwandiko ngo abantu baba bazikundira iki?
6. Ushingiye ku mwandiko n'ibyo ubona mu buzima busanzwe kuki ari byiza kwakira neza abaje bagusanga?
7. Garagaza inyungu nibura ebyiri ku ruhande rw'umusangwa n'ebyiri ku ruhande rw'umushyitsi.

## Inyunguramagambo

1. **Sobanura aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko.**
   a) Utununga
   b) Yakundaga by'agahebuzo
   c) Niyibatura
   d) Urugano

2. **Shaka mu mwandiko ijambo risobanura.**
   a) Urugendo umuntu akora yagiye gusura ahantu cyangwa abantu
   b) Kurara ubyuka ucunga ko bucya ngo utangire urugendo

3. **Andika imbusane z'aya magambo y'umukara tsiri.**
   **a)** Inzira **igana** ku ishami ry'ikigo gishinwe iby'ubukerarugendo
   **b)** Ntibyarinze **binjira** urugano
   **c)** Nyamaswa **zahogoje** amahanga
   **d)** Bamuzimaniye neza **aranezerwa**

## II. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi

1. **Vuga ubwoko n'inteko by'amagambo aciweho akarongo mu nteruro zikurikira**
   a) Biyemeza kugira umuco <u>mwiza</u> wo kwakira abantu bose.
   b) Umuco <u>nyarwanda</u> udutoza kwakirana yombi abatugana.
   c) Amushakira n'agakoni ke <u>keza</u> akegeka hafi y'umuryango
   d) Mbega urugendo <u>ruhire</u>!
   e) <u>Abeza</u> bagira urugwiro.
   f) Muvunanyambo yahuye n'abantu bafite imico <u>myiza</u>

2. **Garagaza intego za ntera n'iz'izina ntera unatange urugero kuri buri bwoko bw'ijambo.**

3. **Rondora uturango tw'umugani muremure, uvuge nibura dutatu.**

4. **Vuga unasobanure nibura ibiri mu mimaro y'umugani muremure.**

5. **Hina umwandiko "Akira neza uje wese akugana" mu mirongo icumi (10).**

# 7 Itumanaho

## Umwandiko: Itumanaho



Itumanaho ni uburyo abantu bakoresha bwo kugezanyaho amakuru igihe batari kumwe ngo baganire bisanzwe. Bumwe muri ubwo buryo ni ukwandikirana amabaruwa cyangwa kuvugana hakoreshejwe terefoni. Ubu buryo bukoreshwa hari ubwabanjirije ubundi. Gusa muri iki gihe hari ubwo abantu bitabira kurusha ubundi.

Ku bantu bafite icyo bahuriyeho, biragora kumara igihe batabwirana amakuru. Umuntu wibereye mu burasirazuba yandikira inshuti ye iri mu burengerazuba akayimenyesha amakuru cyangwa se akayibwira gahunda y'ubukwe afite. Icyo gihe afata urupapuro akandika ibaruwa, akayishyira mu ibahasha agafunga, agashyiraho tembure ijyanye n'aho ubutumwa bujya, hanyuma akayijyana ku iposita. Abakozi

b'iposita ni bo bageza iyo baruwa aho igomba kujya, hanyuma bagashyira ya bahasha mu gasanduku k'iposita uwohereje ibaruwa yagaragarije nimero ku ibahasha inyuma. Ubu buryo kandi bushobora gukoreshwa n'inshuti ziri mu bihugu bitandukanye, kuko iposita ifite gahunda mpuzamahanga. Ibaruwa nanone ishobora guhabwa umuntu uyitwara mu ntoki akayishyikiriza uwo igenewe. Gusa amabaruwa ya gicuti aragenda ata agaciro muri iki gihe kubera ko itumanaho rishingiye ku ikoranabuhanga rigenda rirushaho gutera imbere no gusakara hose.

Bumwe mu buryo bw'itumanaho rishingiye ku ikoranabuhanga bumaze kwamamara ni terefoni igendanwa. Muri iki gihe terefoni igendanwa yigaruriye isoko ry'itumanaho ku buryo butangaje. Uraba wibereye mu cyaro iyo, ugafata terefoni yawe washyizemo ikarita iriho amafaranga yo kuriha sosiyete y'itumanaho, ugashyiramo nimero ya terefoni y'uwo ushaka kugezaho ubutumwa, yaba uwo mu Rwanda cyangwa uwo mu mahanga, ubundi ugakanda ahagenewe guhamagara. Iyo terefoni y'uwo uhamagaye na yo iri ku murongo w'itumanaho, abona ikimenyetso cy'uko umuhamagaye, agakora ahagenewe kwitaba, mugatangira mukavugana.

Iyo uwo muntu mutabashije kuvugana kuko terefoni ye itari ku murongo cyangwa nta mwanya mufite wo kuvugana, umwandikira ubutumwa bugufi, amakuru ushaka kumugezaho akaza kuyasomera kuri terefoni ye. Hari na terefoni zikoresha murandasi (interineti) ku buryo ubwo butumwa umuntu yabunyuzaho. Mu itumanaho rikoresha terefoni ntitwakwibagirwa  itagendanwa, ariko yo ntikoreshwa cyane kuko iba mu nzu cyangwa mu biro, igakoreshwa ari uko umuntu ahari gusa. Ikindi ikora umurimo umwe gusa wo guhamagarirwaho no kwitabirwaho mu gihe igendanwa inandikirwaho ubutumwa.

Ugereranyije ubu buryo bwombi, ibaruwa ya gicuti na terefoni, usanga buri buryo bufite umwihariko wabwo. Ibaruwa irusha terefoni kuba idasibama, ubutumwa umuntu yakwandikiye kera ugakomeza kubutunga mu gihe ubutumwa bwa terefoni bushobora gusibama bitewe n'uko yuzuye cyangwa n'umuntu akabusiba abishaka cyangwa atabishaka. Mu ibaruwa wandikamo amakuru menshi ndetse ishobora kurenga urupapuro rumwe, zikaba ebyiri cyangwa eshatu bitewe n'ibyo ubwira uwo wandikiye ; naho ubutumwa bwo muri terefoni bugomba kuba bugufi, inyuguti zibugize ziba zibaze, zarenga, bakaguca andi mafaranga y'ubutumwa bushya.

Terefoni yo irusha byinshi ibaruwa cyanecyane igendanwa. Icya mbere ni uko ubutumwa bwayo buhita bugera ku muntu ubugenewe kandi na we agahita abusubiza, baba bavugana cyangwa bandikirana ubutumwa bugufi. Ikindi ni uko umuntu amenya ako kanya ko ubutumwa bwe bugeze ku wo yabugeneye. Ubutumwa bwaciye mu ibaruwa bwo bufata igihe ndetse hakaba n'ubwo buzimirira mu nzira ntibugere ku wo bwari bugenewe kandi nyiri ukubwohereza we agira ngo bwageze ku wo bwari bugenewe. Aho uri hose ushobora kwakira ubutumwa bwa terefoni

buturutse mu gihugu cyangwa mu mahanga, mu gihe ubw'ibaruwa busaba gufata urugendo ujya kubureba ku iposita cyangwa ugashaka uwabukuzaniye mu ntoki.

Kubera ukwihuta kw'ubutumwa bwayo, hari abakoresha terefoni nabi bakayibeshyeraho, abandi bakayitegurisha ibikorwa by'ubugizi bwa nabi n'urugomo. Ariko abo bararye bari menge kuko ibigo by'itumanaho byashyizeho uburyo bwo kugenzura amaterefoni ku buryo bibaye ngombwa ko umuntu wakoresheje terefoni ibidakwiye akurikiranwa, amakuru kuri we yaboneka ku buryo buhagije.

Nk'uko bigaragara, ibaruwa ni yo yabanje gukoreshwa mu itumanaho, ariko terefoni irimo kugenda iyisimbura mu itumanaho risanzwe. Ibyo biraterwa n'iterambere ry'ikoranabuhanga rya terefoni n'isakara ry'ikoreshwa ryazo hirya no hino mu Gihugu ndetse no mu mahanga. Kuyikoresha ni byiza kuko yihutisha itumanaho haba mu kuvugana hakoreshwa ijwi, haba no mu kwandikirana ubutumwa bugufi. Kuyikoresha ibidakwiye ni ibyo kwirindwa kuko uwo byagaragaraho yabihanirwa. Iterambere ry'ikoranabuhanga ni ryiza ariko ibibi bizana na ryo ni ibyo kugendera kure.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Itumanaho ni iki?
2. Akamaro k'iposita mu by'itumanaho rikoresha amabaruwa ni akahe?
3. Ni iki ibaruwa irusha terefoni?
4. Terefoni yo irusha iki ibaruwa?
5. Wumva umunyeshuri akwiye kwemererwa gutunga terefoni ku ishuri? Sobanura igisubizo cyawe.

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko:**

a) Tembure

b) Iposita

c) Agasanduku k'iposita

d) Gusakara

**2. Sobanura aya magambo nurangiza uyakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye :**

a) Kugezanyaho b) Gutwara c) Kugenzura

**3. Amagambo yatanzwe yashakire imbusane kandi uyakoreshe neza mu nteruro ngufi kandi yumvikana :**

a) Gicuti b) Impamvu c) Kugendera kure

4. **Shaka muri iki kinyatuzu amagambo atanu akoreshwa mu itumanaho rya terefoni n'iry'amabaruwa asanzwe kandi iryatanzweho urugero ntiririmo.**

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| I | P | O | S | I | T | A | B |
| A | R | A | J | N | R | I | A |
| M | K | A | L | O | Y | N | T |
| A | N | V | U | M | U | K | I |
| T | A | U | M | E | H | O | R |
| E | I | T | A | R | I | K | I |
| U | M | U | K | O | N | O | P |
| K | K | W | P | E | U | G | K |

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Insanganyamatsiko yavuzweho muri uyu mwandiko ni iyihe?
2. Vuga ingingo z'ingenzi zivugwa muri uyu mwandiko.
3. Erekana ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko.

## IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Muge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

Nimukore ikiganiro mpaka kuri iyi nsanganyamatsiko:

"Itumanaho rizana ingorane nyinshi kurusha akamaro karyo mu buzima bw'umuntu."

## Ibaruwa isanzwe

MUTIMUKEYE Marie — Kagogwe, ku wa 15 Mata 2017

Ishuri Ryisumbuye rya Kagogwe

B.P. 16 Gasharu

Ku mubyeyi wange nkunda cyane,

Muraho neza!

Nejejwe no kukwandikira, mubyeyi nkunda, ngira ngo nkumenyeshe amakuru yange nyuma y'amezi abiri maze mu mashuri yisumbuye. Nagira ngo kandi nkubaze amakuru yo mu rugo kuko mbakumbuye cyane.

Muribuka ko nkimara kugera ku ishuri nari mfite ikidodo kuko ari bwo bwa mbere nari ngiye kuba ahatari iwacu. Ubu maze kumenyera pe! Amasomo aragenda neza. Sinibagirwa impanuro wampaye no kwirinda agakungu.

Igihe cyo kwiga ngikoresha neza. Ubu amasuzumabumenyi yose twakoze narayatsinze bishimishije. Sindabona munsi y'amanota arindwi ku icumi. Ndizera ko indangamanota nzazana izabashimisha.

Amakuru ki se yo mu rugo? Karigirwa amaze kumenyera ishuri? Ubu se asigaye ararana na nde? Nange kwiraza ku gitanda byabanje kuntonda, ariko naramenyereye. Nyogokuru se yarorohewe ko nasize arwaye? Umuntahirize, kandi nawe nibigukundira uzanyandikire, umbwire amakuru, cyangwa uze kunsura ku cyumweru cya kabiri cy'ukwezi gutaha. Uzi ukuntu byanshimisha mbonye mama ahingutse ku ishuri!

Sinarangiza ntakubwiye kunsuhuriza papa, basaza bange bombi na ka Karigirwa uti: "Mutahe cyane, arabakumbuye byo gupfa, si we uzabona ibiruhuko bigera." Imana ibarinde.

Imfura yawe,

MUTIMUKEYE Marie



### I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Iyi baruwa yanditswe na nde?
2. Yayandikiye he? Yayanditse ku yihe tariki?
3. Yandikiraga nde?
4. Ni iyihe mpamvu yatumye yandika ibaruwa?
5. Vuga muri make ubutumwa bukubiye muri iyi baruwa?

## Ibaruwa isanzwe

Ibaruwa isanzwe bakunze kwita ibaruwa ya gicuti, ni ibaruwa umuntu yandikira umubyeyi, umuvandimwe se cyangwa inshuti agamije kumubwira cyangwa kumubaza amakuru. Uwandika ibaruwa abwira uwo yandikira nkaho bari kumwe, ibyo yakamubwiye akabyandika ku rupapuro. Kuko urupapuro ruba ari ruto, umuntu wandika ibaruwa agomba kuvuga iby'ingenzi, nta kurondogora.

## Ibiranga ibaruwa isanzwe

Ibaruwa isanzwe igomba kugaragaza ibi bikurikira:

**a)** Amazina y'uwanditse n'aho abarizwa.

**b)** Ahantu yanditse ari n'itariki.

**c)** Uwandikiwe (isano afitanye n'uwayanditse)

**d)** Indamutso

**e)** Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa.

**f)** Umusozo (ugaragaramo gusezera n'intashyo)

**g)** Izina ry'uwanditse n'umukono we.

Ibaruwa isanzwe ariko igira imbata yubahiriza, ku buryo iyo uyikubise amaso byonyine uhita ubona ko ari ibaruwa ya gicuti.

**Imbata y'ibaruwa isanzwe**

Amazina y'uwanditse

Ahantu, itariki yandikiweho

Aho uwanditse abarizwa

Ijambo rivuga uwandikiwe n'isano bafitanye

Indamutso

Intangiriro

.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................

Ubutumwa nyirizina bw'ibaruwa

.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
...............................................................................................................................

Umusozo

.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................
.................................................................................................................................

Ijambo rivuga isano uwanditse afitanye n'uwandikiwe.

Amazina y'uwanditse.

Umukono we.

Nk'uko bigaragara kuri iyi mbata, uwandika ibaruwa agomba gusiga umwanya hejuru, hasi ndetse n'iburyo n'ibumoso bw'urupapuro yanditseho ibaruwa kugira ngo usoma abone aho afata.

### Umwitozo ku ibaruwa isanzwe:

Andikira inshuti yawe mudaherukanye cyangwa umubyeyi wawe umubwire amakuru yawe unamubaze aye.

## Ubutumwa bugufi

Ingero z'ubutumwa bugufi:

- Uraho neza! Tubwirire abanyeshuri bifotoreje ku Murenge wacu ko indangamuntu zabo zaje. Bazaze kuzifata ejo mbere ya saa sita.
- Wiriwe! Ba bashyitsi twari dutegereje barahageze, banguka umfashe kubakira.
- Kamana waramutse! Ko amasaha y'ikizamini ari hafi kugera, waba wageze ku ishuri?
- Muraho neza Muyobozi! Mbwirira Karimba ko amafaranga y'ishuri nayanyujije kuri konti y'ikigo. Ntazirirwe agaruka mu rugo.

### Ibibazo ku butumwa bugufi

1. Izi nyandiko ni bwoko ki?
2. Ubu butumwa ni hehe umuntu yabusanga?
3. Tahura uwanditse buri butumwa n'uwo wumva bugenewe.

### Ubutumwa bugufi ni iki?

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu akora, yohereza uwo yandikira amakuru cyangwa ayamusaba. Bugomba kuba burasa ku ntego kuko bugomba kuba bugufi. Uwandika agomba kuvuga ibiri ngombwa gusa. Bene ubu butumwa bukunze gukoreshwa kuri terefoni no kuri mudasobwa ifite interineti hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

### Umwitozo ku butumwa bugufi

Andikira umubyeyi wawe ubutumwa bugufi, umubwira ibyo ukeneye ku ishuri.

### Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa karindwi

Imyandiko iboneka muri uyu mutwe yerekeza ku itumanaho. Itumanaho ryagarutsweho ni iry'amabaruwa asanzwe n'irikoresha terefoni. Byagaragaye ko ibaruwa isanzwe irimo gusimburwa n'ubutumwa bugufi bwa terefoni igendanwa n'ubwo ku mbuga nkoranyambaga.

Ibaruwa isanzwe ni inyandiko umuntu yandikira undi amubwira kandi amusaba amakuru.

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu yohereza undi kuri terefoni cyangwa akoresheje interineti. Bugomba kuba burasa ku ntego.

## Isuzuma risoza umutwe wa karindwi

Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.

**Umwandiko: Akamaro k'itumanaho**

Abantu benshi bemeza ko itumanaho ari urufunguzo rw'iterambere. Itumanaho ubundi rivuga uburyo bw'ihererekanyamakuru hagati y'ibiremwa, n'abantu barimo. Ese ni gute iryo hererekanyamakuru rishobora kuba imbarutso y'iterambere? Ese uburyo bw'itumanaho ubwo ari bwo bwose bwatuma amajyambere yiyongera?

Mu by'ukuri kugira ngo muri iki gihe umuntu avuge ko yateye imbere, ni ngombwa ko aba afite uburyo abasha gukora ku ifaranga. Kandi kugira ngo ubashe kurikoraho, ni uko urishaka, haba mu gushaka akazi kaguhesha umushahara, haba mu guhanga umushinga wakubyarira inyungu. Kugira ngo ubone akazi, ni ngombwa ko umenya ko hari ahantu bakeneye umukozi. Nta bundi buryo wabimenya hadakoreshejwe itumanaho. Kuranga ahari akazi, hakoreshwa ibinyamakuru, amaradiyo n'amatereviziyo. Umuntu w'inshuti na we abimenye yakoresha terefoni akakubwira cyangwa akakwandikira. Iyo ugiye ugakora ikizami ukagitsinda ukabona ako kazi kaguhemba umushahara w'ukwezi, burya uba ubikesheje itumanaho.

Uwiyemeje guhimba umushinga ubyara inyungu we bigenda bite? Kugira ngo wige umushinga uzaguteza imbere, bisaba gushaka umujyanama ubihugukiye akagufasha, kuko gutegura umushinga bisaba ubuhanga. Uwo muhanga ugufasha uzamubona wakoresheje itumanaho; wanditse cyangwa waterefonnye. Kugira ngo umenye uko wabona isoko ry'umushinga wawe, umenye n'ingufu rifite nanone uzifashisha ibikoresho by'itumanaho. Umushinga wawe kugira ngo wunguke bisaba kubona abakozi bagufasha. Abakozi igihe batangiye akazi ntiwabasha kubakurikirana nta tumanaho.

Itumanaho rero ni ryo rizatuma utera imbere. Abayobozi b'Igihugu na bo, bitewe n'amabwiriza yabo ndetse n'ibikorwa remezo bagenda bageza ku baturage, bagira uruhare runini mu iterambere ry'igihugu. Ariko se nta radiyo bavugiraho, nta baruwa bandika, nta terefoni bagira, akazi kabo kagenda neza? Mu binyamakuru, ku maradiyo, ku matereviziyo, ku materefoni, aho hose ni inzira abayobozi b'Igihugu bashobora gucishamo amabwiriza y'iterambere. Birumvikana ko nta tumanaho, nta n'iterambere ryagerwaho. Mu nzego zose z'ubuzima rirakenewe kugira ngo abantu babashe kwiteza imbere, bityo babeho neza.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Itumanaho ni iki ukurikije uyu mwandiko?
2. Itumanaho rimarira iki umuntu ushaka akazi?
3. Garagaza ko bigoye gutera imbere muri iki gihe nta tumanaho ufite?
4. Sobanura uburyo terefoni yoroshya itumanaho.
5. Ni ku buhe buryo wumva wowe wakeneramo itumanaho ngo witeze imbere?

## Inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi iboneye.**

a) Imbarutso

b) Amabwiriza

c) Gukora ku ifaranga

**2. Simbuza amagambo aciyeho akarongo andi ahuje inyito na yo.**

a) Mu kinyamakuru, abayobozi bashobora <u>gucishamo</u> amabwiriza y'iterambere.

b) Uyu mushinga <u>wakubyarira</u> inyungu.

**3. Simbuza amagambo aciyeho akarongo imbusane zayo.**

a) Uyu mushinga <u>uzaguteza imbere</u>.

b) Ese ugomba gushaka umushinga wakubyarira <u>inyungu</u>?

## II. Ihangamwandiko

**a)** Andika ubutumwa bugufi busaba ababyeyi uruhushya rw'abanyeshuri bagomba kwitabira inama y'abanyeshuri bari mu kiruhuko.

**b)** Andikira mubyara wawe uba mu Karere ka Nyamasheke ibaruwa isanzwe, umubwire umushinga ushaka ko mufatanyamo unamugishe inama.

# 8 Imyidagaduro

## Umwandiko: Imikino n'akamaro kayo



Imikino ni ibikorwa umuntu akoresha umubiri we akurikiza amategeko runaka, yishimisha cyangwa ari mu marushanwa. Ashobora gukina ari umwe cyangwa agakina mu itsinda. Ni kenshi twumva havugwa ko habaye imikino iyi n'iyi ku maradiyo, ku matereviziyo no mu biganiro tugirana n'inshuti n'abavandimwe. Uzumva umuntu abaza mugenzi we ati: "Wa mukino warangiye ute?" Undi ubone yahagaritse byose ngo akurikire umukino w'ikipe afana. Abandi bafata amasaha runaka mu cyumweru, bakajya gukina.

Imikino igira akamaro kenshi ituma umuntu agorora umubiri. Umuntu ufite umukino akina usanga afite ubuzima bwiza, afite ingufu, atarwaragurika kuko ikomeza imikaya, igakomeza amagufwa ndetse igatuma amaraso atembera neza. Udakina we usanga ahora ananiwe, afite umubyibuho ukabije, arwaye rubagimpande n'izindi ndwara zijyanye n'umuvuduko w'amaraso. Kwitabira imikino bituma umuntu agira ubuzima buzira umuze.

Imikino kandi iruhura mu mutwe. Umupira w'amaguru, uw'intoki, amasiganwa y'amamodoka, ay'amagare n'ay'amapikipiki abamo amarushanwa. Mu marushanwa haba hari abantu babiri cyangwa amatsinda abiri ahanganye, buri ruhande rushaka kwegukana insinzi. Akenshi usanga mu marushanwa nk'ayo hari n'igikombe gihatanirwa. Mu marushanwa hazamo gukina ariko n'ishyaka ntirisigare kuko gutsindwa umukino bitera ipfunwe n'agahinda, kuwutsinda bigatera ishema.

Irushanwa ntirigirira akamaro abakina gusa, ahubwo rinafasha abaje kwihera ijisho kuruhuka mu mutwe. Imikino y'amarushanwa iritabirwa cyane kandi yinjiza n'amafaranga kuko abaje kuyireba akenshi na kenshi bishyura. Bamwe mu bareba umukino baba bafite uruhande babogamiyemo, abo ni bo bitwa abafana. Uko mu kibuga ruba rwambikanye hagati y'abakinnyi, ni ko abafana na bo baba barushanwa gushyigikira amatsinda yabo mu ndirimbo, mu mbyino no mu ikobe ryinshi.

Umupira w'amaguru ugira amarushanwa ashyushye. Urya mupira abakinnyi biruka inyuma wigaruriye isi yose. Usibye no kujya kureba uwo mukino ku kibuga, usanga imbaga y'abantu yateraniye imbere y'ibyuma bigaragaza amashusho, bakoranyijwe no kureba umupira. Kureba umupira birashimisha, hagerekaho n'ishyaka rya gifana agahu kakaba gahuye n'umunyutsi. Hari abafana amakipe yo mu Gihugu, hakaba n'abafana amakipe yo mu bihugu by'amahanga. Iyo mikino yo mu mahanga Abanyarwanda bayirebera kuri tereviziyo maze bagafana kakahava, bakishima.

Mu marushanwa ahimbaza abarebyi harimo amasiganwa y'amagare, ay'amapikipiki n'ay'amamodoka. Usanga abantu bakikije imihanda, abana, abasore, inkumi, abagabo, abagore, abasaza n'abakecuru bose bakoranye bategerezanye amashyushyu ko amasiganwa agera aho bari. Iyo abasiganwa babagezeho, wumva amashyi ahise yivanga n'urusaku, bogeza abakinnyi bari imbere. Muri iyi mikino, usanga harimo ibihembo binyuranye, cyanecyane hakurikijwe ibyiciro amasiganwa yagiye akorwamo. Igihembo kiruta ibindi ariko gihabwa uwakoresheje igihe gito.

Imikino ni myiza cyane. Ituma umubiri w'umuntu unanuka, ugakomera bityo indwara nyinshi ntiziwuhangare. Ituma kandi umuntu aruhuka, agasinzira neza. Imikino ikuza ishyaka mu bakinnyi no mu bafana. Kureba imikino kandi birashimisha, bigatera akanyamuneza. Ni ngombwa kugira umukino umuntu yitabira.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Imikino ni iki?
2. Gukina bifitiye umuntu akahe kamaro?
3. Ni irihe tandukaniro riri hagati y'umuntu witabira imikino ngororamubiri n'utayitabira?
4. Amarushanwa mu mikino amariye iki abantu?

5. Ni uwuhe mukino ukunzwe cyane kurusha iyindi ku isi?
6. Ni akahe gaciro uha imikino mu buzima bwawe?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo n'imvugo bikurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi zumvikana:**

a) Rubagimpande
b) Ishyaka
c) Ipfunwe
d) Ishema
e) Ikobe

**2. Simbuza aya magambo yakoreshejwe mu mwandiko aciyeho akarongo andi bihuje inyito.**

a) Mu mikino amakipe aba ahatanira igihembo.
b) Usanga abantu badakina bafite umubyibuho mwinshi.
c) Hari abakurikiranira umupira ku nyakiramajwi.
d) Kureba amasiganwa y'amagare biranezeza.

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) Imikino ituma umuntu agira ubuzima buzira …………….
b) Gutsindwa bitera ……………. n'agahinda.
c) Imikino ntishimisha abakinnyi gusa kuko n' …………….usanga bishimye.
d) Iyo ikipe itsinze uhita wumva ……………. ryinshi.

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko?
2. Garagaza ibice by'ingenzi bigize uyu mwandiko unavuge impamvu ubyise utyo.
3. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka ziri muri uyu mwandiko.

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:** " Imikino ifatiye runini ubuzima bwacu"

## Ibisakuzo

Mu itsinda na bagenzi bawe batatu nimuhuze ibi bisakuzo byo mu ruhushya A n'uburyo byicwa mu ruhushya B. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

| A. Ibisakuzo | B. Ibisubizo |
|---|---|
| 1. Mfite inka ni Rusimbukamigina. | a) Ikibuguzo/igisoro |
| 2. Akari inyuma ya Ndiza urakazi ? | b) Ukwezi |
| 3. Nagutera icyo utazi utabonye | c) Imodoka mu muhanda |
| 4. Nyiramakangaza ngo mutahe. | d) Inkoko gucutsa itagira amabere |
| 5. Intara za nyirabangana zingana zose | e) Imboni. |
| 6. Gatimba araguye n'ingabo ze. | f) Isake |
| 7. Sogokuru aryoha aboze | g) Ubukumi bwa so na nyoko |
| 8. Icwende ryange ribaye kure mba ngukoreyemo | h) Igitoki n'amakoma. |
| 9. Igitabo cya Mutara ntawutagishengera | i) Uruhu rw'imbwa |
| 10. Bwiza bupfuye ubusa | j) Inka kuba umukara igakamwa ayera |
| 11. Ihirike naraguharuriye | k) Imbeho ku rugi |
| 12. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo | l) Imyenge y'inzu |
| 13. Nyirabugenge n'ubugenge bwayo | m) Isi n'ijuru |
| 14. Ni nge muzindutsi wa kare nahuye n'Imana yikoreye inyama | n) Umuneke. |
| 15. Ko undeba ndaguha ? | o) Inyana iri mu nda ya nyina |

### Inshoza y'igisakuzo

Igisakuzo ni amagambo yumvikana mu buryo busanzwe ariko afubitse ingingo ifindurwa n'umuhanga. Gusakuza ni umukino ukinwa n'abantu babiri bagategana ibisakuzo kandi bakabitegura. Usakuza atangira agira ati: "Sakwesakwe!" Undi na we akikiriza ati: "Soma". Uwabanje akavuga igisakuzo, ubajijwe agafindura igisubizo ari byo bita kwica igisakuzo. Iyo uwasakujwe atabashije kukica, uwamusakuje aramubwira ati: "Kimpe!" Uwananiwe gufindura igisubizo ati: "Ngicyo, kende cyangwa kice "Nuko akabwirwa igisubizo. Uwo mukino ugakomeza basimburana.

### Uturango tw'ibisakuzo

Ibisakuzo ni interuro zumvikana ku buryo zifubitse ubuhanga bushushanya ikintu runaka kigomba gufindurwa n'uwo musakuza. Ibisakuzo bikoreshwa mu kwidagadura ariko bikanatoza gutekereza no gufata mu mutwe.

### Umwitozo ku bisakuzo:

Mu itsinda rya babiribabiri, nimuge imbere y'abandi maze musakuze.

## Urwenya

Soma izi nkuru ebyiri maze ushakemo ingingo zishekeje zirimo, muvuge n'impamvu mwumva zishekeje.

1. Umugabo yifatiye undi ati: «Ubu mvuye muri Amerika, u Burayi ndetse na Aziya.» Ati: "Mbese ubu nta mugabane w'isi ntagezemo". Undi ati: «Ubanza ugarutse uzi jewogarafi (geography) yose!» Uwabeshye ati: «Yababaaa, ubwo naba narajyanywe n'iki ntageze muri jewogarafi!»
2. Umukobwa yagiye gushaka akazi mu mugi, nuko bamuha ako kurera umwana. Igihe nyirabuja yarimo kumuhugura agira ngo amutoze gukora akazi ke neza, amusaba kuzajya agaburira umwana ku isaha. Bukeye nyamukobwa abonye ko umwana ashonje, amanura isaha yari imanitse ku rukuta, agusukiraho ibiryo by'umwana, atangira kumugaburira. Nyirabuja aba arahahingutse. Abaza nyamukobwa ati: «Ibi ni ibiki wakoze?» Umukobwa ati: "Ntiwambwiye se ko nzajya mpera umwana ibiryo ku isaha!"

### Inshoza y'urwenya

Urwenya ni agakuru karyoshye kandi gasekeje gakoreshwa cyangwa kanyuzwa mu kiganiro.

### Uturango tw'urwenya:

Urwenya ni inganzo igamije gusetsa abantu b'ingeri zose, ifatiye ku nkuru mpimbano zivuga ibintu byo mu buzima busanzwe ariko birimo ibisetso. Ibyo bisetso bishingiye cyanecyane ku buswa, ku buhubutsi, ku kumvirana, kwitiranya cyangwa ukutimenya umunyarubuga akorana ibikorwa byo mu nkuru, ku buryo uyumva atabura guseka. Ni inganzo ituma abantu baruhura ubwonko ariko inanenga imyitwarire idahwitse dore ko Umunyarwanda yavuze ngo: "Ukuri gushirira mu biganiro".

### Umwitozo ku rwenya

Himba urwenya hanyuma urugeze kuri bagenzi bawe.

## Umwandiko: Igitaramo nyarwanda



Hari ku mugoroba, abayobozi b'ishuri badukoranyirije mu cyumba gisanzwe kiberamo imyidagaduro. Twari benshi kandi dusakuza. Bamwe baganiraga ibyo babonye mu masomo, abandi bavugana ibyo bakoze mu biruhuko. Nge narebaga imbere ahababambitse umwenda watubuzaga kureba ibirimo gutegurwa, nkumva mfite amashyushyu yo kuhabona. Kera kabaye mbona wa mwenda ugiye wisunika, ukinguka.

Uko wagendaga ubambuka, ni ko nabonaga ingoma z'umubyimba unyuranye zihinguka, inyuma ya buri ngoma hahagaze umuntu ukenyeye umwenda w'umweru aniteye undi. Buri ngoma yari irambitseho uduti tubiri tubaje neza. Nabajije umunyeshuri twari twicaranye, arambwira ati: "Turiya duti batwita imirishyo, badukubita ku ngoma iyo bazivuza". Mu kanya gato ingoma ziba zitangiye kunihira.

Byari bishimishije kubireba. Ba bakaraza bajyaga ejuru, bagakubitira rimwe ingoma, bakizenguruka, bakongera bagakubita. Hagati harimo umukaraza umwe wabonaga yagowe. Yari afite akagoma gato mu mubyimba, ariko karekare. Yaragakubitaga, akakihaniza, akavangamo no gukubita ingoma nini zimuri iburyo n'ibumoso. Maze abandi bagakubita ingoma zabo basa n'abikiriza ibyo ateye. Nabajije mugenzi wange izo ngoma uko zitwa, ambwira ko ka kandi karekare ari inyahura kakaba kayobora imirishyo y'ingoma. Ingoma y'iburyo n'iy'ibumoso bw'inyahura zitwa ibihumurizo. Ibihumurizo ni zo ngoma ziruta izindi ubunini. Izikurikiraho yambwiye ko ari impuma. Impuma ziba ari nyinshi.

Hari akandi kagoma gato cyane haba mu mubyimba haba no mu burebure. Ako yambwiye ko kitwa ishakwe. Kukavuza ni ugushirika ubute kuko ukavuza adatuza. Ni na ko ngo gatangiza ingoma ari byo byitwa gusuka. Haciyeho imirishyo myinshi hanyuma barazicyura. Umuyobozi w'ishuri yahise afata ijambo atubwira ko izo ngoma ari izo kuduha ikaze mu gitaramo nyarwanda.

Akimara gusoza ijambo rye numva imbyino ziri mu majwi meza ziratewe, mbona abakobwa beza bakenyeye imishanana bambaye n'udupira dusa ndetse n'abasore bakenyeye utwenda tugufi dufite amabara n'incunda baraje babyina, bakaraga umubyimba, bikunda, bamwenyura, ukabona biryoheye amaso. Babyinnye imbyino nyinshi: imishayayo, imidiho, n'ikinimba. Hari ebyiri muri zo nabonye zifitemo ubuhanga burenze bwo kubyina no gukoma mu mashyi. Izo ni "bagore beza" na "benimana". Najyaga nzumva mu gitaramo cyo kuri radiyo nkumva ari nziza, ariko kubona aho bazibyina byo byambereye agahebuzo.

Abo bavuyeho haje umusaza ufite inanga ikiranuye neza. Yaducurangiye indirimbo ebyiri z'agahozo, ku buryo nahise numva ngomba kwiga gucuranga inanga nange. Haje n'ucuranga iningiri, ucuranga ikembe n'ucuranga umuduri. Nyuma haje umugabo n'umugore barasakuza. Bimwe mu bisakuzo bashakuje nari nzi kubyica, ibindi ngasanga ari ubwa mbere mbyumvise. Nyuma badukiniye umukino ugaragaza uko ubukwe bwa kera bwagendaga. Nasanze n'ubwo bifite aho bihuriye n'ubw'uyu munsi hari aho ubukwe bw'ubu bushyiramo ibya kizungu.

Nemera ko gutira atari bibi. Gusa umuntu agomba gutira ibyiza, ibibi akabireka. Ni byiza kandi ko dutira ibyo dukeneye, atari ibyo gusimbura ibyo umuco wacu wari wisanganiwe. Igitaramo cyashojwe n'umukino w'intore zihamiriza, zikunda, zica umugara, amayugi yazo wumva asohora urujyano rw'amajwi runyuze amatwi. Intore zitashye, umwenda urikinga, baradusezerera tujya kuryama. N'uyu munsi iyo nibutse icyo gitaramo numva nshaka kongera kukibona.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Umuntu ubara iyi nkuru ni muntu ki?
2. Iki gitaramo cyabereye he?
3. Ni iki cyatumaga agira amashyushyu kurushaho?
4. Rondora ibintu byari bigize kiriya gitaramo nyarwanda.
5. Niba warigeze kugera mu gitaramo, vuga icyo washimyemo n'icyo wagayemo.
6. Ibitaramo bya kizungu biramutse bimize ibyacu bya kinyarwanda wumva byaba bidutwaye iki nk'Abanyarwanda?
7. Wumva gutozwa gutarama ukiri muto byakumarira iki?

## II. Inyunguramagambo

1. **Simbuza ijambo cyangwa itsinda ry'amagambo y'umukara tsiri iryakoreshejwe mu mwandiko bihuje inyito.**
   a) Umukuru w'umudugudu **yahurije** hamwe abaturage ashinzwe bose.
   b) Twari twemeje ko igitaramo kitakibaye twigira mu bindi, **hashize umwanya munini** twumva umurishyo w'ingoma tumenya ko gitangiye noneho.
   c) Umunyarwandakazi wakereye ibirori akenyera **umwenda muremure** akitera kandi agatega urugori.
   d) Nge ndi **umuntu uvuza ingoma,** mvuza **akagoma gato cyane kurusha izindi**.
   e) Iyi nanga **iregeye** neza, ndumva ntarekera aho **kuyivuza**.
   f) Intore **zarabyinnye** karahava.

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Uyu mwandiko uravuga ku yihe nsanganyamatsiko?
3. Vuga ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko.

## IV. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Buri munyeshuri nahange umwandiko atange ibitekerezo ku ngingo y'igitaramo mu Rwanda rwo hambere n'ubu.

Andika umwandiko ntekerezo maze ugereranye uburyo bwo gutarama mu Rwanda rwa kera n'uko bikorwa muri iki gihe, unabitangeho ibitekerezo.

## Ibinyazina nyereka

Itegereze interuro zikurikira maze uvuge umumaro w'amagambo y'umukara tsiri.

**a)** Nabajije mugenzi wange uko **izo** ngoma zitwa.

**b)** **Turiya** duti batwita imirishyo.

**c)** Kera kabaye mbona **wa** mwenda ugiye wisunika.

**d)** **Ba** bakaraza bajyaga ejuru, bagakubitira rimwe ingoma.

**e)** N'**uyu** munsi iyo nibutse **icyo** gitaramo numva nshatse kukibona.

**f)** **Zirya** mbyino twumva kuri radiyo mu gitaramo ushobora kuzirebera abantu bazibyina.

**g)** **Uno** mwana yanyuzwe n'**ubu** buhanga bwo gucuranga inanga.

### Inshoza y'ikinyazina nyereka

Ikinyazina ni ijambo rihinduka, ricibwamo uturemajambo. Kijyana n'izina cyangwa kikarisimbura kandi iyo kirisimbuye kikaba gifite umumaro umwe nk'uw'iryo zina. Ikinyazina gishobora kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi, ariko hari n'ikigira indangakinyazina n'igicumbi gusa.

Ikinyazina nyereka ni ikinyazina kerekana izina giherekeje cyangwa kikaryibutsa. Ikinyazina nyereka gishobora kwerekana ibintu biri ahantu hatandukanye akaba ari yo mpamvu kigabanyijemo ibyiciro bitandatu bitewe n'aho icyo kerekana giherereye. Hari ibifite ibicumbi ( - no, - o, - riya, - rya, - a. Hari n'ikindi gifite igicumbi - ɸ cyo ku rwego rwa uyu, aba, iki...)

### Uturango tw'ikinyazina nyereka

#### a) Ikiciro cya mbere

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi cyane y'abavugana. Ibi binyazina ntibigira igicumbi mu mwanya w'igicumbi bakoreshwa ikimenyetso "ɸ". Intego yacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi(ɸ). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – ɸ.**

**Ingero:**

- **Iki** gitaramo kirashyushye.
- **Uyu** munsi.

#### b) Ikiciro cya kabiri

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uvuga. Ibi binyazina bigira igicumbi

–**no**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (-no). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Kino** gihe turimo igitaramo cyarahindutse.
- **Uno** mwana yanyuzwe

### c) Ikiciro cya gatatu

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kiri hafi y'uwo babwira. Ibi binyazina bigira igicumbi **– o**. Intego yacyo ni indomo, indangakinyazina n'igicumbi (**- o**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **D – Rkz – C.**

**Ingero:**

- Nibuka **icyo** gitaramo nkashaka kukireba.
- **Abo** bakaraza bikozaga ejuru.

### d) Ikiciro cya kane

Kigizwe n'ibinyazina byerekana ikintu kitaruye abavugana bombi. Ibi binyazina bigira igicumbi **– riya**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**- riya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Turiya** duti twitwa imirishyo.
- Urabona **kuriya** kuntu intore zihamiriza!
- **Uriya** mukobwa abyina neza.

### e) Ikiciro cya gatanu

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba basanzwe baziranyeho cyangwa se nanone baba barigeze kuvuganaho. Iki kinyazina kigira igicumbi **– rya**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**- rya**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C.**

**Ingero:**

- **Zirya** mbyino zaratunyuze.
- **Irya** ngoma nto yitwa inyahura.

### f) Ikiciro cya gatandatu

Kigizwe n'ibinyazina byibutsa ikintu abavugana baba barigeze kuganiraho cyangwa kubonera hamwe. Ibi binyazina bigira igicumbi **– a**. Intego yacyo ni indangakinyazina n'igicumbi (**-a**). Mu mpine byandikwa muri ubu buryo: **Rkz – C**

**Ingero:**

- **Ba** bakaraza bikozaga ejuru.
- Mbona **wa** mwenda ugiye wisunika.

**Intego y'ikinyazina nyereka**

Intego y'ikinyazina nyereka muri rusange igizwe n'uturemajambo tubiri ari two indangakinyazina n'igicumbi; icyakora ibinyazina byo mu kiciro cya mbere bigira indomo, indangakinyazina n'igicumbi -ɸ naho ibyo mu kiciro cya gatatu bikagira uturemajambo dutatu ari two indomo, indangakinyazina n'igicumbi.

Dore zimwe mu ngero z'ibinyazina nyereka zisesenguye mu nteko zimwe na zimwe:

| Ingero mu nteruro | Intego | Amategeko y'igenamajwi |
|---|---|---|
| **Ikiciro cya mbere** | **D - Rkz - ɸ** | |
| – **Iki** gitaramo kirashyushye. | i – ki – ɸ | Nta tegeko. |
| – **Uyu** munsi | u - yu - ɸ | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya kabiri** | **Rkz – C** | |
| – **Kino** gihe turimo. | ki – no | Nta tegeko. |
| – **Uno** mwana yanyuzwe | ha - no | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatatu** | **D - Rkz – C** | |
| – Nibuka **icyo** gitaramo. | i – ki – o | i→ y /- J  ky→ cy mu nyandiko. |
| – **Abo** bakaraza bikozaga ejuru. | a - ba - o | a→ ɸ /- J |
| **Ikiciro cya kane** | **Rkz - C** | |
| – **Turiya** duti twitwa imirishyo. | tu - riya | Nta tegeko. |
| – Urabona **kuriya** kuntu intore zihamiriza! | ku - riya | Nta tegeko. |
| – **Uriya** mukobwa abyina neza. | u - riya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatanu** | **Rkz - C** | |
| – **Zirya** mbyino zaratunyuze. | zi - rya | Nta tegeko. |
| – **Irya** ngoma nto yitwa inyahura. | i - rya | Nta tegeko. |
| **Ikiciro cya gatandatu** | **Rkz - C** | |
| – **Ba** bakaraza bikozaga ejuru. | ba – a | a→ ɸ /-J |
| – Mbona **wa** mwenda ugiye wisunika | u – a | u→w /-J |

**Imbonerahamwe y'ibinyazina nyereka**

| | **Ibicumbi** | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| **Inteko** | **ϕ** | **-no** | **-o** | **-riya** | **-rya** | **-a** |
| nt. 1 | uyu | Uno | uwo | uriya | Urya | wa |
| nt. 2 | aba | bano | abo | bariya | barya | ba |
| nt. 3 | uyu | uno | uwo | uriya | urya | wa |
| nt. 4 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 5 | iri | rino | iryo | ririya | rirya | rya |
| nt. 6 | aya | ano | ayo | ariya | arya | ya |
| nt. 7 | iki | kino | icyo | kiriya | kirya | cya |
| nt. 8 | ibi | bino | ibyo | biriya | birya | bya |
| nt. 9 | iyi | ino | iyo | iriya | irya | ya |
| nt. 10 | izi | zino | izo | ziriya | zirya | za |
| nt. 11 | uru | runo | urwo | ruriya | rurya | rwa |
| nt. 12 | aka | kano | ako | kariya | karya | ka |
| nt. 13 | utu | tuno | utwo | turiya | turya | twa |
| nt. 14 | ubu | buno | ubwo | buriya | burya | bwa |
| nt. 15 | uku | kuno | uko | kuriya | kurya | kwa |
| nt. 16 | aha | hano | aho | hariya | harya | ha |

**Ikinyazina nyereka mpamya**
Ibinyazina nyereka byo mu itsinda **uyu, uriya, uwo**... bishobora kwifashisha akaremajambo ng- gashobora gufata inyajwi isa n'iyo ku ndangasano mu gihe nta ndomo icyo kinyazina gifite. Ako karemajambo gafite inyito ihamya ni yo mpamvu byitwa mpamya.

**Ingero:**

| | | |
|---|---|---|
| Nguyu | ng - u – yu – ϕ | Nta tegeko. |
| Ngiki | ng - i – ki - ϕ | Nta tegeko. |
| Nguriya | ng – u – riya | u→ϕ/-J |
| Ngikiriya | ngi – ki - riya | Nta tegeko. |
| Nguwo | ng - u – u – o | u→w/-J |
| Ngicyo | ng - i – ki – o | i→ y/-J; ky→ cy mu nyandiko |

**Ikitonderwa:**

Ibinyazina bifite ibicumbi -no, -ryo na -a ntibyemera gukorana n'aka karemajambo (ng-). Ingero: Ntibavuga: ngurya, nguno...

## Umwitozo ku binyazina nyereka

**Shaka ibinyazina nyereka muri uyu mwandiko, hanyuma usesenguremo uturemajambo, unavuge inteko birimo.**

Habayeho umugore n'umugabo babyarana umwana w'umukobwa bamwita Nyirakandengu. Uyu mukobwa yabyirukanye uburanga maze amaze kuba inkumi abasore benshi batangira gusimburana bamurambagiza. Uwa mbere yarahageze, umukobwa ati: «Wowe ntiwaba umugabo wange!» Icyo gihe yabivugaga akangwa na bwa bwiza Imana yari yaramuhereye ubuntu. Umusore wa kabiri we yari abyibushye cyane afite n'imbaraga. Yaje azi ko rwose Nyirakandengu atamubenga. Agituruka kure, wa mukobwa aba yamurabutswe kare, ati: «Uriya muhungu ntakamvugishe!» Hafi aho hari icyanzu, akihinamo, handuruka we!

Nyamusore ahageze abura cyakira, arikubura arataha. N'abandi basore bagiye baza yagiye abasuzugura atyo. Bukeye abasore bateranye baganira ku mukobwa wigize kabushungwe. Umusore umwe ati: "Ngewe nazana Nyirakandengu". Abandi bati: «Aka gahungu nta soni kagira! Umukobwa wabenze abahungu b'intarumikwa ni wowe yakwemera?» Undi ati: «Tubitegere, kandi nzamuzana nkukane ibihembo byange.» Bukeye umuhungu yihindura agatosho, arihirika ajya iwabo wa Nyirakandengu.

Agihinguka mu marembo, Nyirakandengu ati: «Urashaka iki kabuye gatembera mu ngoro, ingoma zavugije imirishyo?» Akabuye kati: «Ndashaka Nyirakandengu umukobwa wabenze cyane, mfungurira.» Karagiye kidundarika ku ntebe ya se wa Nyirakandengu. Se w'umukobwa ahageze, umukobwa amutekerereza uko byagenze, se ati: «Kariya kabuye uragakurikira wa mukobwa we si nge wakubwiye kubenga. Genda utazankururira ishyano…

## Ibyivugo

**Soma ibika bikurikira ubigereranye n'ibindi usanzwe usoma.**

**1.** "Inshyikanya ku mubiri ya Rugema ahica"
Icumu ryera ikigembe nariteye Umuhima kuri Gakirage
Akirangamiye ubwiza ndarimugabiza riramugasha nk'ubukombe bw'intare
Mbonye ko rimubaga ndamushinyagurira
Nti: "Aho ga si wowe wenyine, n'uw'i Bunyabungo ni uko namugize".

***Cyahimbwe na Gahunde ka Nyakaja***

2. Intwari igaruka bahunga ya Rukangamiheto
   Ingabo idashishwa n'abayirasa
   Yangombye imisare sinayisigira umugaragu.
   Nyendanye n'amacumu mberako isibo
   Intoki ziyisangwa mu gifunga
   Imfura irema urugamba sinayicarana mu nteko
   Induru ivugije abakoni ndamaga njya kuyishakira intambara
   Irakariye abatwara imikore sinayikoma imbere
   Mbonye ko nzabikundirwa imbaraga iranjyana mbaganamo
   Uwababeraga indongozi nkinga musanga
   Sinareka asubira mu babo [...]

***Cyahimbwe na Rubibi rwa Kayiru***

## Uturango tw'ibyivugo:

Ikivugo kirangwa nuko umuvugo umuntu yiratamo ubutwari cyangwa akamaro yagize. Ibikorwa bivugwamo bishobora kuba byarabaye cyangwa ari ibihimbano. Ikivugo kivugwa umuntu asukiranya amagambo kandi afatiye agakoni mu kirere yiyereka umubyimba. Umuntu ashobora kwihimbira ikivugo cyangwa akagihimbirwa n'undi abisabye. Ku byerekeranye n'ikeshamvugo, usanga ibyivugo byiganzamo isubirajwi n'isubirajambo kandi bigakoreshwamo amagambo y'indobanure.

Kubera ko uyu munsi ikigambiriwe atari ukurasanira Igihugu ku rugamba ruvusha amaraso; ahubwo ari ukukirasanira ku rugamba rw'iterambere n'urwo kwihesha agaciro, ibyivugo by'ubu byagombye kubamo amagambo y'indobanure aganisha ku bikorwa byo kurwanya no kwivana mu bukene no guharanira ko n'abandi babigeraho, ndetse n'aganisha ku byo kwimakaza indangangaciro z'umuco wacu.

## Urugero rw'ikivugo cy'ubu:

Imena mu baterura isuka ya Rudasigarinyuma mu bashaka iterambere,
Ndi indongozi mu bashaka inyungu,
Inyamibwa mpimbaza amabanki,
Nshore nunguke nayigize intego.
Sinzarira mu kazi, inzangano n'amatiku nabigize ikizira,
Nzira abanebwe babunza amagambo,
Aho gushaka akazi ngo biteze imbere.
Nahinze amasaka amasoko aransingiza,

Abana bati: «Imena ya Rudasigarinyuma atumye tumera neza,
Nti: «Nimuhumure ndacyasizanira kugeza ibiribwa ku masoko
N'ibitari amasaka bizahasesekara.»

***Cyahimbwe na Hagumuburame bwa Mukurira***

## Umwitozo ku byivugo

Himba ikivugo cyawe bwite kigaragaza ubutwari mu bikorwa ukivugire imbere y'abandi.

## Uturingushyo

**Igare**

Iri gare mujya munyonga
Mukarinyonga inshuro nyamwinshi
Ridaciriwe n'urubanza
Reka mbabwire uko naribonye
Rigira amahembe ariko ntiryica
Rigira amasasu atagira imbunda
Rigira umunyururu nta ngororwa
Rigira ikiboko nka ba bandi
Rigira imipira ritifubika
Rigira ibirenge bitigenza
Rigira umusingi ariko inkwi nta zo
Rigira n'inkingi nk'inzu ya kera.
Rigira ifarasi itagira ubwoya
Rigira inanga ridacuranga
Rigira imashini itadoda ikanga
Rigira n'inzogera, ryagutura zikirenga
Rigira sitade ikarihagarika
Iritayigira ni "mfashanyare"
Ryasaza ngo ni "kajaganya"
Irishya ryo ryitwa "mutongoro".
Rigira intebe imbere n'inyuma
Rikanaheka ariko ntiryonse
Kandi nta ngobyi naribonanye
Ntirinavuka bararihanga.

**Imfura**

Imfura ni iyo musangira ntigucure
Mwajya inama ntikuvemo,
Waterwa ikagutabara
Wapfa ikakurerera,
Kuba ukize ntusuzugure ukennye
Wasonza ntiwibe.

**Ibitotsi**

Ibitotsi ni ibiragi, bigomba ibirago,
Usinzira utiziguye
Uwazindutse akagusumbya akantu!

Ijoro ni intati, rikaba intambara,
Ryageza igihe k'igicuku rikagucuragiza,
Impyisi igatera, umurozi akaza!

**Ibijumba**

Imbuto ya mbutuye abahange ya nyiramirenzo,
Iyo mbuto iramamaye mu kotswa!
Bayirimira intebu,
Bakayikura mu ntaba,
Bakayuzuza mu ntebo,
Ikava ikuzimu yirabye inzarwe,
Igatsinda inzara y'abana,
Igasibya ba nyina gusya!

**Ubukene**

Ese umpoye iki ruhu rwange?
Ko amambere twajyanye i Nyabitare,
Watanyuka nkaguteza ikiremo,
Gusaba uwo munganya ububabare,
Ni ugusiga irembo ugaca mu cyanzu
Inzoga ya ngeso yanga ababo,
Aho kuyivumba nzayiva hambavu!

**Cyumbati, Cyumbati, Cyumbati!**

Cyumbati k'ikivunde
Bokereza umusaza
Umusore agasukuma
Umukecuru akayabamba.

Kimpe nkirire
Cyo kabura ubugingo
Kimpe kitakwica
Cyo kabura amagara!

### Uturango tw'uturingushyo

Uturingushyo turangwa n'utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko ukuri bafite ku mutima bakakuvugira muri ayo mashyengo. Dutoza abana gufata mu mutwe no kumenya kuvuga badategwa kandi bagaragaza isesekaza.

### Umwitozo ku turingushyo

Tanga urugero rw'akaringushyo twize utagasoma, ukavuge udasoma kandi udategwa.

## Amagorane

Amagorane ni imvugo yuje isubirajwi ikoresha amagambo y'indobanure maze kuyakurikiranya bikagorana, cyane iyo uyavuga ashatse kuyasubiramo yihuta. Uko kugorana bayavuga ni byo bituma bayita amagorane.

**Ingero:**

1. Isha y'umushi y'ishashi ishotse icitse ijosi.
2. Ta izo njyo uze urye izi nzuzi.
3. Buri muntu asanzwe azi ijwi rye.
4. Birazwi ko Karisa arusha se ijwi.
5. Imbogo irarisha imboga imbere y'ingoro y'umwami.
6. Ejo nishe ibibiribiri bibiri
   None nishe ibibiribiri bibiri
   Hari umugabo wo kwica ibibiribiri bibiri
   Bya Nyirabibiribiribibiri.
7. Genda Ruri uri Ruri.
8. Ibibiribiri bibiri bya nyirabibiri biri mu murima wa Mubirigi.
9. Maze amata masa amaze amasaha.

### Uturango tw'amagorane

Amagorane arangwa n'interuro zubatse ku buryo amagambo azigize yenda gusa mu mivugirwe kandi akagenda asimburana ku buryo kuvugishwa byoroshye. Kuyavuga neza bisaba kugororokerwa mu bwonko. Agamije gutoza umuntu gufata mu mutwe no kudategwa mu magambo.

## Umwitozo ku magorane:

Fata mu mutwe amagorane wasomye, maze uyasubiremo kenshi imbere y'abandi udategwa.

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa munani

Muri uyu mutwe wa munani harimo imyandiko iganisha ku nsanganyamatsiko y'imyidagaduro. Bigaragara ko imikino n'imyidagaduro ari ngombwa mu buzima bw'umuntu. Muri uyu mutwe kandi dusangamo ibisakuzo bifasha gufindura no gufata mu mutwe. Dusangamo kandi urwenya rufasha abantu gusabana baseka, ariko kandi no kunenga ibitagenda neza bikaziramo. Harimo nanone ibyivugo, uturingushyo, amagorane byose bikaba inganzo zibumbatiye umuco wo gutarama mu Kinyarwanda dutoza abantu kuvuga neza no gufata mu mutwe.

Muri uyu mutwe dusangamo ikinyazina nyereka. Ikinyazina nyereka kigira ibyiciro bitandukanye biri mu nzego: uyu, uno, uwo, uriya, urya na wa.

## Isuzuma risoza umutwe wa munani

Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.

**Umwandiko: Igikona, inyange n'umukecuru**

Kera hariho igikona n'inyange byarika hamwe, bikajya bijyana gutora bikanatahira rimwe mu byari byabyo. Bukeye igikona kirabyara kibyara abana basa nabi cyane. Inyange na yo ibyara abana beza by'agahebuzo. Igikona kiti: "Nge nabyaye ibyana bibi nzabijugunya maze ntware bariya bana b'inyange".

Nuko buracya inyange igenda igiye gutora, igikona kisigaza mu rugo kitoratoza. Igikona gifata abana b'inyange kiriruka gisiga ibyana byacyo aho ngaho. Igikona kigera mu ishyamba kihasanga umukecuru wari ufite ubumuga atagira ukuboko kumwe n'ukuguru kumwe. Kiti: "Yewe wa mukecuru we, mbikira aba bana bange". Umukecuru arabakira abaha amata, aranabaryamisha, bararuhuka.

Inyange na yo uwo munsi ntiyatora kure, igaruka bwangu, igeze mu cyari isanga harimo abana b'igikona. Ifumyamo iriruka, igeze mu ishyamba ibona abantu batashya inkwi, iti:

"Yemwe mwa batashyi mwe
Mwo gatashya kera mwe,
Nta gikona nyamunobo kinobagira
Gihetse abana babiri batoshye
Gisize abacyo b'inyamunwandi?"

Abatashyi bati: “Ngicyo kirahise”. Nuko inyange irakomeza, igera aho abahinzi bahinga, itangira kuririmba, iti:

“Yemwe mwa bahinzi mwe
Mwo gahinga kera mwe,
Nta gikona nyamunobo kinobagira
Gihetse abana babiri batoshye
Gisize abacyo b’inyamunwandi?”

Bati: “Ngicyo kirahise komeza ugende”. Inyange irakomeza, yigiye imbere isanga wa mukecuru, iramubaza iti: “Ese wa mukecuru we ntiwandangira umuntu unyibiye abana?” Umukecuru ati: "Hoshi ngwino nge kukwereka". Igikona cyari kikicaye aho kiruhuka kuko cyari cyagenze urugendo rurerure. Bageze mu rugo, igikona kibabonye gishya ubwoba.

Umukecuru yereka inyange abana igikona kizanye, igikona kiratsimbarara ngo ni abacyo. Umukecuru ati: “Ubwo mwembi mwemeza ko abana ari abanyu, ngaho nimuge hariya mwembi muri uriya mukungugu washyuhijwe n’izuba mwigaraguremo ndababwira. Inyange iremera, ariko igikona kiranga ngo kidashya. Umukecuru agira amakenga.

Umukecuru ati: “Ngaho nimuge hejuru y’inzu murwanireyo, utsinda undi arabona abana be”. Igikona kiranga ngo inzu idasenyuka. Umukecuru atahura ko abana ari ab’inyange ariko ashaka amayeri yo kugira ngo inyange ibone abana bayo. Nuko abaha intego ya kabiri. Umukecuru ati: “Nimwende ibivomesho muge kuvoma kandi mubanguke, utanga undi hano kandi afite amazi aze atware abana be.” Inyange ihabwa ikibindi kizima naho igikona gitwara urutete. Inyange n’igikona bishyira nzira, biragenda biravoma. Inyange iravoma irataha naho igikona kikavoma bihita. Kirakomeza kirahanyanyaza ariko biranga biba iby’ubusa.

Inyange igeze ku mukecuru ayiha abana bayo, irigurukira iritahira. Igikona na cyo aho gitahukiye kiza kitotomba kiti: “Mvoma bihita, mvoma bihita!” Kigera mu rugo cyamwaye. Umukecuru ati: “Subirayo”. Gisubirayo kiravoma, cyagera haruguru amazi agashiramo. Kigasubirayo cyagera haruguru amazi agashiramo. Nuko kiratagangara kitura mu iriba kimira nkeri.

Si nge wahera, hahera igikona n’ubugome bwacyo.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko:

1. Uyu mwandiko uri buhe bwoko bw'imyandiko? Kubera iki?
2. Ni ba nde bavugwa muri uyu mwandiko?
3. Ni iki cyatumye igikona kiba abana b’inyange?
4. Kimaze kunanirwa, igikona cyashyize he abana b’inyange?

5. Ni iki cyatumye umukecuru yemeza ko abana ari ab'inyange koko?
6. Garagaza amayeri umukecuru yakoresheje ahima igikona.
7. Uyu mugani ugusigiye irihe somo ry'ubuzima?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo akurikira unayakoreshe mu nteruro ngufi kandi ziboneye.**

a) Gutsimbarara

b) Guhanyanyaza

c) Kwitotomba

d) Urutete

**2. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ayo bihuje igisobanuro.**

a) Irukana icyo **gikona** kitanyonera ubunyobwa.

b) Inyange igaruka **bwangu**, isanga mu cyari harimo abana b'igikona.

c) Umujura yabonye umuporisi **agira** ubwoba.

d) Uvomera mu rutete avoma **bimeneka**.

**3. Simbuza amagambo y'umukara tsiri ayo binyuranyije igisobanuro.**

a) Igikona **giheka** abana b'inyange kiragenda.

b) Nuko inyange **ikomeza** urugendo.

## III. Ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi

**1. Shaka ibinyazina nyereka mu nteruro zikurikira maze ubishakire uturemajambo ugaragaze n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

a) Iki gikona n'iyi nyange bivugwa, mbere byari bibanye neza.

b) Kino gikona cyatwaye abana b'inyange, gisiga abana bacyo aho.

c) Ngicyo kirahise, komeza ugende.

d) Igikona cyageze harya mu ishyamba cyananiwe.

e) Ndabona kiriya gikona cyarashakaga guhemukira inyange.

f) Umukecuru yasubije ba bana b'inyange nyina.

**2. Tanga inshoza y'igisakuzo unatange nibura n'ingero enye z'ibisakuzo waba uzi.**

**3. Tanga urugero rw'akaringushyo k'abasizi waba uzi.**

# 9 Iterambere ry'urugo

## Umwandiko: Uruhare rw'ibihingwa ngandurarugo mu kwihaza mu biribwa



Biragoye kuvuga ku iterambere ry'urugo tudahereye ku kwihaza mu biribwa ngandurarugo kuko ari byo shingiro ry'iterambere. Ibihingwa ngandurarugo ni ibishyimbo, amasaka, amashaza, imyumbati, ibijumba, amateke... Mbega ni ibihingwa byose bihingirwa gutegurwamo amafunguro atunga urugo. Akamaro kabyo ni kanini cyane kuko bidahinzwe abantu ntibabona ibibatunga.

Mu bihingwa ngandurarugo harimo ibinyamisogwe. Mu kwera kwabyo birayanga, hanyuma ahari indabo hakaza imisogwe. Iyo misogwe iyo ikuze izanamo imbuto. Iyo byeze birahisha, bigasarurwa, bikanikwa, byakuma bigahurwa cyangwa bigatonorwa. Imbuto zivuyemo ni zo zitekwa zikavamo amafunguro. Ibi bifite akamaro kuko bituma

umubiri wacu ubona ibiwubaka bihagije. Muri byo twavuga nk'amashaza, ibishyimbo, soya... Kubibura ku ifunguro ni ikosa kuko bifitiye umubiri akamaro kadasimburwa. Ifunguro ry'Umunyarwanda ritariho ibishyimbo akenshi usanga ridashamaje.

Ibindi ni ibinyabijumba. Ibinyabijumba byerera mu butaka. Kubera ko ibinyabijumba bikungahaye ku masukari, bitera imbaraga umubiri. Ibindi bigira amido na yo ikenerwa cyane. Mu binyabijumba twavuga ibijumba, ibirayi, imyumbati, amateke, ibikoro n'ibindi. Mu mafunguro y'Abanyarwanda, ibinyabijumba bifata umwanya munini, ibindi biribwa bikaza bibiherekeje. Usanga umuntu ukijijwe n'ubuhinzi bamwita umukungu. Ibinyabijumba ariko ubona bikeneye uburyo bwa kijyambere bwo kubihunika kugira ngo umusaruro wabyo udapfa ubusa. Usibye imyumbati y'imivunde ishobora kwanikwa igahunikwa cyangwa igasheshwa ikabikwa ari ifu, ibindi binyabijumba ubona bigoye kubihunika.

Ibindi bihingwa ngandurarugo ni ibinyampeke. Mu kwera kwabyo na byo birayanga ariko ntibigira imisogwe ahubwo bigira impeke zitondetse ku giti. Ibinyampeke na byo bigira amasukari, bityo bijya mu bitera imbaraga umubiri wacu. Muri byo twavuga nk'amasaka, ibigori, uburo, umuceri n'ibindi. Kimwe n'ibinyabijumba, ibinyampeke bifata umwanya munini mu mafunguro y'Abanyarwanda. Tubirya mu mitsima, mu migati, tukabinywamo igikoma, ibindi nk'umuceri tukabirya uko byakabaye. Ibinyampeke byo ntibigora ihunika kuko byanikwa, bikabikwa byumye. Bishobora kandi gusebwamo amafu, agashyirwa mu mifuka, agahunikwa.

Imboga n'imbuto kandi na zo ziri mu bihingwa ngandurarugo. Akamaro kazo mu mafunguro ni ugutanga ibirinda indwara. Zigomba guhingwa cyane rero kandi zikaribwa kugira ngo abantu bagire ubuzima buzira umuze. Mu mboga twavuga dodo, amashu, ibihaza, inyanya, isogi, karoti, ibitunguru, tungurusumu, intoryi, epinari n'izindi. Mu mbuto ho twavuga amapera, amapapayi, amacunga, amatunda, ibinyomoro, inanasi, indimu n'izindi. Imboga n'imbuto ntibihunikika. Ibyiza ni ukubitegura ku mafunguro bigisoromwa. Iyo bitinze bitakaza ubuziranenge.

Nk'uko bigaragara rero ibihingwa ngandurarugo bigomba guhingwa ku bwinshi, bikaboneka ku masoko kugira ngo bidakomeza guhenda. Ibyo byatuma Abanyarwanda barya indyo yuzuye, ifite ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ibihingwa ngandurarugo birimo ayahe moko?
2. Ibishyimbo biri mu buhe bwoko bw'ibihingwa ngandurarugo kandi bimariye iki umubiri w'umuntu?
3. Vuga icyo ibinyabijumba bihuriyeho n'ibinyampeke unavuge icyo bitandukaniyeho.
4. Ni ibihe bibazo ubona biri mu buhinzi bw'ibihingwa ngandurarugo? Ibyo bibazo wabishakira uwuhe muti?
5. Kugira ngo ibihingwa ngandurarugo biboneke ku bwinshi wumva hakorwa iki?

## II. Inyunguramagambo

**1. Simbuza aya magambo aciyeho akarongo andi bivuga kimwe.**

a) Ifunguro ry'Umunyarwanda ritariho ibishyimbo usanga ridashamaje.

b) Ibinyabijumba bikungahaye ku masukari.

**2. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) Imivunde b) Ubuziranenge c) Guhunika

d) Ifunguro e) Umuze

## III. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye.

**1. Uzuza interuro zikurikira ukoresheje amagambo yakoreshejwe mu mwandiko.**

a) Kurya ……yuzuye bituma umuntu amererwa neza.

b) Imboga n'imbuto birinda umubiri wacu…………..

c) Ibihingwa ……..ntibigombera kujya mu nganda kugira ngo bikoreshwe.

d) Ibigori si ibinyabijumba ahubwo ni……………..

## IV. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandiko.

1. Ni iyihe nsanganyamatsiko ivugwaho mu mwandiko?
2. Shaka ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigaragara mu mwandiko.
3. Ku bwawe urumva inyito y'ibihingwa ngandurarugo yarakomotse kuki?

## V. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

a) Mubona ibihingwa ngandurarugo bimaze iki mu buzima bw'abantu?

b) Ni izihe ngamba zafatwa ngo ibihingwa ngandurarugo biboneke ku bwinshi?

## Ubutinde bw'imigemo

Itegereze amagambo abiri y'umukara tsiri ari mu nteruro zibangikanye, hanyuma uvuge aho atandukaniye mu mivugirwe yayo.

1. Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. Uno muntu **umuzi** hehe ?
2. **Utaka** ubabaye / **Utaka** inzu ngo ise neza.
3. **Ibaze** ikibazo maze wisubize / Ino nkoko **ibaze** neza, ntikurushya kuyiteka.

### Inshoza y'umugemo

Iyo umuntu avuze ijambo yitonze, yiyumvisha ibice bigize iryo jambo, kuko buri gice cyumvikana kivuzwe inshuro imwe ishyitse. Igice kimwe mu bigize ijambo kitwa umugemo. Umugemo ushobora kuba inyajwi iyo itangira ijambo. Ariko ingombajwi, n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo batabitwereye inyajwi. Bityo rero usanga inyajwi ari yo shingiro ry'umugemo.

**Urugero:**

- Umugabo **u/mu/ga/bo** iri jambo rifite imigemo ine.
- Impaka **i/mpa/ka** iri jambo rifite imigemo itatu.

### Gusoma imigemo itinda

Mu kinyarwanda, umugemo ushobora kuvugika ubangutse cyangwa utinze. Ni ukuvuga ko aho umugemo ubangutse batahatinda ariko aho umugemo utinda n'ubundi ijwi usanga rihatinda. Uku gutinda cyangwa kubanguka kw'inyajwi z'imigemo igize ijambo ni byo mu Kinyarwanda bita **ubutinde**.

**Urugero:**

- **Inkoranya:** imigemo igize iri jambo nta n'umwe utinda; imigemo yose irabangutse.
- **Urukundo:** mu gusoma iri jambo byumvikana ko ijwi ribanguka kuri **u** na **ru** twagera kuri **kuu** tugatinda maze kuri **ndo** nabwo ijwi rikabanguka.
- **Umwambi:** muri iri jambo birumvikana ko umugemo wa kabiri utinda.

## Kwandika imigemo itinda

Mu nyandiko ya gihanga, umugemo ubanguka wandikwa n'inyajwi imwe naho utinda ukandikwa n'inyajwi ebyiri.

**Urugero:**

- Inkoranya
- Urukuundo
- Umwaambi

Mu kinyarwanda amagambo ashobora guhuza ishusho cyangwa imisusire, ariko ntahuze ibisobanuro biturutse ku kudahuza ubutinde bw'imigemo.
Urugero:

- Gutara (ibitoki) ≠ gutaara (amakuru)
- Guhuma (amaso) ≠ guhuuma (kw'impyisi)

Ubutinde n'imigemo bifite agaciro kuko imihindagurikire yabyo ishobora gutuma igisobanuro k'ijambo gihinduka. Twibuke ko mu Kinyarwanda:

- Umugemo ubangutse wandikwa n'inyajwi imwe.

  **Urugero:** umuriro, akagabo, urugo, ikibonezamvugo
- Umugemo utinda wandikwa n'inyajwi ebyiri zisa.

**Urugero:**

| | |
|---|---|
| **1.** Uno mwumbati ufite **umuzi** munini. | **U**m**u**z**i** |
| Uno muntu **umuzi** hehe ? | **U**m**uu**z**i**. |
| **2.** **Utaka** ubabaye. | **U**t**a**k**a**. |
| **Utaka** inzu ngo ise neza. | Ut**aa**k**a**. |
| **3.** **Ibaze** ikibazo wisubize. | **I**b**a**z**e**. |
| Ino nkoko **ibaze** neza. | **I**b**aa**z**e**. |

## Umwitozo ku butinde bw'imigemo

Umunyeshuri akore neza umwitozo ku butinde bw'imigemo.


1. Andika amagambo akurikira mu nyandiko ya gihanga (igaragaza ubutinde bw'imigemo).

   a) Umusemburo b) Akabati c) Amariba.

   d) Umurenge e) Inyabutongo.

2. Shaka amagambo atanu ahuje imigemo ariko agatandukanywa n'ubutinde hanyuma uyakoreshe mu nteruro, uyandike wita ku butinde bwayo.

## Umwandiko: Akamaro k'imboga



*(Umujyanama w'ubuzima yatumije inama y'abaturage b'Umudugudu wa Kageyo, abagira inama ku kamaro k'imboga). Dore ikiganiro bagiranye :*

**Umujyanama**: Mwaramutseho mwese?

**Abitabiriye inama**: Waramutse nawe Mujyana?

**Umujyanama**: Ubushize dukora inama nk'iyi hari gahunda twavuzeho. Ni nde wayitubwira? Kayitesi ngaho tubwire.

**Kayitesi**: Murakoze. Ubushize twari twavuze ku ndyo yuzuye. Tubona ko igizwe n'ibyubaka umubiri, ibitera imbaraga n'ibirinda indwara. Uyu munsi twaganira ku birinda indwara, kuko ibyubaka umubiri n'ibitera imbaraga twarabiganiriye.

**Umujyanama**: Arakoze Kayitesi kuba atunyuriyemo ibyo twaganiriye ubushize akaba anakomoje ku cyo twageneye ibiganiro by'uyu munsi. Mureke rero mbibarize. Ko avuze ko tuganira ku birinda indwara, ni mu bihe biribwa twabisanga? Ngaho Gasirabo tubwire.

**Gasirabo**: Nkurikije uko nabyumvise babivuga, imboga n'imbuto ni byo bitanga ibirinda indwara. Gusa ndashaka gusiganuza uko bigenda.

**Umujyanama**: Arakoze Gasirabo, mumumpere amashyi. Koko imboga n'imbuto ni zo zitanga ibirinda indwara. Nyamara usanga iwacu mu giturage umuntu ateka

imboga ari uko ibishyimbo byakendereye**.** Wagira ngo imboga ni izo kumara inzara gusa nta kandi kamaro zigira.

**Kayitesi**: Yego disi! Iwacu twari abakungu, ugasanga nta na rimwe turya imboga kubera ko twahoranaga ibishyimbo mu mutiba. Mbega ubujiji!

**Madandi**: Mureke nange nibarize umujyanama. Ubu koko umusaza nkange najya kwasamira imboga rwatsi ndeba ibishyimbo? Mba ndoga Rukimbira sinazikurira!

**Umujyanama**: Sigaho Madandi ntukarahire mu bintu utabanje gushishozaho! Nk'uko Kayitesi yabivuze, kera abantu bapfaga kurya batitaye ku ntungamubiri ziri mu biribwa barya bitewe n'ubujiji. Ni yo mpamvu tutarenganya umusaza Madandi. Ariko uyu munsi tugomba kurya ibintu tuzi icyo bimariye umubiri wacu. Nk'imboga rwatsi tugomba kuzirya kuko ari zo zivamo imyunyu ngugu na vitamine zose umubiri ukeneye. Izo vitamine n'iyo myunyu ngugu ni byo birinda umubiri wacu indwara z'amoko yose. Niba ushaka kwirinda no kurinda abawe rubagimpande, kanseri y'amara, ubuhumyi n'izindi ndwara, imboga rwatsi ntizikabure ku ifunguro ryawe rya buri munsi. Tubyumvikanyeho?

**Madandi**: Bana bange mwarize. Nta ho muhuriye natwe. Muge muduhugura turebe ko twarwanya izabukuru. Ningera mu rugo ndabwira umwuzukuru wange ko noneho antekeye imboga nazirya. Ntizizongera kubura ku ifunguro ryange mba nkuroga mujyana!

**Umujyanama**: Ikindi mugomba kumenya ni uko imboga rwatsi kugira ngo zigire akamaro kazo ko kurinda indwara zitagomba gushya ngo zihwane. Ubundi umuntu yakazirirye aho zidatetse. Hari n'iziribwa ari mbisi nka sarade. Ariko igihe mutetse imboga, muge muzarura zigifite ibara ry'icyatsi kibisi. Burya iyo zihiye zigahwana, hari intungamubiri zangirika, bityo umubiri w'abazirya ukaba urahombye.

**Kayitesi**: Noneho ndasobanukiwe. Uzi ko nagiye mu mugi bakampa imboga zipfubije nkagira ngo ni ubuswa bw'umutetsi! None nsanze ari nge muswa. Nange sinzongera kuzihisha cyane pe.

**Umujyanama**: Amasaha ndabona agiye, mureke ducumbikire aha ibiganiro. Tuzakomeza ubutaha. Ndashimira abantu biyemeje guhindura imyumvire ku mboga. N'abatavuze kandi nizere ko mufite icyo mutahanye.

**Abitabiriye inama :** Urakoze mujyana!

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Ni ryari umuntu yavuga ko indyo agiye kurya yuzuye.
2. Kurya imboga bimarira iki umubiri w'umuntu?
3. Ese iwanyu mukunda kurya imboga? Ni ryari muzirya ? Ubona biterwa n'iki?
4. Ni ibiki biri mu mboga birinda umubiri indwara?
5. Kuki atari byiza guteka imboga zigashya cyane?

6. Uretse imboga ni ibihe bindi byazunganira mu kurinda umubiri indwara?
7. Umaze gusoma uyu mwandiko ni iyihe nama wagira abantu batarya imboga?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura buri jambo mu yakurikira ukurikije inyito afite mu mwandiko**

a) Kunoganya
b) Gukomoza
c) Gusiganuza
d) Gukendera
e) Akamaro
f) Umutiba
g) Izabukuru

## II. Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro

Umunyeshuri akoreshe neza amagambo mu nteruro ziboneye

**1. Koresha neza amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko mu nteruro ngufi kandi ziboneye**

a) Akamaro
b) Gukendera
c) Izabukuru
d) Umwuzukuru
e) Ubujiji

## III. Ibibazo byo gusesengura umwandiko

Vumbura ingingo z'ingenzi n'iz'ingereka zigize umwandiko, usubize n'ibindi bibazo byo gusesengura umwandikoa.

1. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
2. Vuga ingingo z'ingenzi zigaragara muri uyu mwandiko.
3. Tumaze kumva neza ibivugwa mu kiganiro ni ubuhe butumwa twatanga ku bantu bose muri rusange.

## IV. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:** Imirire y'imboga n'ingamba zafatwa kugira ngo iyo mirire yazo irusheho kunoga.

## Ikinyazina ngenera

Soma interuro zikurikira, maze witegereze amagambo y'umukara tsiri hanyuma uvuge umumaro afite mu nteruro arimo.

**a)** Akamaro **k**'imboga ni uguha umubiri ibirinda indwara.

**b)** Igisubizo **cya** Kayitesi cyashimwe n'Umujyanama.

**c)** Madandi yafashe ikemezo **cyo** kujya arya imboga.

**d)** Abajyanama **b**'ubuzima bafite akamaro kanini.

**e)** Kayitesi ni umukobwa **w**'umuhanga.

**f)** Umwuzukuru **wa** Madandi azi guteka imboga.

### Inshoza y'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera cyunga ijambo n'irindi. Kibumbatiye inyito yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera, kugaragaza ubwoko cyangwa inkomoko, imiterere cyangwa imimerere, guhamya no kubara.

**Ingero :**

Umwuzukuru **wa** Madandi azi guteka imboga. (Kugira: Madandi afite umwuzukuru)

Kayitesi ni umukobwa **w**'Umunyarwandakazi. (Inkomoko: Kayitesi akomoka mu Rwanda).

Kayitesi ni umukobwa **w**'umuhanga. (Imimerere: Kayitesi ni umuhanga).

Gasarabwe ni umwana **wo** mu cyaro. (Inkomoko: wo mu cyaro).

Yasoromye imboga **zo** kurya. (guteganyiriza: imboga ziteganyirijwe kuribwa)

Iwacu turya imbuto ku **wa** Mbere no ku **wa** Gatanu. (Kubara: umunsi wa mbere)

Umujyanama **w**'ubuzima ni ingenzi. (Kugenera: agenewe ubuzima)

### Uturango tw'ikinyazina ngenera

Ikinyazina ngenera kirangwa no kwisanisha n'izina gifata inteko yaryo.

**Ingero :**

Umwuzukuru **wa** Madandi. (nt. 1)
Abuzukuru **ba** Madandi.(nt. 2)

Uruboga **rwo** gutera. (nt. 11)
Imboga **zo** gutera.(nt. 10)

Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri. Hari ibigira igicumbi **– a** hari n'ibigira igicumbi **–** o.

## Intego y'ikinyazina ngenera

Intego y'ikinyazina ngenera igizwe ahanini n'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine ni: Rkz – C ariko kubera ko ikinyazina ngenera gifata indomo iyo gisimbuye izina, gishobora no kugira indomo, indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine D – Rkz – C

–Iyo tugoragoje ikinyazina ngenera dusanga gifite ibicumbi bibiri: **-a** na**-o.**

| **Ingero** | **Rkz – C** | **Amategeko y'igenamajwi** | **Inteko** |
|---|---|---|---|
| Dore akarima **ka** karoti. | ka-a | a→Φ/-J | nt. 12 |
| Dore umurima **wa** karoti | u-a | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore imirima **ya** karoti. | i-a | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** guhingamo dodo. | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore akarima **ko** guhingamo dodo. | ka- o | a→Φ/-J | nt. 12 |
| Dore imirima **yo** guhingamo dodo. | i- o | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** mu gishanga. | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore umurima **wo** muri Nyamukura | u- o | u→w/-J | nt. 3 |
| Dore imirima **yo** ku Mugina. | i- o | i→y/-J | nt. 4 |
| Dore umurima **wo** kuri Nyabarongo | u- o | u→w/-J | nt. 3 |

Nk'uko bigaragara, ikinyazina ngenera kigira igicumbi **-o** akenshi iyo gikurikiwe n'imbundo, indangahantu "ku", "kuri", "mu" cyangwa "muri". Ahandi hasigaye muri rusange, igicumbi k'ikinyazina ngenera kiba **-a.**

– Ikinyazina ngenera gishobora gufata indomo, kigasimbura izina kisanishije na ryo.

| **Ingero:** | D - Rkz - C | | |
|---|---|---|---|
| –Kayitesi yeza imboga zo guteka n'**izo** kugurisha. | i - zi - o | i→ Φ/-J | nt. 10 |
| –Imyumvire ya Kayitesi n'**iya** Madandi irahabanye**.** | i - i - a | i→y/-J | nt. 4 |

## Imbonerahamwe y'ikinyazina ngenera

| Inteko | Igicumbi - a | Igicumbi – o | Byafashe indomo | |
|---|---|---|---|---|
| 1 | wa | wo | uwa | uwo |
| 2 | ba | bo | aba | abo |
| 3 | wa | wo | uwa | uwo |
| 4 | ya | yo | iya | iyo |
| 5 | rya | ryo | irya | iryo |
| 6 | ya | yo | aya | ayo |
| 7 | cya | cyo | icya | icyo |
| 8 | bya | byo | ibya | ibyo |
| 9 | ya | yo | iya | iyo |
| 10 | za | zo | iza | izo |
| 11 | rwa | rwo | urwa | urwo |
| 12 | ka | ko | aka | ako |
| 13 | twa | two | utwa | utwo |
| 14 | bwa | bwo | ubwa | ubwo |
| 15 | kwa | ko | ukwa | uko |
| 16 | ha | ho | aha | aho |

## Imyitozo ku binyazina ngenera

**Shaka ikinyazina ngenera mu nteruro cyangwa amatsinda y'amagambo bikurikira unagaragaze uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi yubahirijwe.**

1. Amasaha yo gukora
2. Abana ba Rukundo
3. Umukobwa wo mu gisabo
4. Indabo za Kayitesi
5. Akarima k'igikoni
6. Imbuto y'umugisha
7. Imyitozo twakoze isa n'iyo mu gitabo.

## Umwandiko: Akarima k'igikoni

Abanyarwanda benshi bamaze gusobanukirwa akamaro ko gutegura imboga kuri buri funguro. Bazi ko mu rwego rwo kwirinda indwara bagomba kurya imboga rwatsi. Akenshi na kenshi, mu migi no mu midugudu, aho abantu badafite aho guhinga

hahagije, usanga imboga bazikura ku isoko. Usibye amafaranga atwarwa no guhaha imboga ku isoko, zimwe mu mboga zigurwayo zitekwa zatakaje intungamubiri. Ubundi imboga zigira agaciro kazo kuzuye iyo ziteguwe zigisoromwa umuntu agahita azirya. Iyo zitinze kuribwa zigenda zitakaza ibyo umubiri wari ukeneye ngo wirinde indwara.

Uburyo bwiza bwo kubona imboga zidahenze kandi zujuje ubuziranenge ni ukugira akarima k'igikoni mu rugo kagaterwaho imboga z'amoko anyuranye. Ako karima ntikaruhije kukubaka no kukitaho. Kukubaka ni ukurunda itaka ugenda urivanga n'ifumbire y'imborera, ubundi ugateraho imboga. Kugira ngo itaka ritagenda ritsuka**,** umuntu aritangiriza imifuka cyangwa ikindi kintu cyabufata.

Amazi avomerera izo mboga ni asaguka ku yo umuntu akoresha mu gikoni atarimo isabune. Iyo zimaze gukura ugenda usoroma izo gutegura ifunguro gusa, bityo buri gihe mu rugo iwawe mukarya imboga zigisoromwa kandi bitabahenze. Iyo ifumbire igabanutse mu karima k'igikoni, umuntu yongeramo indi kugira ngo imboga zikomeze gukura neza. Akarima k'igikoni kandi gashobora kuba akarima gasanzwe kari hafi y'urugo kateguriwe guterwamo imboga zo gusoroma umuntu ahita ateka. Akamaro k'akarima k'igikoni karasobanutse, buri Munyarwanda yagombye kukagira iwe.

## I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko

1. Sobanura itandukaniro riri hagati yo guhaha imboga ku isoko no kuzisoroma mu karima k'igikoni.
2. Ni iki umuntu akenera igihe agiye kubaka akarima k'igikoni?
3. Ese iwanyu abantu bagira uturima tw'igikoni ? Sobanura impamvu bimeze bityo.
4. Ese wowe wumva akarima k'igikoni ari ngombwa? Sobanura impamvu y'igisubizo utanze.

## II. Inyunguramagambo

1. Sobanura amagambo akurikira yakoreshejwe mu mwandiko unakoreshe buri jambo mu nteruro.
   a) Gutsuka
   b) Umudugudu
   c) Igikoni
   d) Ifumbire

## III. Umwitozo w'ubumenyi ngiro

Mu matsinda mwungurane ibitekerezo ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma muhurize hamwe ibyo mwagezeho mu matsinda. Uyu mwitozo mushobora no kuwukorera hanze y'ishuri, mu gihe musubiramo amasomo yanyu.

**Insanganyamatsiko:**

Mwungurane ibitekerezo ku buryo iwanyu mwubakamo akarima k'igikoni.

## Ikinyazina ngenga

Soma interuro zikurikira maze amagambo y'umukara tsiri uvuge icyo yerekezaho n'inteko arimo.

**a)** Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara.
**b)** Kayitesi **we** asobanukiwe akamaro k'imboga.
**c)** Akarima k'igikoni **ko** gatuma imboga rwatsi ziribwa zigisoromwa.
**d)** Abanyamugi, ntawurya imboga nka **bo**.
**e)** **Nge** na **we** ntidusa n'abatarya imboga.
**f)** Imboga zera ahantu **hose** mu Rwanda.
**g)** Iyo ifumbire ishize mu karima k'igikoni umuntu yongera**mo** indi.

### Inshoza y'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga ni ijambo rihagararira nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa risobanura ibyo ari byo. Iyo ryerekeza kuri nyakuvuga cyangwa nyakubwirwa riterurwa n'indangangenga, ryakwerekeza kuri nyakuvugwa rikajya mu nteko zose.

**Ingero :**

– **Nge** na**we** ntidusa n'abatarya imboga.

**Nge ( n-gi-**e**):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya mbere y'ubumwe.

**We (u** –e): iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya kabiri y'ubumwe.

– Akarima k'igikoni **ko** gatuma imboga ziribwa zigisoromwa.

**ko (ka-o):** iki kinyazina ngenga kiri muri ngenga ya 3 mu nteko ya 12.

## Uturango tw'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kigira ibicumbi bibiri : **-e,** na **–o**.

**Igicumbi - e**

**Ingero :**

Ng 1 mu bumwe: nge
mu bwinshi: twe
Ng 2 mu bumwe: wowe
mu bwinshi: mwe
Ng 3 nt.1: we

**Igicumbi – o**

Iki gicumbi gikoreshwa muri ngenga ya gatatu kuva ku nteko ya 2 kugera ku nteko ya 16.

**Ingero:**

ng 3 nt. 2: Bo ndababona.
ng 3 nt. 3: Wo ndawuhinga.
ng 3 nt. 8: Ibibindi byo biravoma.
ng 3 nt. 10: Inka zo zirarisha.
ng 3 nt. 16: Ho ndahajya.

## Intego y'ikinyazina ngenga

Ikinyazina ngenga kigira intego y'indangakinyazina n'igicumbi. Mu mpine Rkz – C

**Ingero:**

| **Inteko cyangwa ngenga** | **Interuro** | **Uturemajambo (intego)** | **Amategeko y'igenamajwi** |
|---|---|---|---|
| ng 1 bu | Ni **nge** uzi guteka imboga ziryoshye. | n-gi-**e** | i→ϕ/-J |
| ng 2 bu | Na**we** ugomba kurya imboga. | u-**e** | u→w/-J |
| ng 1 bw | Si **twe** tudafite akarima k'igikoni**.** | tu-**e** | u→w/-J |
| ng 2 bw | **Mwe** ntimuzi gukora akarima k'igikoni. | mu-**e** | u→w/-J |
| ng3 nt. 1 | Kamana **we** yanga kurya imboga ra! | u-**e** | u→w/-J |
| nt. 2 | Abafite akarima k'igikoni ni **bo** barya imboga zuzuye. | ba-**o** | a→ ϕ/-J |
| nt. 3 | Umwungu na **wo** ubarirwa mu mboga. | u-**o** | u→w/-J |

| | | | |
|---|---|---|---|
| nt. 4 | Imirima si **yo** y'ibura, habura ubushake bwo gutera imboga. | i-**o** | i→y/-J |
| nt. 5 | Idegede na **ryo** ni uruboga. | ri-**o** | i→y/-J |
| nt. 6 | Amababi y'imyumbati ni **yo** avamo imboga zitwa isombe. | a-**o** | a→y/-J |
| nt. 7 | Igihepfu na **cyo** ni uruboga. | ki-**o** | i→y/-J<br>ky→cy<br>mu nyandiko. |
| nt. 8 | Imboga n'imbuto nta kiryoha nka **byo**. | bi-**o** | i→y/-J |
| nt. 9 | Isogi ni **yo** ruboga rwa gakondo kimwe na dodo | i-**o** | i→y/-J |
| nt. 10 | Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara. | zi-**o** | i→ϕ/-J |
| nt. 11 | Urutoryi na **rwo** ruri mu mboga. | ru-**o** | u→w/-J |
| nt. 12 | Akaboga **ko** ntikabarirwa mu mboga rwose. | ka-**o** | a→ϕ/-J |
| nt. 13 | Utu tuboga ni **two** tundyoheye. | tu-**o** | u→w/-J |
| nt. 14 | Ubututu na **bwo** ni imboga. | bu-**o** | u→w/-J |
| nt. 15 | Ukuboko k'umutetsi ni **ko** kuryoshya imboga. | ku-**o** | u→ ϕ/-J |
| nt. 16 | Aha hantu ni **ho** twatera imboga rwatsi. | ha-**o** | a→ ϕ/-J |

## Ikinyazina ngenga gifatanye n'umusuma

Ikinyazina ngenga gishobora kwiyomekaho umusuma ufite inyito yo gusobanura. Imisuma ishobora kwiyomekaho ni : - we, - bwe, - nyine ,- mbi,- se. Imisuma ntabwo igira intego.

**Ingero :**

| | | |
|---|---|---|
| Wowe uraza: | u – o – we | u→ w/-J |
| Ibiti byombi: | bi – o –mbi | i→ y /-J |
| Muze mwenyine: | mu – e –nyine | u→ w/-J |
| Baje bose: | ba – o – se | a → ϕ /-J |

**Imbonerahamwe z'ikinyazina ngenga mpamya**

| Ngenga/ inteko | Ikinyazina | Icyongeweho **–se** | Icyongeweho **–nyine** | Icyongeweho **–mbi** | Icyongeyeho **–we/-bwe** |
|---|---|---|---|---|---|
| ng 1 bu | (n)ge | - | (n)genyine | - | (n)ge**we** |
| ng 2 bu | we | wese | wenyine | - | wowe |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| ng 1 bw | twe | twese | twenyine | twembi | twebwe |
| ng 2 bw | mwe | mwese | mwenyine | mwembi | mwebwe |
| ng3 nt. 1 | we | wese | wenyine | - | - |
| nt. 2 | bo | bose | bonyine | bombi | - |
| nt. 3 | wo | wose | wonyine | - | - |
| nt. 4 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 5 | ryo | ryose | ryonyine | - | - |
| nt. 6 | yo | yose | yonyine | yombi | - |
| nt. 7 | cyo | cyose | cyonyine | - | - |
| nt. 8 | byo | byose | byonyine | byombi | - |
| nt. 9 | yo | yose | yonyine | - | - |
| nt. 10 | zo | zose | zonyine | zombi | - |
| nt. 11 | rwo | rwose | rwonyine | - | - |
| nt. 12 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 13 | two | twose | twonyine | twombi | - |
| nt. 14 | bwo | bwose | bwonyine | bwombi | - |
| nt. 15 | ko | kose | konyine | - | - |
| nt. 16 | ho | hose | honyine | hombi | - |

## Imyitozo ku kinyazina ngenga

Umunyeshuri akore neza umwitozo ku kinyazina ngenga.

**1. Shaka ikinyazina ngenga mu nteruro zikurikira maze uvuge inteko kirimo, ugaragaze uturemajambo twacyo n'amategeko y'igenamajwi yakoreshejwe.**

a) Kamuzinzi uyu ni we wampingiye amashu mu gishanga.

b) Imboga mwe mukunda si zo twebwe dukunda.

c) Za dodo ni zo mboga ziboneka henshi mu Rwanda ; si ko bimeze?

d) Wowe ntujya urya ibishyimbo bitarimo imboga rwatsi.

e) Aba bana ni bo bazakora ibyo mwebwe mwananiwe.

f) Niba mwenda guhaga, murye imboga, ibindi byo muraba mubirya.

## Inshamake y'ibyizwe mu mutwe wa kenda

Muri uyu mutwe, imyandiko iraganisha ku kwihaza mu biribwa hashingiwe ku guteza imbere ubuhinzi bw'ibihingwa ngandurarugo. Hagarutswe ku kamaro k'imboga n'imbuto n'uburyo bwo kubyihazamo hategurwa uturima tw'igikoni.

Ku byerekeye ikibonezamvugo n'ubumenyi bw'ururimi, muri uyu mutwe twasanzemo ubutinde bw'imigemo: tubona ko umugemo ubanguka wandikwa hakoreshejwe inyajwi imwe, naho utinda ukandikwa hakoreshejwe inyajwi ebyiri. Twabonye ko ikinyazina ngenera kibumbatiye inyito yo gutunga, kugira, guteganyiriza no kugenera; n'ikinyazina ngenga gihagararira nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa risobanura ibyo ari byo . Ikinyazina ngenera kigira ibicumbi bibiri: -a na -o. Ikinyazina ngenga cyo kikagira ibicumbi bibiri: -e na -o.

## Isuzuma risoza umutwe wa kenda

*Isuzumwa rikorwa n'abanyeshuri bose kandi buri munyeshuri agakora ku giti ke yubahiriza amabwiriza yahawe.*

**Umwandiko: Bakame, ikinyogote, ingunzu n'umuhinzi**

Umugabo yarihoreye afata isuka ye ajya guhinga, ahinga uburo. Bumaze kumera Bakame ijya kumwonera. Nyiri umurima aje asanga Bakame yamwoneye. Araza ati: "Inyamaswa zandembeje!" Ashyiramo umutego. Bakame igarutse kona ifatwa n'umutego. Nibwo ibonye ikinyogote kije kona mu yindi mirima; Bakame igikubise amaso, irakibwira iti: "Yewe wa mugabo we, enda nkura muri uyu mutego maze nze nkwereke uko abakobwa b'ino babyina. Cya kinyogote gitegura Bakame. Bakame ibonye ko ivuyemo, igifata ukuboko ihirika muri wa mutego iragenda.

Nyiri umurima aje kureba umutego we asangamo cya kinyogote akijyana imuhira iwe arakirya. Nanone Bakame ikomeza kumwonera. Arongera ashyiramo umutego nuko Bakame irongera irafatwa. Nibwo ibonye ingunzu ije kona mu yindi mirima irayibwira iti: "Yewe wa mugabo we, enda nkura muri uyu mutego nze nkwereke uko abakobwa b'ino babyina". Ya ngunzu itegura Bakame. Bakame ibonye ko ivuyemo, ihirikira ya ngunzu muri wa mutego. Iriruka no kwa nyiri umurima iti: "Ngwino uge kureba abajya bakonera imyaka yawe uge ureka kumbeshyera".

Umugabo araza asanga ingunzu muri wa mutego arayifata ajya kuyirya. Nanone Bakame ikomeza kumwonera. Umuhinzi ati: "Inyamaswa ziranze zirandembeje!" Afata ibumba aribumbamo igishushanyo agihagarika muri wa murima. Bakame igarutse kona isangamo cya kintu irakibwira iti: "Yewe wa mugabo we, mvira mu myaka niwanga turwane". Rya bumba riricecekera. Bakame irongera iti: "Yewe wa mugabo we, mvira mu myaka niwanga turwane". Ibumba riti: "Ce". Bakame ibonye ko ibumba nta cyo riyisubije irasimbuka irikubita urushyi ukuboko guheramo. Bakame iti: "Ndekurira ukuboko wa mugabo we!" Ibumba riti: "Ce". Bakame iti:

“Nta cyo bitwaye mfite amaboko abiri. Irikubita ugusigaye na ko guheramo. Bakame ibona byakomeye itangira gutakamba. Iti: “Wa mugabo we wandekuriye amaboko washaka n’iyi myaka ukayimaraho?” Ibumba nanone ntiryakoma. Bakame iti: “Nta cyo bitwaye ndagutera umugeri mfite amaguru. Igize ngo iratera umugeri, ukuguru na ko guheramo. Bakame iti: “Urabeshya turarwana inkundura burinde bucya.” Iriteye ugusigaye na ko kurafatwa isigara yinaganitse ku ibumba risa n’umuntu. Nuko Bakame ifatwa ityo.

Amagambo ashira ivuga, Bakame ihebera urwaje. Nyiri umurima aje mu ruturuturu asanga Bakame arayitwara ajya kuyirya. Kuva ubwo ntihagira icyongera kumwonera aratunga aratunganirwa.

Si nge wahera; hahera Bakame.

## I. Ibibazo byo kumva umwandiko

1. Uyu mwandiko uri mu buhe bwoko bw'imyandiko?
2. Ni iki cyateye umuhinzi gushyira umutego mu murima we?
3. Ubwenge bwa Bakame bwatumye icika umutego inshuro ebyiri. Yabigenje ite?
4. Kugira ngo afate Bakame burundu umuhinzi yakoresheje iki?
5. Garagaza ko inyamaswa zitarusha abantu ubwenge ugendeye ku mwandiko.
6. Nyuma yo gusoma uyu mwandiko wabwira iki abantu bangiza iby’abandi?

## II. Inyunguramagambo

**1. Sobanura amagambo akurikira unayakoreshe mu nteruro iboneye.**

a) Uburo b) Inkundura c) Kona

d) Zandembeje

**2. Simbuza ijambo ry’umukara tsiri impuzanyito zayo.**

a) Bakame isigara **yinaganitse** ku ibumba.

b) Ukuguru na ko **guheramo**.

**3. Simbuza amagambo y’umukara tsiri imbusane zayo.**

a) Bakame **yongera** kumwiba.

b) Ukuguru nako **guheramo.**

## III. Ikibonezamvugo

1. **Vuga ubwoko bw'amagambo aciyeho akarongo unayashakire uturemajambo, amategeko y'igenamajwi n'inteko zayo.**
   a) Nyiri umurima aba ari **cyo** asangamo.
   b) Irikubise urundi na **rwo** rurafatwa.
   c) Akaguru **ka** Bakame na **ko** karafatwa.
   d) Nze nkwereke uko abakobwa **b**'ino babyina?
   e) Umutego **w**'umuhinzi wafashe Bakame.

2. **Andika amagambo y'umukara tsiri ugaragaza ubutinde bw'imigemo.**
   a) Bakame ibona **byakomeye**.
   b) **Umugati** uraryoha.
   c) Nuko **amagambo** ashira ivuga.
   d) Nkwereke uko **abantu** b'ino babyina.

## Imyandiko y'inyongera

### Ibiyobyabwenge

Ibiyobyabwenge ni ibyo kurya cyangwa ibyo kunywa bituma umubiri wacu uhindura imikorere myiza yari isanzwe. Twavuga nk'ibintu umuntu anywa agatangira gusinzira kandi mu by'ukuri nta kazi gakomeye yakoze kamuteye umunaniro . Hari n'ibigera mu mubiri umuntu akagira ingufu zirenze kamere. Abandi na bo iyo bafashe ibiyobyabwenge hari ubwo bahindura imyitwarire bakaba bagira urugomo. Ibiyobyabwenge urubyiruko rukunze kwishoramo twavuga nk'inzoga zitandukanye, itabi, urumogi, kokayine, kore, mayirungi n'ibindi.

Iherezo ry'abakoresha ibiyobyabwenge ariko ntiriba ryiza. Benshi mu bakinnyi bagiye bapfa bishwe n'indwara zikomoka ku ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge. Abandi bagiye barwara indwara zidakira. Ubu habarurwa benshi mu bakinnyi b'ibirangirire basezerewe burundu mu mikino yari ibabeshejeho. Ubu benshi baciwe akayabo k'amafaranga babaziza gukoresha ibiyobyabwenge. Ubu basigaye iheruheru.

Ingaruka rero zitari uburwayi cyangwa urupfu na zo ntizibarika. Ubu urubyiruko rwishora mu biyobyabwenge usanga rutagifite umuco. Ntibakimenya gukoresha imvugo iboneye; ahubwo bakoresha imvugo nyandagazi.

Icyakora ababivuga bose ntibabikoreshwa n'ibiyobyabwenge. Hari n'abatora izo ngeso mbi kubera abandi bana babi biriranwa. Hari n'ibyo bagenda batoratora hirya no hino mu ndirimbo n'amafirime bumva cyangwa bareba. Bene ibyo na byo hari ubwo biba byarahimbwe n'abakoresha ibiyobyabwenge.

Murumva ko ingaruka z'ibiyobyabwenge zidakora ku buzima bw'ababinywa gusa. Ingaruka ziragenda zikagera no mu muryango mugari cyangwa ku gihugu. Ibiyobyabwenge bitera benshi mu rubyiruko kwifata nabi haba mu mvugo cyangwa se mu ngiro. Benshi ntibaba bakibuka ibyo umuco uzira n'ibyo ushima. Hari byinshi umuco uzira kuvuga mu mazina. Ibyo mu muco nyarwanda kubivuga byitwa ibishenzi. Uretse n'ibyo kandi, hari n'abo ibiyobyabwenge byibagiza ikinyabupfura nko kwimukira abakuze cyangwa kudaca abandi mu ijambo.

### Duharanire amahoro

Kamariza ni umwana w'umukobwa ukiri muto uri mu kigero k'imyaka cumi n'itatu. Yiga mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye mu ishuri ry'uburezi bw'ibanze bw'imyaka ikenda riri hafi y'iwabo, akiga ataha mu rugo iwabo. Hafi y'inzira igana iwabo hakaba hatuye umuhungu w'inzererezi uri mu kigero k'imyaka cumi n'irindwi kandi akaba umuntu w'imico mibi cyane.

Umunsi umwe atashye avuye ku ishuri, Kamariza ahura na wa muhungu w'inzererezi aramwirukankana ashaka kumuhohotera. Ku bw'amahirwe, ahura n'abantu benshi bamukiza iyo nzererezi barayifata. Bakora inama yo kuyihana berekana ko abantu bakuru bagomba gutoza abato umuco wo kurwanya ihohoterwa.

Bibutsa ko ihohoterwa aho riva rikagera ari ribi; banibutsa ko ikiremwa muntu kigomba kubahwa, by'akarusho umwana, umwari n'umugore bagahabwa agaciro uko bikwiye; aho kugendera ku muco wa "ya nsina ngufi icibwaho urukoma" usanga abenshi bashaka kwimika.

Nuko wa muhungu w'inzererezi asaba imbabazi, avuga ko uwo muco mubi w'ubuzererezi atazawusubira; ahubwo yiyemeje kugaruka mu murongo muzima; agasubira no mu ishuri yari yarataye. Abari aho bose bamuha amashyi menshi, bake muri bo bamukora no mu ntoki bamushimira uwo mugambi mwiza yiyemeje. Bahumuriza na Kamariza bamubwira ko igihe cyose abonye uwashaka kumuhohotera agomba kutabiceceka; byaba ngombwa bikagezwa no mu nzego z'ubuyobozi zibishinzwe.

Basoza bibutsa ko Abanyarwanda bakwiriye kurangwa n'umuco mwiza w'amahoro aho bari hose, nuko basezeranaho baratataha.

## Mwarimu wange

Iwacu banshakiye umwarimu unyigisha mu biruhuko. Ni umugabo munini kandi muremure, wabarira mu myaka mirongo itanu n'irindwi y'ubukure. Afite uruhanga rurambuye n'uruhara rwamumaze umutwe rukikijwe n'umusatsi muke w'umukara wijimye urimo utuvi duke. Mu maso he hahora hakeye, wagira ngo ntajya arakara. Ubwanwa bwe buhora bwogoshe keretse ubwo hejuru y'umunwa aconga neza. Mu ishati ye y'amaboko magufi hasohokamo ibizigira by'umuntu wateruye ibiremereye. Amaboko ye ariho imitsi myinshi n'ubwoya buza bukagera ku biganza. Ntafite inda nini, atebeza ishati mu ipantaro ye byombi biteye ipasi, bitari binini ariko bitamwegereye cyane, maze ugasanga araberewe. Iyo agenda, atera intambwe nto yitonze kandi adakebaguza, ukaba wamugenda inyuma ntabimenye. Ni umusaza w'umusirimu pe!

Iyo uwo musaza arimo kwigisha, avuga yitonze kandi ahagaze ku kuri yigisha. Akunda umurimo we w'uburezi kandi ni umuhanga rwose. Nta kintu wamusobanuza ngo areke kugusobanurira, haba mu masomo, haba no kukugira inama zisanzwe z'ubuzima. Ni umuntu w'inararibonye, kandi ushimishwa no kugeza ku bandi ibyo azi. Urugwiro rwe kandi rurahebuje. Ntimushobora guhura ngo akurenze ingohe, ahubwo akuramukanya ubwuzu bwa kibyeyi. Iyo akubajije ikibazo ugasubiza ibitari byo, ntagutuka cyangwa ngo agukankamire. Aragufasha, akakuyobora kugeza igihe ugereye ku gisubizo kiri cyo. Ni urugero rwiza rw'umurezi. Kuba ababyeyi baramumpitiyemo ni iby'igiciro. Ndabashimye cyane.

## Mutima utemba ituze (igice cya kabiri)

Ndabona ugiye utashye
Maze ab'iwacu twese
Tukakugenda impande
Kugera nk'aha hirya
Bamwe bakikubura
Maze undi akinigura.
Ndabona ya magambo
Amwe ahora andira mu nda
Nyavuga nta kimwaro
Cyakora numva nkonje
Nti: «Aho urabizi mwari,
Dore navuye iwacu
Nza mu Bisiza iwanyu
Naragushatse ndeba
Naragushatse ndota
Naragukunze wanga
Naragukunze waje.
Dore uyu munsi nguyu
Reka nkubwire ibanga
Burya nkurebamo undi
Ni nyagutaha iwange
Ni nyina w'abo mbyaye
Ndanabishaka hafi
Ngo uze tubane iteka
Mve mu kirambi iwacu
Nge mu gituza ntuze.
Vuga akajambo 'yego'
Maze abasaza baze
N'inzoga za Gihanga
Ndetse n'iza kizungu
Ndetse na cyapangona
Bihogo itahe iwanyu
Nyuma bakumpe mwari.
Mpaze guhora nitwa ingunge».
Ndabona undeba ukuntu
Inyana yo ireba nabi,
Maze amagambo araza
Uravuga «simbi ryange,
Burya ngukunda utazi
Itanura ryaka nabi.
Gusa abakobwa nkange
Duhisha mu nda byinshi.
Nateze yuko umbwira
Aho uru rukundo rwacu
Turuganisha none
Dore uyu munsi uraje.
Gusa nkubwiye yuko
Ngira ababyeyi nkunda,
Nibabishima nzaba
Umutima w'urwo ushinze.»
Ndabona nsuma nshaka
Kukugwa mu nda, nsanze
Kuguma aho ndi byanze.
Nti:« Ndagushimye ijambo
Uvuze rikwiye impundu,
Na bo ababyeyi bawe
Si bo bazanga ibyiza:

Ese ko baza iwacu
Papa akagenda iwanyu!
Ngo umenya baranywanye
Tukiri hanze y'isi.
Dushyire ibintu ahabyo
Ubukwe bwo ni ugutaha.»
Ndabona bwenda kwira
Dufite byinshi twiga,
Ni ko gushaka umunsi
Wo kujya kwiga ibyacu.
Turawupanga yewe
Bigwa n'ahantu heza
Noheri iraye izaba
Kuri Hoteri Izuba.
Iranoga inama yacu
Ujya mu Bisiza iwanyu
Ngana ababyeyi bange.
Ndabona umunsi waje
Tujya kurira utwacu
Iyo mu bushorishori,
Uhavuga ijambo ryiza
Riguma ab'iyi minsi:
«Mbona umushinga wacu
Ukuranye n'uwo mwami
Ndavuga Yezu Kristu
Imigisha yaba myinshi
N'urugo rwaduhira!
Tuge dusenga cyane
Dore umugenga w'isi
Ni we rukundo nyarwo
Rurema uhanga byose
Tuge tumwaka ibyiza
Ni we mubyeyi utanga
Utagira kwirozonga.
Nitumusanga azaza
Nitumubwira azumva
Nitumubera abana
Kugeza ku mperuka,
Umurage wacu uzaba
Kunyurwa, kandi ni uwo.
Kuko gutunga iby'isi
Ukageza aha Mirenge
Nyamara nta mutuzo
Mbona biteye ubwoba.
Uzi ko dukeya twawe
Turimo kumva Imana
Turuta cyane imari
Irimo kuryana nk'imbwa,
Ntavuze kumva udodwa
Umutima uri i Gahanga
Ngo kuko naka atunze
Ibiruta ibyawe bwite!
Erega ugasanga uribye
Rukaba rwakubonye
Bakagufunga imyaka
Bakanateza ibyawe
Ukaba igicibwa hose
Ibara urisize abana
Na nyina ni uko. Yewe
Kunyurwa ni iby'ingenzi.»
Dore ngo ndumva nsinzwe
Kubona umwari nkawe

Usa na bakeya ku isi
Uterura utanga inama
Zo kudatwarwa n'isi
Mu gihe abandi nkawe
Baba bashaka utuntu
Kuruta kumva abantu.
Ngo:«Ese mutunze Benzi?
Karina itaha iwanyu?
Mujya mupanga bumu?
Mujya Dubayi ryari?
Nkennye agakufi keza!
Ndya burusheti ishyushye
Nkanywa konyake ikonje!»
Maze ugasanga uwiha
Kuba umukunzi wabo
Asigaye iheruheru
Ngo anyure ba kabwera
Bakamutera ishoti
Atagira n'ay'ishati!
Wowe ho ntabwo ari uko,
Wowe urasumba ab'ubu
Kure uhahanga amaso.
Kunyurwa nabishimye
No guha Imana umwanya.
Igena uko umuntu akwiye
Ureke abakwiza impuha
Ngo:« Iha aba yima abandi.»
Uko tudahuje impano
Ni na ko nshinzwe ibyange
Wowe ugashingwa ibyawe
Na buri wese ni uko.
Gusa umuganda w'umwe
Utuma iy'abandi ikunda
Kujya mu mwanya wayo,
Inyubako y'isi yacu
Ikagira isura nziza.
Ndabona waka ijambo,
Uti: «Urugo rwacu ndumva
Rugana heza cyane
Kubona nkumva unyumva
Bituma numva nzeye
Kugira ituze iwacu.
Reka dutahe kandi
Dore ikizubazuba
Kiri kurenga iheru.»
Erega ndarota ndeba
Ibyo mvuga ntabiraba!
Cyakora uzaza ndumva
Ibicuro bindya ahantu.
Karibu iwacu mu nzu
Mutima utemba ituze.

## Iyungure amagambo

**Abantu ni magirirane**: abantu baberaho gufashanya no kuzuzanya.

**Abari**: abakobwa, abangavu, inkumi…

**Abategarugori**: abagore

**Agakungu** : imyitwarire mibi umuntu aba afatanyije n'abandi bantu, guhora ugendana n'abantu bamwe kandi bafite ingeso mbi.

**Agaragiwe** : yungirijwe, aherekejwe.

**Agasanduku k'iposita:** kamwe mu dusanduku twinshi tuba ku biro by'iposita dushyirwamo ubutumwa bwanditseho nomero zatwo. Agasanduku kaba kigengwaho n'ikigo runaka.

**Akaga** : ibyago bikomeye.

**Akanayiyambaza**: akanayisunga, akanayisaba,

**Akarande**: ibintu bimaze igihe kirekire cyane, byamenyerewe.

**Amabwiriza**: amagambo umuntu abwira undi amuyobora, amubwira uko agomba kwitwara mu bintu.

**Amadovize**: amafaranga y'amahanga.

**Amahumbezi**: akayaga gake gahuhera kagatanga umwuka mwiza, amafu.

**Amakenga:** ubwitonzi burimo n'igenzura butuma umuntu adapfa guhubukira ibintu.

**Amakimbirane** : ibibazo umuntu agirana n'abandi.

**Amaraporo**: inyandiko zigaragaza ibintu byakorewe muri gahunda runaka zigahabwa umuyobozi wo ku rwego rwisumbuyeho.

**Amashyo**:Inka nyinshi ziri hamwe

**Amayombo**: amayugi y'imbwa, inzogera z'imbwa ziri mu muhigo.

**Anurira** : aryoha cyane.

**Anyuzwe**: yishimye, nta ngingimira, yabyemeye n'umutima we wose.

**Ashoramo**: atangamo kugira ngo imirimo ikorwe neza.

**Ashya ubwoba**: agira ubwoba bwinshi cyane.

**Avubukamo**: asohokamo

**Bagakeburana**: bagakosorana, bakagirana inama.

**Bagashikira**: bagahururira.

**Biramuyobera** : bimubera urujijo.

**Dusangira akabisi n'agahiye**: dukundana cyane by'umwihariko.

**Gufata igihe**: kujya kuba ku muntu ugukoresha kugira ngo umukorere, igihe runaka nikirangira abe yakugabira maze witahire.

**Guhanyanyaza**: kwanga guhagarika igikorwa kigaragara nk'ikitari bukunde.

**Guhatanira ikintu:** guhangana n'abandi mu bikorwa bigamije kwegukana ikintu.

**Guhekura** : kwicira urubyaro.

**Guhererekanya**: gukoresha ikintu kimwe muri benshi, gutizanya…

**Guhunika**: kubika imyaka ahantu izamara igihe kirekire.

**Gukendera**: kwenda gushira kw'ikintu.

**Gukomoza**: kuvuga ku kintu ho gatoya.

**Gukora ku ifaranga**: gutunga amafaranga.

**Gukumira**: guhagarika, gutangira.

**Gupfunyikira umuntu ikibiribiri**: kumubeshya ko hari icyo umuhaye, kumuha ikintu kitagifite agaciro…

**Guponda sima**: kuyitunganya bayivangamo amazi n'umucanga ngo bayikoreshe.

**Gusaakaara:** kugera ahantu henshi.

**Gushoreza** : kwinjiza banyujije mu mazuru nk'umwuka.

**Gusigana** : kwanga gukora ikintu utegereje ko gikorwa n'undi kandi byakagombye kuba mu nshingano zawe.

**Gusiganuza**: gusobanuza ushiritse ubute.

**Gusobanura amavuta**: kuyatandukanya n'amata igihe bamaze gucunda.

**Gutahira**: kurongorera kwa sobukwe kubera ubukene bwo kutagira aho uba.

**Gutahiriza umugozi umwe:** kuzuzanya, gukora ibishyigikira ibya bagenzi bawe.

**Gutenda**: kujya kuba kwa sobukwe ukora imirimo y'amaboko kugira ngo bazaguhe umugeni. Byakoraga umusore w'umukene wabuze inkwano.

**Gutonesha**: Gukundwakaza, gukunda bamwe.

**Gutsimbarara**: kwanga kuva ku gitekerezo umuntu yatangiranye, kwanga kurekura ikintu ufite.

**Gutsuka**: kunyerera ukava mu mwanya warimo.

**Icyari**: ni inzu y'inyoni naho kwarika ni uburyo inyoni ubwazo ziyubakira inzu mu byatsi.

**Icyuho**: mu mwandiko icyuho ni inzira cyangwa aho ikintu cyakwinjirira.

**Igenamigambi:** gahunda y'itegurwa ry'ibikorwa abantu biyemeza kuzagenderaho mu gihe bihaye.

**Igicuba**: igikoresho badahishaga amazi bashyira mu kibumbiro aho inka zanyweraga amazi. Muri iki gihe igicuba bagiterekamo amata.

**Iguciye urwaho**: ikubonye wowe utayibonye.

**Ikamurebera izuba** : ikamwihorera.

**Ikerekezo** : intego umuntu yiha ngo azayigereho.

**Ikiniga**: kunanirwa kuvuga kubera agahinda n'umubabaro.

**Ikinyogote**: ni inyamaswa iba mu gasozi igira amahwa ku ruhu rwayo ku mugongo no mu mbavu.

**Ikitegererezo**: intangarugero, icyo abandi bashobora gufataho urugero.

**Ikobe:** urusaku rutewe n'ibyishimo.

**Imbarutso**: ku mutego ni akantu inyamaswa ikoma umutego ugahita uyifata. Mu mvugo ishushanya, imbarutso ni igikorwa kiba intandaro y'ikintu.

**Imbogamizi**: ibibangamira abantu, intambamyi.

**Imburagihe:** igihe gikwiriye kitaragera, mu buryo butari bwo.

**Imidugararo**: amahane, ibibazo, umwiryane, amakimbirane, impagarara, …

**Imihangayiko**: ibibazo bitesha umuntu umutwe.

**Imivu**: amazi menshi atemba iyo imvura igwa.

**Imivunde**: imyumbati yinnye ikinurwa yaba yumye cyangwa itumye.

**Impanga**: ubundi bivuga abantu bavukiye icyarimwe kandi babyawe n'umuntu umwe

**Imyumvire**: imitekerereze, uburyo umuntu afata ibintu, uko atekereza…

**Inanga**: igikoresho cya kinyarwanda cy'umuziki.

**Indakoreka:** umuntu ukora ibyo yishakiye kandi bibi kandi ntiyemere gukosorwa.

**Indangagaciro remezo**: indangagaciro y'ibanze, indangagaciro shingiro…

**Indiri**: intaho (cyanecyane rikoreshwa ku nyamaswa).

**Ingorabahizi**: bikomeye cyane kwikuramo.

**Intandaro**: imvano, impamvu, inkomoko…

**Intangarugero**: ukora ibyiza bishimwa n'abo bari kumwe.

**Inzogera irirenga**: arapfa, yitaba Imana.

**Ipfunwe:** ikimwaro cyangwa isoni umuntu aterwa no kuba atakoze ibikwiye.

**Iposita:** ni ibiro bishinzwe gutwara no kwakira impapuro z'itumanaho n'ibindi

bintu biturutse cyangwa bijya kure.

**Irudubi**: bibi bikabije, kure habi, nabi bikabije…

**Irungu**: kuba wenyine udafite uwo muvugana.

**Ishema:** umunezero umuntu aterwa no kuba yakoze ibikwiye.

**Ishyaka**: umurava, ubutwari.

**Isugi**: umukobwa, utarigeze akora imibonano mpuzabitsina. Ku gikoresho, bavuga ko ari isugi iyo kitarakoreshwa na rimwe.

**Itsinda**: abantu bari hamwe ku murimo umwe.

**Iyitaho**: igikorwa cyo kwita ku kintu, ukagikenura.

**Iyo gihera**: kure cyane.

**Izabukuru**: igihe umuntu ageramo cyo gucika intege kubera ubusaza.

**Kadasuma**: kadasakuza, katavuga cyane, kadahinda…

**Karahabutaka**: ikintu kinini cyane.

**Kokama:** gucengera mu muntu ku buryo bidapfa kumuvamo (ubundi iyi mvugo ikoreshwa ku bintu bibi).

**Kokayine**: ubwoko bw'ikiyobyabwenge.

**Kona**: kurya imyaka kw'inyamaswa ziyangiza.

**Ku isoko ry'umurimo** : mu ipiganwa ryo kubona akazi cyangwa mu gutunganya ibintu runaka.

**Ku ruhimbi** : aho batereka amata cyangwa babika ibikoresho cyanecyane ibijyanye n'amata.(ari nko ku rusika cyangwa ku gatanda bubatse).

**Kuba igikanka**: kunanuka cyane bikabije.

**Kubungabunga umutekano**: kwita ku mutekano, gucunga umutekano ngo uhoreho…

**Kuganura**: kurya bwa mbere ku byo bejeje, gusangira umusaruro wa mbere...

**Kugariza** : guhangayikisha; gushaka kugirira nabi.

**Kugaya** : kunenga; kugaragaza ko ikintu kidakwiye.

**Kugira amaboko**: kugira inshuti nyinshi.

**kugira ishyaka**: kugira umwete, kugira ubutwari, kwiyongeramo imbaraga…

**Kumara amavuta**: umuhango wakorwaga n'abageni bakoze ubukwe. Bageraga aho bari burare bakabanza gukirana…

**Kumira nkeri:** kurohama mu mazi ugapfa, ugasoma amazi menshi ugahwera.

**Kunegekaza**: kuzahaza, guca intege…

**Kuva ku izima**: kwemera icyo wari wanze nyuma y'igihe kirekire.

**Kwagura**: kongera ubugari cyangwa ubunini.

**Kwegukana:** gutwara ikintu ugitsindiye abandi.

**Kwibaruka**: kubyara.

**Kwibasira**: kwitabira kugirira nabi umuntu cyangwa ikintu runaka.

**Kwica ugakiza:** kugira ububasha burenze ubw'abo muri kumwe, ariko ukabukoresha uko wiboneye nta we ugisha inama.

**Kwigiza nkana:** kwijijisha, gusa n'uwirengagiza ibintu kandi ubizi neza.

**Kwihanangiriza**: kwiyama umuntu bamusaba kutazasubira amakosa yakoze.

**Kwihera ijisho**: kwirebera.

**Kwitabira:** gufata umwanya wo kuboneka mu gikorwa runaka.

**Kwitotomba**: kuvuga amagambo menshi kubera ikintu giteye umuntu uburakari.

**Kwiyegamiza**: kwicara maze umurwayi akakwegamaho ngo aruhuke.

**Mu rutururuturu**: mu museso, mu gitondo cya kare, butaracya neza.

**Mugasizora**: mugakabya; mukarengera.

**Mukaba isandi**: mugasakuza cyane; mugasahinda.

**Nkoma agatima**: ntekereza.

**Ribura isoko**: ritakaza agaciro.

**Rubagimpande**: indwara y'imitsi ikunda gufata abantu bashaje.

**Rwanda rw'ejo** : abakiri bato, abakibyiruka.

**Ryihagazeho**: rifite agaciro kanini.

**Tembure**: ni agapapuro gato kariho igishushanyo n'amafaranga kagura kagenewe komekwa ku ibahasha kugira ngo iposita yemere kuyigeza aho igomba kujya.

**Twasemberera**: twaba ducumbitse ariko mu buryo budahesheje ishema.

**Ubumanzi**: ubunyangamugayo, umuco wo kwanga umugayo…

**Ubuziranenge**: kuba ikintu ari umwimerere kandi nta mwanda gifite.

**Ubwangwe**: ubunebwe.

**Umucakara:** umuntu ukora imirimo y'uburetwa, ivunanye cyane kandi nta gihembo.

**Umudugudu**: ahantu hagenewe guturwa mu cyaro, abantu bakahubaka

**Umuhondo** (amata): amata y'inka ikibyara

**Umuruho**: imibereho mibi umuntu abamo igihe kirekire.

**Umutiba**: igikoresho babikamo imyaka kiboshye nk'igitebo ariko kikaba kirekire kurusha uko ari kigari.

**Umwete**: ubushake bwo gukora vuba, kutiganda…

**Urugwiro**: ubugwaneza, kwakirana umuntu ubwuzu, urukundo…

**Uruhererekane** : urukurikirane rw'ibintu runaka bifite icyo bihuriyeho.

**Urukumbuzi** : kumva wifuje guhura no kuganira n'umuntu mwigeze kubana.

**Uwafuditse**: uwakosheje, uwahemutse, uwakoze amafuti, uwakoze amakosa…

## Ibitabo n'inyandiko byifashishijwe


1. INTEGENYANYIGISHO Y'IKINYARWANDA IKICIRO RUSANGE, Kigali, 2015
2. Minisiteri y'Amashuri Abanza n'Ayisumbuye, Ubuyobozi bukuru bw'ubushakashatsi n'ubuhanga mu nyigisho, *IKIBONEZAMVUGO K'IKINYARWANDA, IYIGANTEGO N'IGENAMAJWI, IZINA na NTERA, Igitabo cy'umunyeshuri Imyaka 2 ya mbere Amashami yose, 1988*
3. Igazeti ya Leta n° 41 yo ku wa 13/10/2014, *Amabwiriza ya Minisitiri n° 001/2014 yo ku wa 08/10/2014 agenga imyandikire y'Ikinyarwanda, 2014*
4. BIZIMANA, S. n'abandi, *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, Igitabo cya Mbere*, IRST, 1998
5. BIZIMANA, S., *Imiteêrere y'îkinyarwaanda, Igitabo cya gatatu*, umusogongero ku buvaanganzo, IRST, 1998
6. MUTAKE Tarisisi, Ikinyarwanda , Ikibonezamvugo, imbonerahamwe y'itondaguranshinga risanzwe "Risanzwe" les éditions de la Régie de l'imprimerie scolaire, 1991
7. INKORANYA Y'IKINYARWANDA MU KINYARWANDA, IRST, 2004.
8. FOUNTAIN PUBLISHERS, IKINYARWANDA, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu amashuri yisumbuye Fountain Publishers, 2013.
9. RUGAMBA C., Nkubambuze umugani, igitabo cya kabiri, INRS, BUTARE, 1988.
10. IKIGO K'IGIHUGU GISHINZWE INTEGANYANYIGISHO (NCDC), *IKINYARWANDA, Imyandiko rusange*, 2008
11. Microsoft Encarta, 2009.
12. DPES, Ikinyarwanda Gusoma no gusesengura imyandiko I, bifatiye kuri SMITH, P, Le récit populaire au Rwanda, Armand Colin, Paris, 1975, imp. 334 – 338.